Amasomo Mbonezamubano

Igitabo Cy'Umwarimu

Umwaka wa 3

W'amashuri Abanza

© 2019 Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda (REB)

Iki gitabo ni umutungo w'Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda.

Uburenganzira bw'umuhanzi w'ibikubiye muri iki gitabo bufitwe n'Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda (REB).

ISHAKIRO

IRIBURIRO **1**
INTANGIRIRO **3**
IMBONERA HAMWE NKOMATANYAMASOMO **7**
IMBATA Y'ISOMO RISHINGIYE KU BUSHOBOZI **12**

UMUTWE WA 1: UMURYANGO MUGARI **17**
1.1 Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe 17
1.2 Ibyizwe mbere bifitanye isano n'uyu mutwe 17
1.3 Ubumenyi ku ngingo nsanganyamasomo buri muri uyu mutwe n'uko bugerwaho 17
1.4 Ubushobozi umunyeshuri azunguka muri uyu mutwe 17
1.5 Amagambo umunyeshuri azunguka muri uyu mutwe 18
1.6 Ikibazo nyamukuru 18
1.7 Uko umwarimu yita ku bafite ibibazo byihariye yigisha uyu mutwe 18
1.8 Imbonerahamwe y'ibyigwa biri muri uyu mutwe 18
1.9 Imyigishirize ya buri kigwa kiri muri uyu mutwe 19
1.10 Ibisoza umutwe 26

UMUTWE WA 2: UMURENGE WACU **28**
2.1 Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe 28
2.2 Ibyizwe mbere bifitanye isano n'uyu mutwe 28
2.3 Ubumenyi ku ngingo nsanganyamasomo buri muri uyu mutwe n'uko bugerwaho 28
2.4 Ubushobozi umunyeshuri azunguka muri uyu mutwe 28
2.5 Amagambo umunyeshuri azunguka muri uyu mutwe 29
2.6 Ikibazo nyamukuru 29
2.7 Uko umwarimu yita ku bafite ibibazo byihariye yigisha uyu mutwe 29
2.8 Imbonerahamwe y'ibyigwa biri muri uyu mutwe 29
2.9 Imyigishirize ya buri kigwa kiri muri uyu mutwe 30
2.10 Ibisoza umutwe 38

UMUTWE WA 3: ISUKU 41
3.1 Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe 41
3.2 Ibyizwe mbere bifitanye isano n'uyu mutwe 41
3.3 Ubumenyi ku ngingo nsanganyamasomo buri muri uyu mutwe n'uko bugerwaho 41
3.4 Ubushobozi umunyeshuri azunguka muri uyu mutwe 41
3.5 Amagambo umunyeshuri azunguka muri uyu mutwe 42
3.6 Ikibazo nyamukuru 42
3.7 Uko umwarimu yita ku bafite ibibazo byihariye yigisha uyu mutwe 42
3.8 Imbonerahamwe y'ibyigwa biri muri uyu mutwe 42
3.9 Imyigishirize ya buri kigwa kiri muri uyu mutwe 43
3.10 Ibisoza umutwe 50

UMUTWE WA 4: IMIBANIRE N'IMYITWARIRE IBONEYE 52
4.1 Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe 52
4.2 Ibyizwe mbere bifitanye isano n'uyu mutwe 52
4.3 Ubumenyi ku ngingo nsanganyamasomo buri muri uyu mutwe n'uko bugerwaho 52
4.4 Ubushobozi umunyeshuri azunguka muri uyu mutwe 52
4.5 Amagambo umunyeshuri azunguka muri uyu mutwe 53
4.6 Ikibazo nyamukuru 53
4.7 Uko umwarimu yita ku bafite ibibazo byihariye yigisha uyu mutwe 53
4.8 Imbonerahamwe y'ibyigwa biri muri uyu mutwe 53
4.9 Imyigishirize ya buri kigwa kiri muri uyu mutwe 54
4.10 Ibisoza umutwe 59

UMUTWE WA 5: UBUKUNGU 61
5.1 Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe 61
5.2 Ibyizwe mbere bifitanye isano n'uyu mutwe 61
5.3 Ubumenyi ku ngingo nsanganyamasomo buri muri uyu mutwe n'uko bugerwaho 61
5.4 Ubushobozi umunyeshuri azunguka muri uyu mutwe 61
5.5 Amagambo umunyeshuri azunguka muri uyu mutwe 62
5.6 Ikibazo nyamukuru 62
5.7 Uko umwarimu yita ku bafite ibibazo byihariye yigisha uyu mutwe 62
5.8 Imbonerahamwe y'ibyigwa biri muri uyu mutwe 62

5.9 Imyigishirize ya buri kigwa kiri muri uyu mutwe 62
5.10 Ibisoza umutwe..... 64

UMUTWE WA 6: UBUYOBOZI BW'AKAGARI N'UBW'UMURENGE 67
6.1 Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe 67
6.2 Ibyizwe mbere bifitanye isano n'uyu mutwe 67
6.3 Ubumenyi ku ngingo nsanganyamasomo buri muri uyu mutwe n'uko bugerwaho..... 67
6.4 Ubushobozi umunyeshuri azunguka muri uyu mutwe..... 67
6.5 Amagambo umunyeshuri azunguka muri uyu mutwe..... 68
6.6 Ikibazo nyamukuru 68
6.7 Uko umwarimu yita ku bafite ibibazo byihariye yigisha uyu mutwe 69
6.8 Imbonerahamwe y'ibyigwa biri muri uyu mutwe 69
6.9 Imyigishirize ya buri kigwa kiri muri uyu mutwe 69
6.10 Ibisoza umutwe 75

UMUTWE WA 7: IBIDUKIKIJE MU MURENGE 78
7.1 Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe 78
7.2 Ibyizwe mbere bifitanye isano n'uyu mutwe 78
7.3 Ubumenyi ku ngingo nsanganyamasomo buri muri uyu mutwe n'uko bugerwaho 78
7.4 Ubushobozi umunyeshuri azunguka muri uyu mutwe..... 78
7.5 Amagambo umunyeshuri azunguka muri uyu mutwe..... 78
7.6 Ikibazo nyamukuru 79
7.7 Uko umwarimu yita ku bafite ibibazo byihariye yigisha uyu mutwe 79
7.8 Imbonerahamwe y'ibyigwa biri muri uyu mutwe 79
7.9 Imyigishirize ya buri kigwa kiri muri uyu mutwe 80
7.10 Ibisoza umutwe 88

UMUTWE WA 8: UBWIKOREZI N'ITUMANAHO 90
8.1 Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe 90
8.2 Ibyizwe mbere bifitanye isano n'uyu mutwe 90
8.3 Ubumenyi ku ngingo nsanganyamasomo buri muri uyu mutwe n'uko bugerwaho..... 90
8.4 Ubushobozi umunyeshuri azunguka muri uyu mutwe..... 90
8.5 Amagambo umunyeshuri azunguka muri uyu mutwe..... 91
8.6 Ikibazo nyamukuru 91

8.7 Uko umwarimu yita ku bafite ibibazo byihariye yigisha uyu mutwe..... 91
8.8 Imbonerahamwe y'ibyigwa biri muri uyu mutwe 91
8.9 Imyigishirize ya buri kigwa kiri muri uyu mutwe 92
8.10 Ibisoza umutwe 96

UMUTWE WA 9: IBINTU BY'INGENZI BYARANZE AMATEKA Y'UMURENGE WACU..... 98
9.1 Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe 98
9.2 Ibyizwe mbere bifitanye isano n'uyu mutwe 98
9.3 Ubumenyi ku ngingo nsanganyamasomo buri muri uyu mutwe n'uko bugerwaho 98
9.4 Ubushobozi umunyeshuri azunguka muri uyu mutwe..... 98
9.5 Amagambo umunyeshuri azunguka muri uyu mutwe..... 99
9.6 Ikibazo nyamukuru 99
9.7 Uko umwarimu yita kubafite ibibazo byihariye yigisha uyu mutwe 99
9.8 Imbonerahamwe y'ibyigwa biri muri uyu mutwe 99
9.9 Imyigishirize ya buri kigwa kiri muri uyu mutwe 100
9.10 Ibisoza umutwe 101

10. IBISUBIZO BY'URUGERO RW'ISUZUMA RISOZA UMWAKA WA GATATU 104

11. IBITABO BYIFASHISHIJWE 106

IRIBURIRO

Mwarimu murezi, iki gitabo cy'Amasomo Mbonezamubano ni icyawe kije gikurikira icy'umwaka wa kabiri.

Gisobanura mu buryo bworoshye kandi bwumvikana neza uko ukwiye kwigisha amasomo mbonezamubano.

Kikwereka uko utanga inyigisho zishingiye ku bushobozi uha umunyeshuri uruhare runini mu myigire ye.

Ikindi kandi kikuyobora mu kugeza abanyeshuri ku bumenyi, ubumenyingiro n'ubukesha buteganijwe ku munyeshuri urangije ikiciro cya mbere cy'amashuri abanza.

Gikubiyemo uburyo bwose bukoreshwa mu masomo atandukanye bugufasha kugera ku ntego zisabwa.

Mu kukurinda guhuzagurika, iki gitabo kijyanye n'icy'umunyeshuri kigenda kikwereka neza aho ibyigwa bihereye, uko bitangwa, imyitozo ijyanye na byo n'ibisubizo byayo.

By'umwihariko iki gitabo kiguha uburyo bwo kwita ku banyeshuri bawe bose nta we usize inyuma.

Imikoreshereze y'iki gitabo

Iki gitabo gikoreshwa hamwe n'igitabo cy'umunyeshuri. Mbere yo kwigisha buri gihe usabwa kubanza kugisoma kuko kiguha umurongo uhamye w'ukuntu watanga amasomo yawe neza nta mbogamizi cyane cyane ugasobanukirwa ibiri mu ntangiriro.

Kirimo uburyo bwose wakoresha bujyanye n'integanyanyigisho ishingiye ku bushobozi.

Mu ntangiriro yacyo harimo ibisobanuro bihagije ku kamaro ko kwiga amasomo mbonezamubano ku munyeshuri, ku muryango we no ku gihugu muri rusange.

Hakubiyemo kandi ibisobanuro kuri ibi bikurikira:

- Ubushobozi rusange bugamijwe mu masomo mbonezamubano y'umwaka wa gatatu.
- Ubushobozi fatizo bugamijwe mu masomo mbonezamubano
- Ingingo nsanganyamasomo zigerwaho mu masomo mbonezamubano.
- Uburyo bukoreshwa higishwa amasomo mbonezamubano.
- Ibyo usabwa gukora igihe wigisha amasomo mbonezamubano.
- Ibyo umunyeshuri asabwa gukora igihe yiyigisha cyangwa yiga.
- Uruhare rwawe mu kwita ku burezi bw'abafite ibyo bagenerwa byihariye mu myigire yabo .
- Uko isuzuma rikoreshwa n'ibigomba kwitabwaho.

Iki gitabo kikuyobora mu myigire n'imyigishirize y'amasomo mbonezamubano kiguha:

– Urugero rw'uko wategura isomo rishingiye ku bushobozi.
– Urutonde rw'amasomo uzigisha umwaka wose n'urutonde rw'amasomo uzigisha muri buri mutwe.

Imyigire n'imyigishirize ya buri mutwe iteye ku buryo bukurikira:

– Ibyizwe mbere bifitanye isano na buri mutwe.
– Ubumenyi ku ngingo nsanganyamasomo buri muri mutwe n'uko bugerwaho.
– Ubushobozi umunyeshuri azunguka muri buri mutwe.
– Amagambo umunyeshuri yunguka muri buri mutwe.
– Ikibazo nyamukuru, kiboneka mu buzima busanzwe.
– Uko uyobora abanyeshuri mu bikorwa n'imyitozo biri muri buri mutwe.
– Ibisubizo by'ibikorwa n'imyitozo biri muri buri mutwe.

Imyitozo ya "**Reka nisuzume**" ikorwa na buri munyeshuri ku giti ke.

"**Reka nisuzume"** ni uburyo umunyeshuri ku giti ke yisuzuma atanga ibisubizo by'ibibazo biri mu gitabo cy'umunyeshuri.

Imyitozo ya "**Nsuzuma ngusuzume"** ikorwa n'abanyeshuri babiribabiri mu rwego rwo gushimangira umuco wo gufashanya bakosorana.

"Nsuzuma ngusuzume" ni uburyo abanyeshuri bahabwamo umwanya wo kwicarana babiribabiri cyangwa batatubatatu bakabazanya ibibazo biri mu gitabo cy'umunyeshuri bakanasubiza ibibazo bitandukanye.

– Uko wakwita by'umwihariko ku bafite ibibazo byihariye wigisha buri mutwe
– Inshamake y'ibikubiye muri buri mutwe wigishijwe.
– Ubumenyi bw'inyongera usabwa kugira bujyanye na buri mutwe.
– Ibisubizo by'isuzuma risoza buri mutwe.
– Imyitozo y'umwihariko ihabwa abanyeshuri bagenda buhoro mu myigire n'ibisubizo byayo.
– Imyitozo y'umwihariko ihabwa abanyeshuri bihuta cyane mu myigire kurusha abandi n'ibisubizo byayo.
– Imyigire n'imyigishirize ya buri kigwa.

Gukoresha neza iki gitabo bigufitiye akamaro gakomeye wowe n'abanyeshuri wigisha.

Tukwifurije akazi keza!

INTANGIRIRO

Amasomo mbonezamubano ni umusingi w'amasomo yose y'ubumenyamuntu ashimangira indangagaciro z'Umunyarwanda.

Agamije kubaka ubumuntu, umunyeshuri akagira imyitwarire ikwiye, yimakaza umuco w'amahoro, ubworoherane, ubutabera n'ubumwe by'Abanyarwanda.

Agamije kandi kwigisha abanyeshuri gutandukanya ikibi n'ikiza, gukora ibikwiye mu gihe gikwiye. Bityo bakaba inyangamugayo, intangarugero n'Abanyarwanda nyabo Igihugu gikeneye.

Amasomo mbonezamubano akubiyemo inyigisho kuri "Ndi Umunyarwanda ", Itorero ry'Igihugu, ubuzima bw'imyororokere , kubungabunga ibidukikije, kwizigamira, uburinganire, kwirinda indwara, isuku, umuco w'amahoro n'iterembare, uburezi budaheza, ikoranabuhanga, ubumwe n'ubworoherane.

Ubushobozi rusange bugamijwe mu masomo mbonezamubano

Umunyeshuri urangije umwaka wa gatatu agomba kuba ashobora:

- Gusobanukirwa imiterere y'Umurenge atuyemo .
- Kwimakaza umuco w'amahoro n'uburenganzira bwa muntu aho atuye.
- Kurangwa n'imyitwarire iboneye aho ari hose .
- Guharanira imibereho myiza y'umuryango.
- Gusobanukirwa ubukungu bw'Umurenge atuyemo.
- Kugira ubumenyi mu burere mboneragihugu, ubumenyi bw'isi n'amateka by'Umurenge atuyemo cyangwa yigamo.

Ubushobozi fatizo bugamijwe mu masomo mbonezamubano

- Gukoresha ubushishozi, ubushakashatsi mu gukemura ibibazo mu gutara amakuru arebana n'amateka y'Umurenge.
- Guhanga udushya yikorera agashinga kabyara inyungu.
- Gushyikirana n'abandi mu gihe bajya impaka cyangwa bakora inkuru.
- Kubasha guhora yiyungura ubumenyi mu myigire ye no mu buzima bwe bwose.

Uko amasomo mbonezamubano yubaka ubushobozi

Amasomo mbonezamubano atoza abanyeshuri kwiyigisha bakora ubushakashatsi, bitegereza, bakorera mu matsinda, bakavumbura ibyigwa bagenewe babigizemo uruhare runini.Bitoza imigenzo myiza yiganjemo indangagaciro nyarwanda, bashungura ibyiza by'umuco wacu.Bahabwa ubushobozi bwo gushishoza mbere yo gukora icyo ari cyo cyose, kwibwiriza no guhanga udushya.

Imbonezamasomo mu kwigisha amasomo mbonezamubano

Amasomo mbonezamubano agamije gutoza abana imico myiza, bakabana neza n'abandi, bakagira imyitwarire iboneye bakiri bato.

Uburyo bukoreshwa mu kwigisha amasomo mbonezamubano :

1. ***Gukorera mu matsinda*** bifasha umunyeshuri :

– Kwiyumvisha uruhare rwa buri wese (uburinganire).

– Kwigirira ikizere.

– Kubana neza na bagenzi be basangiye itsinda.

– Kubaha ibitekerezo by'abandi no kwemera ubwuzuzanye.

– Kwifatanya n'abandi mu gutunganya umurimo bahawe .

– Kungurana ibitekerezo mu mahoro n'ubwumvikane.

– Abanyeshuri b'abanebwe cyangwa badashabutse baterwa umwete na bagenzi babo b'inkwakuzi bari kumwe mu itsinda.

– Mu mirimo y'amatsinda, haba ubwuzuzanye, butuma imyigire yoroha kandi ikaba myiza kurusha uko umwarimu yaba ari we ukora wenyine.

2. Anketi:

Ubu buryo ni ingirakamaro mu masomo mbonezamubano kuko umunyeshuri agiramo uruhare runini. Ni we ushakashaka, akavumbura, akiyungura ubumenyi, ubukesha, imico myiza n'imyitwarire.

3. ***Umushinga:***

- Ahanini umunyeshuri ahabwa umurimo/igikorwa cyo gukora
- Imishinga ntinganya uburemere n'igihe ariko iba ikwiranye n'ikigero ndetse n'ubushobozi bw'umunyeshuri.
- Buri gihe umwarimu afasha kandi akayobora umunyeshuri kugira ngo akore umurimo we neza.
- Umunyeshuri yifashisha ishuri, aho atuye n'ahandi.

Urugero: inzibutso, inzu ndangamurage, amasomero, n'ibindi…

4. Gushakashaka*:*

Ubu bushakashatsi bushingiye ahanini ku bibazo ajya kubaza ababyeyi, abantu bakuru b'inararibonye bari ku ishuri cyangwa hafi y'aho atuye.

5. Gusura ahantu:

Bigamije gufasha umunyeshuri kwitegereza no kuvumbura bimwe mu bifitanye isano n'ibyo yize cyangwa agiye kwiga. Ashobora gusura nk'isoko, ivuriro, Umudugudu, Akagari, inzu y'ubucuruzi ...

6. Kujya impaka:

Umunyeshuri agiramo uruhare runini kuko ari we utanga ibitekerezo ku bigibwaho impaka; yabanje kubisesengura, agashimangira cyangwa akavuguruza ibyo bagenzi be bavuze.

7. Kwitoza no gusubiramo

- Ubu buryo burihariye kandi bwuzuza ubwavuzwe haruguru.
- Bugamije gufasha umunyeshuri gusubira mu byo yize, kubishyira mu bikorwa no kubisobanukirwa neza.
- Kwitoza (gushyira mu bikorwa) no gusubiramo bifasha umunyeshuri kubona ibyo atumvise neza, ibyamucitse, bityo akagira ubumenyi bwuzuye bw'ibyo yigishijwe.

Ibyo umunyeshuri asabwa gukora igihe yiga amasomo mbonezamubano

– Umunyeshuri yiga neza iyo agira uruhare mu myigire ye kandi adafata mu mutwe gusa ahubwo agira ibikorwa akora .

– Agomba kugira ubushobozi mu gusesengura, gusabana no gukora wenyine cyangwa agakorana na bagenzi be.

– Kwifashisha imfashanyigisho yahawe agakora ibyo umwarimu amubwira.

– Kubaha bagenzi be no kugira ikinyabupfura mu ishuri.

– Gufata neza ibikoresho bye n'iby'abandi.

– Kumenya gukorana n'abandi, kwihangana no kwemeranya ku gisubizo kiri cyo.

– Kumenya kwitegereza, gukorakora no gushyira ibintu mu buryo.

Ibyo umwarimu asabwa gukora yigisha amasomo mbonezamubano

– Umwarimu azareka uburyo bw'imyigishirize ishaje yo kuba ipfundo rya byose ahubwo azabe umwunganizi, age ayobora umunyeshuri mu myigire ye, aha agaciro ibifitiye umunyeshuri akamaro n'ibindi akeneye .

– Umwarimu areba uburyo bukwiye bwo gutegura ishuri rye, uko yicaza abanyeshuri, uko abashyira mu matsinda ku buryo buri wese agira uruhare mu bikorwa mu isomo no mu byigwa runaka.

– Umwarimu ayobora abanyeshuri mu gukoresha neza imfashanyigisho: ibitabo amakarita, amashusho..., mu gukora ubushakashatsi buri ku kigero cyabo, mu kujya impaka, mu buryo bunoze bwo gufata ibitekerezo n'ingingo z'ingenzi z'ibyo bakoze n'uko babigaragariza abandi mu ishuri.

Uko umwarimu yita ku bafite ibyo bagenerwa byihariye mu myigire yabo

– Umwarimu ashaka uburyo bukwiye bwo gufasha abanyeshuri bafite imbogamizi mu myigire yabo hitabwa ku bibazo bafite kugira ngo na bo bakurikire amasomo nk'abandi.

– Abategurira imyitozo iri ku rwego rwabo, ibikoresho n'imfashanyigisho byihariye mu gihe biga cyangwa bakora isuzuma.

Uko isuzuma rikoreshwa n'ibigomba kwitabwaho

- Isuzuma rigomba gushingira ku bushobozi umunyeshuri agakora umwitozo ujyanye n'ubuzima bwe bwa buri munsi ashyira mu bikorwa ibyo yize.
- Isuzuma ryo kugorora imyigire n'imyigishirize hakoreshwa uburyo buziguye n'ubutaziguye hagamijwe gusuzuma ko abanyeshuri biga uko bikwiye.
- Ni ngombwa kugena ingingo ngenderwaho mu gusuzuma urwego rw'ubushobozi (ubumenyi, ubumenyingiro n'ubukesha) abanyeshuri bagomba kugeraho muri buri somo.
- Ni ngombwa gusuzuma niba abanyeshuri bose bashoboye kugera uko bikwiye ku bushobozi bw'ingenzi bugamijwe nyuma ya buri mutwe uhereye ku bigenderwaho mu isuzuma byateganyijwe mu ntangiro y'umutwe.
- Ni ngombwa gusuzuma uko abanyeshuri bagaragaza ubushobozi bukubiye mu byigwa ndetse n'ubushobozi nsanganyamasomo.
- Mu isuzuma ni byiza gukoresha impurirane y'uburyo bukurikira:
  1. ***Kwitegereza***
  2. ***Ibibazo basubiza bandika***
  3. ***Ibibazo basubiza bavuga***
  4. ***Ibibazo bajyaho impaka***
  5. ***Ibibazo bibasaba gukora ubushakashatsi ku rwego rwabo***
- Ni byiza kureba intera umunyeshuri agezeho nyuma ya buri kigwa, nyuma ya buri mutwe, nyuma ya buri gihembwe cyangwa nyuma y'umwaka ugamije gusuzuma ishusho y'ubushobozi umunyeshuri amaze kugeraho.
- Ni byiza gukoresha isuzuma rikomatanya ibyo umunyeshuri yize, hakarebwa niba agaragaza ubushobozi bugamijwe bwari buteganyijwe.
- Ni ngombwa kubika inyandiko zigaragaza umusaruro w'isuzuma habikwa ibyavuye mu isuzuma kugira ngo bizagufashe gutegura ibikorwa cyangwa ingamba zihariye zituma amasomo yumvikana kurushaho.
- Isuzuma rihoraho ni ryo rigaragaza ko umunyeshuri yakurikiye neza mu ishuri mbere y'uko akora isuzuma risoza igihembwe cyangwa umwaka.
- Ibibazo by'isuzuma bigomba gutoza abanyeshuri gutekereza ku buryo bwimbitse, gushyira mu gaciro no gufata imyanzuro ihamye kandi ikwiye.
- Ibibazo by'isuzuma bigomba gutegurwa hashingiwe ku mibereho y'umunyeshuri kandi bifitanye isano n'ubuzima umunyeshuri abamo.
- Nyuma y'isuzuma ni ngombwa guha ababyeyi raporo y'intambwe abanyeshuri bagenda batera mu myigire yabo, ubereka uko bagaragaza ubushobozi bugamijwe n'aho bafite intege nke hakenewe gushyirwamo imbaraga.

IMBONERAHAMWE NKOMATANYAMASOMO

Imitwe y'amasomo	Umutwe wa 1: Umuryango mugari	Umutwe wa 2: Umurenge wacu	Umutwe wa 3: Isuku
Umubare w'amasomo	10	15	10
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe	Kugaragaza akamaro ko kubahiriza inshingano mu muryango n'ingaruka zo kutazubahiriza.	Kubaha no kwiyambaza ubuyobozi bw'Umurenge no kubungabunga ibikorwa by'ingenzi biri mu murenge.	Kurangwa n' isuku kuri we, aho yiga n'aho aba.
Umubare w'ibyigwa	2	4	3
Imfashanyigisho	Amashusho agaragaza uko abagize umuryango bubahiriza inshingano zabo, amafoto n'ibintu bifatika biboneka aho atuye.	Ikarita y'Akarere, iy'Umurenge, ibishushanyo by'ibintu by'ingenzi biboneka mu murenge.	Ibikoresho binyuranye by'isuku, amashusho agaragaza ibikorwa by'isuku, indwara zandura, amafoto, filimi, videwo.
Ibikorwa by'imyigire n'imyigishirize	– Kwitegereza no gukorera mu matsinda. – Gushakashaka no gutangaza ibyo yavumbuye – Gukina, gukora ibikorwa bigaragaza imyitwarire iboneye. – Gusesengura gufata umugambi no kuwushyira mu bikorwa.	– Kwitegereza no gukorera mu matsinda. – Gushakashaka gutangaza ibyo yavumbuye. – Gusesengura gufata umugambi no kuwushyira mu bikorwa.	– Kwitegereza no gukorera mu matsinda. – Gushakashaka no gutangaza ibyo yavumbuye – Gukina, gukora bigaragaza kubaha inzego z'ubuyobozi. – Gusesengura gufata umugambi no kuwushyira mu bikorwa.
Ubushobozi umunyeshuri yunguka mu isomo	– Ubushishozi no gushakashaka. – Gukemura ibibazo bifitanye isano n'inshingano mu muryango mugari. – Kujya impaka adahutaza abandi	– Ubushishozi no gushakashaka. – Gukemura ibibazo bifitanye isano no kubungabunga ibintu by'ingenzi biri mu murenge. – Kujya impaka adahutaza abandi.	– Ubushishozi no gushakashaka. – Gukemura ibibazo bifitanye isano n'isuku. – Kujya impaka adahutaza abandi

	– Gushyikirana n'abandi. – Guhora yiyungura ubumenyi – Gutekereza no kumva neza amabwiriza y'ibyo asabwa gukora – Gufatanya n'abandi	– Gushyikirana n'abandi. – Guhora yiyungura ubumenyi. – Gutekereza no kumva neza amabwiriza y'ibyo asabwa gukora. – Gufatanya n'abandi.	– Gushyikirana n'abandi. – Guhora yiyungura ubumenyi. – Gutekereza no kumva neza amabwiriza y'ibyo asabwa gukora. – Gufatanya n'abandi.
Ubumenyi ku ngingo nsanganyamasomo bugerwaho	– Gucunga umutungo. – Umuco w'amahoro. – Uburinganire n'ubwuzuzanye. – Gufata neza ibidukikije. – Uburezi budaheza.	– Gucunga umutungo. – Umuco w'amahoro. – Uburinganire n'ubwuzuzanye. – Gufata neza ibidukikije. – Uburezi budaheza.	– Gucunga umutungo. – Umuco w'amahoro. – Uburinganire n'ubwuzuzanye. – Gufata neza ibidukikije. – Uburezi budaheza. – Kubungabunga ubuzima. – Umuco wo gukoresha ibyujuje ubuziranenge.
Ibigenderwaho mu isuzuma	Ubushobozi bwo kugaragaza akamaro ko kubahiriza inshingano mu muryango n'ingaruka zo kutazubahiriza.	Ubushobozi bwo gutahura Umurenge wabo ku ikarita y'Akarere, kuvuga ibiwuranga n'inshingano z'abayobozi b'Umurenge.	Ubushobozi bwo kugaragaza isuku kuri we, aho yiga n'aho aba.

Imitwe y' amasomo	**Umutwe wa 4: Imibanire n'imyitwarire iboneye**	**Umutwe wa 5: Ubukungu**	**Umutwe wa 6 : Ubuyobozi bw'Akagari n'ubw'Umurenge**
Umubare w'amasomo	10	13	13
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe	Kwiyubaha no kubaha ikiremwamuntu.	Kugira umuco wo kwizigamira no kudasesagura.	Kugaragaza abayobozi b'Akagari n'ab'Umurenge n'inshingano zabo.
Umubare w'ibyigwa	3	1	2

Imfashanyigisho	Ibishushanyo bigaragaza imyitwarire iboneye, firimi, videwo n'ibindi.	Amashusho agaragaza ibikorwa binyuranye abantu bakuramo amafaranga, filimi, amafoto, videwo, ibintu bifatika n'ibindi.	Ibishushanyo bigaragaza inzego z'ubuyobozi bw'Akagari, ubw'Umurenge, filimi, videwo n'ibindi.
Ibikorwa by'imyigire n'imyigishirize	– Kwitegereza no gukorera mu matsinda – Gushakashaka no gutangaza ibyo yavumbuye. – Gukina, gukora ibikorwa bigaragaza imyitwarire iboneye. – Gusesengura gufata umugambi no kuwushyira mu bikorwa.	– Kwitegereza no gukorera mu matsinda. – Gushakashaka no gutangaza ibyo. yavumbuye – Gukina, gukora ibikorwa bigaragaza imyitwarire iboneye. – Gusesengura gufata umugambi no kuwushyira mu bikorwa.	– Kwitegereza no gukorera mu matsinda – Gushakashaka no gutangaza ibyo yavumbuye. – Gukina, gukora ibikorwa bigaragaza kubaha inzego z'ubuyobozi. – Gusesengura gufata umugambi no kuwushyira mu bikorwa.
Ubushobozi umunyeshuri yunguka mu isomo	– Ubushishozi no gushakashaka. – Gukemura ibibazo bifitanye isano n'imibanire n'imyitwarire iboneye. – Kujya impaka adahutaza abandi. – Gushyikirana n'abandi. – Guhora yiyungura ubumenyi. – Gutekereza no kumva neza amabwiriza y'ibyo asabwa gukora. – Gufatanya n'abandi.	– Ubushishozi no gushakashaka. – Gukemura ibibazo bifitanye isano ubukungu. – Kujya impaka adahutaza abandi. – Gushyikirana n'abandi. – Guhora yiyungura ubumenyi. – Gutekereza no kumva neza amabwiriza y'ibyo asabwa gukora. – Gufatanya n'abandi.	– Ubushishozi no gushakashaka. – Gukemura ibibazo bifitanye isano n'ubuyobozi bw'Akagari n'ubw'Umurenge. – Kujya impaka adahutaza abandi. – Gushyikirana n'abandi. – Guhora yiyungura ubumenyi. – Gutekereza no kumva neza amabwiriza y'ibyo asabwa gukora. – Gufatanya n'abandi.
Ubumenyi ku ngingo nsanganyamasomo bugerwaho	– Ubwuzuzanye bw'ibitsina byombi – Uburezi budaheza – Gufata neza ibidukikije – Umuco w'amahoro	– Ubwuzuzanye bw'ibitsina byombi – Uburezi budaheza – Gufata neza ibidukikije – Umuco w'amahoro	– Ubwuzuzanye bw'ibitsina byombi – Uburezi budaheza – Gufata neza ibidukikije – Umuco w'amahoro

Ubumenyi ku ngingo nsanganyamasomo bugerwaho	– Umuco wo gukoresha neza umutungo – Ubuzima bw'imyororokere – Umuco wo gukoresha ibyujuje ubuziranenge	– Umuco wo gukoresha neza umutungo – Ubuzima bw'imyororokere – Umuco wo gukoresha ibyujuje ubuziranenge:	– Umuco wo gukoresha neza umutungo – Kurwanya jenoside n'ingengabitekerezo yayo: – Ubuzima bw'imyororokere – Umuco wo gukoresha ibyujuje ubuziranenge
Ibigenderwaho mu isuzuma	Ubushobozi bwo kwiyubaha no kubaha ikiremwa muntu	Ubushobozi bwo gusobanura imikoreshereze myiza y'amafaranga, akamaro ko kuzigama n'ingaruka zo kutazigama	Ubushobozi bwo bwo.kugaragaza abayobozi b'Akagari n'ab'Umurenge n'inshingano zabo; uburyo bwo kubiyambaza no kububaha

Imitwe y' amasomo	**Umutwe wa 7: Ibidukikije mu murenge**	**Umutwe wa 8: Ubwikorezi n'itumanaho**	**Umutwe wa 9: Ibintu by'ingenzi byaranze amateka y'Umurenge wacu**
Umubare w'amasomo	15	13	9
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe	Kugaragaza no kuranga ibidukikije biri mu murenge akoresheje ikarita y'Umurenge.	Gutandukanya amoko amoko y'itumanaho n'ubwikorezi n'akamaro kabyo.	Gusobanura amateka yaranze Umurenge we no kuyashyira ku murongo ndangagihe.
Umubare w'ibyigwa	3	2	1
Imfashanyigisho	Amakarita y'Umurenge amafoto, videwo n'ibindi.	Ibyapa by'umuhanda, amashusho y'ubwikorezi butandukanye, ibikoresho by'itumanaho.	Amashusho agaragaza ibintu by'ingenzi byaranze amateka y'Umurenge , amafoto n'ibindi.
Ibikorwa by'imyigire n'imyigishirize	– Kwitegereza no gukorera mu matsinda. – Gushakashaka no gutangaza ibyo yavumbuye. – Gushushanya idira n'ikarita.	– Kwitegereza no gukorera mu matsinda. – Gushakashaka no gutangaza ibyo yavumbuye.	– Kwitegereza no gukorera mu matsinda. – Gushakashaka no gutangaza ibyo yavumbuye. – Gushushanya no gukoresha umurongo ndangagihe.

	– Gukora urugendoshuri. – Gukora ibikorwa byo kubungabunga ibidukikije. – Gusesengura, gufata umugambi no kuwushyira mu bikorwa.	– Gukora ibikorwa bigaragaza gukoresha neza umuhanda n'itumanaho. – Gusesengura gufata umugambi no kuwushyira mu bikorwa.	– Gusesengura gufata umugambi no kuwushyira mu bikorwa.
Ubushobozi umunyeshuri yunguka mu isomo	– Ubushishozi no gushakashaka – Gukemura ibibazo bifitanye isano n'ibidukikije mu murenge – Kujya impaka adahutaza abandi – Gushyikirana n'abandi. – Guhora yiyungura ubumenyi – Gutekereza no kumva neza amabwiriza y'ibyo asabwa gukora. – Gufatanya n'abandi.	– Ubushishozi no gushakashaka – Gukemura ibibazo bifitanye isano n'ubwikorezi n'itumanaho – Kujya impaka adahutaza abandi – Gushyikirana n'abandi. – Guhora yiyungura ubumenyi – Gutekereza no kumva neza amabwiriza y'ibyo asabwa gukora. – Gufatanya n'abandi.	– Ubushishozi no gushakashaka – Gukemura ibibazo bifitanye isano no kubungabunga ibintu by'ingenzi byaranze amateka y 'Umurenge – Kujya impaka adahutaza abandi – Gushyikirana n'abandi. – Guhora yiyungura ubumenyi – Gutekereza no kumva neza amabwiriza y'ibyo asabwa gukora. – Gufatanya n'abandi.
Ubumenyi ku ngingo nsanganya–masomo bugerwaho	– Ubwuzuzanye bw'abahungu n'abakobwa – Uburezi budaheza – Gufata neza ibidukikije – Umuco w'amahoro – Umuco wo gukoresha neza umutungo – Umuco wo gukoresha ibintu byujuje ubuziranenge.	– Umuco wo gukoresha ibintu byujuje ubuziranenge. – Ubuzima bw'imyororokere. – Umuco wo gukoresha neza umutungo. – Umuco w'amahoro. – Gufata neza ibidukikije. – Uburezi budaheza. – Ubwuzuzanye bw'ibitsina byombi.	– Ubwuzuzanye bw'ibitsina byombi. – Uburezi budaheza. – Gufata neza ibidukikije. – Umuco w'amahoro. – Umuco wo gukunda Umurenge we n'aho atuye. – Kurwanya jenoside n'ingengabitekerezo yayo. – Ubuzima bw'imyororokere.
Ibigenderwaho mu isuzuma	Ubushobozi bwo kugaragaza no kuranga ibidukikije biri mu murenge akoresheje ikarita y'Umurenge.	Ubushobozi bwo gutandukanya amoko y'itumanaho n'akamaro kabyo.	Ubushobozi bwo gusobanura amateka yaranze Umurenge we no kuyashyira ku murongo ndangagihe.

IMBATA Y'ISOMO

Igihembwe	Itariki	Inyigisho	Umwaka wa	Umutwe wa	Isomo rya	Igihe isomo rimara	Umubare w'abanyeshuri
1	22/1/2018	Amasomo mbonezamubano	Gatatu	Mbere	1 kuri 7	Iminota 40	45
Abafite ibyo bagenerwa byihariye mu myigire no mu myigishirize n'umubare wabo			– Abanyeshuri 4 bafata bitinze – Abanyeshuri 2 bafite ubumuga bw'ingingo – Abanyeshuri 5 bumva vuba kurusha abandi.				
Umutwe			Umuryango mugari				
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe			Kugaragaza akamaro ko kubahiriza inshingano mu muryango n'ingaruka zo kutazubahiriza.				
Isomo			Ibyiza byo kubahiriza inshingano za buri wese mu muryango mugari				
Intego ngenamukoro			Ahereye ku buryo abagize umuryango we buzuza inshingano, nyuma y'iri somo, umunyeshuri azaba ashobora gusobanura ku buryo bwumvikana ibyiza byo kubahiriza inshingano za buri wese mu muryango mugari .				
Imiterere y'aho isomo ribera			Mu ishuri				
Imfashanyigisho			Amashusho agaragaza uko abagize umuryango bubahiriza inshingano zabo, amafoto n'ibintu bifatika biboneka aho atuye.				
Inyandiko n'ibitabo byifashishijwe			Igitabo cy'Umunyeshuri, icy'Umwarimu n'Integanyanyigisho y'Amasomo Mbonezamubano y'Ikiciro cya Mbere cy'Amashuri Abanza.				

Ibice by'isomo + Igihe	Gusobanura muri make ibikorwa by'umwarimu n'iby'umunyeshuri		Ubushobozi n'ingingo nsanganyamasomo (Andika ubushobozi + igisobanuro kigufi kibugaragaza)
	Ndifashisha imfashanyigisho zitandukanye nkoreshe n'amatsinda atandukanye y'abanyeshuri mu gihe ndimo gutanga isomo.		
	Ibikorwa by'umwarimu	***Ibikorwa by'umunyeshuri***	
Intangiriro **Iminota 5**	– Gutanga imyitozo ku bagize umuryango mugari. – Gutanga imfashanyigisho abanyeshuri bari bukoreshe nk'amashusho.	– Kurondora abagize umuryango mugari. – Kumva amabwiriza y'ibyo asabwa gukora mu myitozo. – Gufata imfashanyigisho no gukurikiza amabwiriza y'ibyo asabwa gukora biganisha ku isomo rishya.	**1. Ubushobozi** – Kwitegereza agasobanura ibyo yitegereje. – Gushyikirana n'abandi igihe akorera mu matsinda cyangwa afatanya n'abandi. – Gutekereza ku mwitozo ahawe mbere yo kuwukora, bityo akawukora neza nta makosa ashyizemo. – Gukoresha imvugo isobanutse igihe asobanura ibyo yakoze. – Guhanga udushya mu gihe yikorera ibyapa bikangurira abantu kuzuza inshingano zabo mu muryango.
Isomo nyirizina/ Isomo rishya **Iminota 30**	***Igikorwa cya 1*** – Gusobanurira abanyeshuri igikorwa bagiye gukora. – Guha abanyeshuri umwanya wo kuvuga ibyo bakora mu rugo iwabo. – Kwandika ibitekerezo binyuranye abanyeshuri batanga. – Guha abanyeshuri umwanya wo kureba ibyo bahuje n'ibyo batandukaniyeho no kubyuzuza.	***Igikorwa cya 1*** – Gutega amatwi akumva ibyo agiye gukora byaba bidasobanutse akabisobanuza mbere yo gukora. – Gukurikira no gusoma ibyo umwarimu yandika ku kibaho. – Gufatanya n'abandi gutahura ibitekerezo bahuriyeho n'ibindi batahuje.	

	Igikorwa cya 2 – Gushyira abanyeshuri mu matsinda no kubasobanurira igikorwa bagiye gukora. – Kwirinda ko ba bandi bafite ibibazo byihariye (Abafata bitinze, abafite ubumuga bw'ingingo n'abana b'ababanga kurusha abandi) bajya mu itsinda rimwe. – Guha buri tsinda umurimo wo kugaragaza inshingano z'abana n'iz'abantu bakuru mu muryango no gusobanura uko bazubahiriza. – Kuba hafi ya buri tsinda agenzura ko rishyira mu bikorwa amabwiriza ryahawe. – Gusaba buri tsinda guca imbonerahamwe irimo ibice 2, kimwe kerekana inshingano z'abana, ikindi iz'abantu bakuru. – Guha buri tsinda umwanya wo gusobanura ibyo ryakoze imbere ya bagenzi babo. – Gukurikirana uko buri tsinda risobanura ibyo ryakoze n'uko bagenzi babo babakosora – Kubwira abagize itsinda bakunganirana mu gutanga ibisobanuro by'ibyo bakoze.	***Igikorwa cya 2*** – Kujya mu matsinda buri wese yashyizwemo no kubahiriza amabwiriza bahawe n'umwarimu. – Kugira uruhare rufatika mu itsinda yashyizwemo afatanya n'abandi gukora umurimo bahawe. – Kuganirira mu matsinda afatanya n'abandi kuzuza imbonerahamwe yerekana inshingano z'abana n'iz'abantu bakuru n'uko zubahirizwa. – Gukurikira badasakuza ibikorwa bya bagenzi babo ndetse bakagira uruhare mu gutanga ibitekerezo. – Gusobanura ibyo bakoze mu itsinda.	– Kugira amashyushyu yo guhora yiyungura ubumenyi. – Kwikemurira ibibazo mu gihe yuzuza neza inshingano ze mu buzima busanzwe **2. Ingingo nsanganyamasomo** – Ubwuzuzanye bw'ibitsina byombi mu gukora imyitozo nta vangura. – Uburezi budaheza mu gihe adahutaza abo bigana bafite ubumuga cyangwa ibindi bibazo byihariye.

	Igikorwa cya 3 – Guha abanyeshuri imyitozo yo gusobanura ibyiza byo kuzuza inshingano zabo mu muryango . – Abafata bitinze bakoresheje igitabo cy'umunyeshuri bitegereze amashusho ari ku rupapuro rwa 4 bayaganireho ubwabo hanyuma basubize ibyo bayabonyeho. – Abafite ubumuga bw'ingingo banza umenye izo ari zo maze umenye imyitozo ubagenera n'uko izaba imeze kuri buri wese. – Abafite impano yo kumva no gukora vuba cyane bakoresheje igitabo cy'umunyeshuri bakore imyitozo iri ku rupapuro rwa 4 bakore interuro zitandukanye ku byo babona mu mashusho.	***Igikorwa cya 3*** – Gutega amatwi akumva ibyo agiye gukora byaba bidasobanutse akabisobanuza mbere yo gutangira igikorwa yahawe. – Gukora imyitozo atibeshya no kugira uruhare mu ikosora rusange. – Gukora imyitozo ijyanye n'ikiciro arimo kugira ngo yumve neza ikigwa kandi adasigaye cyangwa ngo agende inyuma y'abandi.	– Gufata neza ibidukikije, mu gihe asukura aho akorera cyangwa afata neza imfashanyigisho yakoresheje. – Umuco w'amahoro, mu gihe akorana na bagenzi be mu bwumvikane ntawe abangamiye. – Umuco wo gukoresha neza umutungo, igihe agaragaza inshingano ze mu gufata neza umutungo w'umuryango we.
Isuzuma **Umusozo w'isomo: Ikomatanya** **Iminota 5**	– Kuyobora abanyeshuri mu kuvuga muri make inshingano zabo uko bagiye kujya bazuzuza n'ibyiza byo kuzubahiriza mu muryango – Guha abanyeshuri imyitozo yo gutandukanya ibyiza byo kuzubahiriza inshingano ku bana no ku bantu bakuru.	– Kuvuga muri make uko agiye kujya yubahiriza inshingano ze mu muryango we n'akamaro kabyo. – Gukora imyitozo no kugira uruhare mu ikosora.	

	– Kubaha umukoro wo kubaza buri wese ugize umuryango we uko yubahiriza inshingano ze – Kubasaba kutabyibagirwa	– Gukora neza umukoro yahawe no kubwira abo bigana uko yawukoze ndetse n'ibisubizo byawo.	
Kwisuzuma **(Umurezi)**	Umwarimu ashingiye ku bikorwa by'abanyeshuri n'isuzuma ngengamyitwarire amenya niba isomo ryagenze neza cyangwa nabi. Iyo asanze ritagenze neza afata ingamba zo gukosora ibitagenze neza byanarimba akarisubiramo. Ashima abanyeshuri be mu rwego rwo kubashishikariza kugira ishyaka no kwiga babikunze .		

Umutwe wa mbere: Umuryango mugari

1.1 Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe

Kugaragaza akamaro ko kubahiriza inshingano mu muryango mugari n'ingaruka zo kutazubahiriza.

1.2 Ibyizwe mbere bifitanye isano n'uyu mutwe

- Inshingano z'abagize umuryango muto.
- Amasano y'abagize umuryango mugari.

1.3 Ubumenyi ku ngingo nsanganyamasomo buri muri uyu mutwe n'uko bugerwaho

- ***Ubwuzuzanye bw'ibitsina*** byombi mu gukora imyitozo k'umuryango mugari nta vangura.
- ***Uburezi budaheza*** mu gihe adahutaza abo bigana bafite ubumuga cyangwa ibindi bibazo byihariye.
- ***Gufata neza ibidukikije*** mu gihe asukura aho akorera cyangwa afata neza imfashanyigisho yakoresheje.
- ***Umuco w'amahoro*** mu gihe akorana na bagenzi be mu bwumvikane nta we abangamiye.
- ***Umuco wo gukoresha neza umutungo*** igihe agaragaza inshingano ze mu gufata neza umutungo w'umuryango we.

1.4 Ubushobozi umunyeshuri azunguka muri uyu mutwe

- **Kwitegereza** agasobanura ibyo yitegereje .
- **Gushyikirana n'abandi** igihe akorera mu matsinda cyangwa afatanya n'abandi.
- **Gutekereza** ku mwitozo ahawe mbere yo kuwukora, bityo akawukora neza nta makosa ashyizemo .
- **Gukoresha imvugo isobanutse** igihe asobanura ibyo yakoze.
- **Guhanga udushya** mu gihe yikorera ibyapa bikangurira abantu kuzuza inshingano zabo mu muryango.
- **Kugira amashyushyu** yo guhora yiyungura ubumenyi ku bijyanye no kubahiriza inshingano mu muryango mugari.
- **Kwikemurira ibibazo** mu gihe yuzuza neza inshingano ze mu buzima busanzwe.

1.5 Amagambo umunyeshuri yunguka muri uyu mutwe

Umuryango mugari: Umuryango wagutse, kugeza kuri sogokuruza na nyogokuruza.

Inshingano: Ibyo umuntu asabwa gukora mu buzima bwa buri munsi.

Kubahiriza inshingano: Kuzitunganya neza mu buryo bwihuse kandi bunoze.

Guteshuka ku nshingano: Kutazubahiriza cyangwa kuzuzuza nabi.

1.6 Ikibazo nyamukuru

- Umwarimu asomesha agakuru kajyanye n'ikibazo cy'abana batazi inshingano z'abagize umuryango mugari.
- Asaba abanyeshuri kukaganiraho no kugatangaho ibitekerezo bagaragaza impamvu zitera abana bamwe kutamenya izo nshingano.
- Abasobanurira ko ibisubizo byuzuye bazajya babibona mu masomo bagiye kwiga muri uyu mutwe.

1.7 Uko umwarimu yita by'umwihariko ku bafite ibibazo byihariye yigisha uyu mutwe

- Abagenda buhoro mu myigire yabo abaha ibikorwa byabateganyirijwe usanga muri iki gitabo ku rupapuro rwa 34.
- Abafite ubumuga bw'ingingo banza umenye izo ari zo ubategurire imfashanyigisho zihariye n'imyitozo wagenera buri wese ku buryo bibafasha gusobanukirwa uko buzuza inshingano mu muryango mugari.
- Abafite impano yo kumva no gukora vuba cyane bahe ibikorwa bituma bacukumbura isomo usanga muri iki gitabo ku rupapuro rwa 35 yiyongera ku yo watanze muri rusange.

1.8 Imbonerahamwe y'ibyigwa biri muri uyu mutwe wa 1

Inomero	Urutonde rw'ibyigwa	Umubarew'amasomo:10
1	Kubahiriza inshingano mu muryango mugari.	5
2	Gufata neza umutungo w'umuryango.	4
3.	Isuzuma risoza umutwe	1

1.9 Imyigishirize ya buri kigwa

1.9.1 Ikigwa cya mbere: Kubahiriza inshingano mu muryango mugari

a. Intego

Ubumenyi

Kurondora inshingano za buri wese ugize umuryango mugari.

Ubumenyingiro

Gusobanura akamaro ko kubahiriza inshingano mu muryango mugari n'ingaruka zo kutazubahiriza.

Ubukesha

Kurangwa n'umuco wo kubana neza n'abandi, gufashanya kubahana no kugira urukundo.

b. Imyitozo y'isubiramo/Intangiriro

Ibibazo ku nshingano z'abagize umuryango muto no ku masano y'abagize umuryango mugari.

c. Imfashanyigisho

Amashusho agaragaza uko abagize umuryango bubahiriza inshingano zabo, amafoto n' ibintu bifatika biboneka aho atuye .

d. Imyigire n'imyigishirize

- Gutegura imfashanyigisho zihagije zifasha abanyeshuri gusobanukirwa inshingano za buri wese ugize umuryango mugari.
- Gushyira abanyeshuri mu matsinda.
- Kubaha amabwiriza yo kwitegereza amashusho, kuyaganiraho no gusobanurira bagenzi babo ibyo babonye.
- Umwarimu afasha abanyeshuri gushyira hamwe ibyo bagezeho maze akuzuza ibitekerezo byabo.
- Akora ubugororangingo afasha abanyeshuri gukoresha imvugo yumvikana bakoresha amagambo asobanura neza ikigwa.

  Urugero: Kuzuza inshingano, guteshuka ku nshingano, …

e. Ikomatanya ry'ibyizwe

Kuyobora abanyeshuri mu kuvuga muri make inshingano zabo uko bagiye kujya buzuza inshingano zabo, ibyiza byo kuzubahiriza n'ingaruka mbi zo kutazubahiriza mu muryango.

f. Isuzuma

Guha abanyeshuri imyitozo iri mu gitabo cy'umunyeshuri yo gusobanura uburyo bwo kubahiriza inshingano mu muryango mugari, akamaro kabyo n'ingaruka mbi zo kutazubahiriza. (Ku rupapuro rwa 2, 3, 5, 7, 8)

Ibisubizo by'imyitozo n'ibikorwa byo kuri iki kigwa

Reka nisuzume ku rupapuro rwa 2 mu gitabo cy'umunyeshuri

1. Abashinzwe imibereho myiza n'ababyeyi.

Nsuzuma ngusuzume ku rupapuro rwa 2 mu gitabo cy'umunyeshuri

1. Ituma biteza imbere bakagira imibereho myiza.
2. Gutura heza kandi neza, kugira ubwisungane mu kwivuza, kugira imirire myiza .

Imyitozo yo ku rupapuro rwa 3 mu gitabo cy'umunyeshuri

1. Biterwa n'uko buri mwana abayeho ariko harimo gufasha ababyeyi , gukora isuku, kuvoma, gutumwa.
2. ***Imibereho myiza***
   - Kugira isuku y'umubiri, iy'aho utuye n'iy'imyambaro.
   - Gushyira abana mu ishuri.
   - kuboneza urubyaro.
   - Kwishyura no gukoresha ubwisungane mu kwivuza.
   - Korora kijyambere.

   Ubukungu n'iterambere
   - Gutera amashyamba no kurwanya isuri
   - Guharura imihanda no gutinda ibiraro
   - Gutanga umusoro
   - Korora kijyambere

   Imiyoborere myiza
   - Kubahiriza amategeko
   - Korora kijyambere
3. Umuganda, umusoro

Umukino: kubaka umutemeri urupapuro rwa 3 mu gitabo cy'umunyeshuri

Amabwiriza: Abanyeshuri bahabwa udutafari duto. Bamwe bakora umurongo wa 1 uriho amatafari atandatu, abandi ane, abandi abiri, uwanyuma agashyiraho rimwe. Bagomba kubikora ku buryo bidahirima.

Intego: Gushimangira uruhare rwa buri wese mu muryango , gufatanya, gushyira hamwe no kumvikana.

Reka nisuzume yo ku rupapuro rwa 5 mu gitabo cy'umunyeshuri

1. Ubukire, umunezero, ubumwe n'iterambere.
2. Igihugu ntigitera imbere nta bikorwa remezo byaboneka.

Nsuzuma ngusuzume yo ku rupapuro rwa 5 mu gitabo cy'umunyeshuri

1. Barumvikana, bagafashanya kandi bagashyira hamwe muri byose.
2. Gushyira mu gaciro no gukora ibyo asabwa gukora, kwiyubaha no kubaha abandi.

Imyitozo yo ku rupapuro rwa 5 mu gitabo cy'umunyeshuri

1. Ku misoro n'amahoro
2. a. 3 b. 4 c. 1 d. 2 e. 5

Umukino: Gufata umurizo w'ikirura ku rupapuro rwa 5 mu gitabo cy'umunyeshuri.

Amabwiriza: Abanyeshuri bajya ku murongo umwe bagafatana mu nda.Umwe agakina ikirura, kigaturuka imbere gishaka kujya gufata uw'inyuma (umurizo). Bose bakagenda bagikumira ku buryo kibura aho kinyura ariko batarekuranye.

***Intego*:** Uyu mukino wigisha kurinda ibigize umutungo w'umuryango no gufashanya.

Reka nisuzume yo ku rupapuro rwa 7 mu gitabo cy'umunyeshuri

a. Oya c. Oya e. Oya g. Oya
b. Oya d. Yego f. Yego h. Yego

Nsuzuma ngusuzume yo ku rupapuro rwa 7 mu gitabo cy'umunyeshuri

1. Baba ari ba kagarara, barikunda , ntibumvikana n'abandi, barasuzugura.
2. Kurwara, ibiza, umutekano muke uva ku bagizi ba nabi cyangwa ibikoko byihishamo.

Imyitozo yo ku rupapuro rwa 7 mu gitabo cy'umunyeshuri

1. a. Leta ntiyubaka ibikorwa remezo.
   b. Abaturage barembera mu rugo cyangwa bakivuza ku mafaranga menshi .
   c. Bidindiza iterambere ry'Igihugu.
   d. Bidindiza ubukungu bw'abaturage.
   e. Byongera ubujiji.
2. Ntibumvikana, ntibashyira hamwe kandi ntibatera imbere.
3. Umutuzo, amahoro, ubukire, umunezero, iterambere, urukundo.

Umukino uri ku rupapuro rwa 8 mu gitabo cy'umunyeshuri

Umukino abana bihimbira

Amabwiriza

– Gusobanurira abanyeshuri ko basabwa guhimba ubwabo umukino bahereye ku byo bize.

– Kubashyira mu matsinda.
– Kugenzura ko ibyo bahimbye bisobanutse.
– Gusaba buri tsinda gukinira abandi, bagakurikira, bakagira ibyo bashima n'ibyo banenga.

Intego: Guha abana urubuga rwo guhimba, gusetsa no kumenya kujora ibibi .

1.9.2 Ikigwa cya kabiri: Gufata neza umutungo w'umuryango

a. Intego

Ubumenyi

Kurondora ibigize umutungo w'umuryango .

Ubumenyingiro

Gusobanura akamaro k'ibintu by'ingenzi bigize umutungo w'umuryango n'uburyo bwo kubicunga neza.

Ubukesha

Kurangwa n'umuco wo: – Kubungabunga umutungo w'umuryango.
– Kunyurwa no kunezezwa n'umutungo w'umuryango.

b. Imyitozo y'isubiramo /Intangiriro

Ibyangombwa nkenerwa mu buzima.

c. Imfashanyigisho

Amashusho agaragaza umutungo w'umuryango n'uko abagize umuryango bafata neza umutungo wabo, amafoto n'ibintu bifatika biboneka aho abanyeshuri batuye.

d. Imyigire n'imyigishirize

– Gutegura imfashanyigisho zihagije zifasha abanyeshuri gusobanukirwa uko bafata umutungo w'umuryango.
– Gushyira abanyeshuri mu matsinda
– Kubaha amabwiriza yo kwitegereza amashusho, kuyaganiraho no gusobanurira bagenzi babo ibyo babonye.
– Umwarimu afasha abanyeshuri gushyira hamwe ibyo bagezeho maze akuzuza ibitekerezo byabo.
– Akora ubugororangingo afasha abanyeshuri gukoresha imvugo yumvikana bakoresha amagambo asobanura neza ikigwa.

Urugero: Kunyurwa no kunezerwa

e. Ikomatanya ry'ibyizwe

Kuyobora abanyeshuri mu kuvuga muri make imitungo batunze iwabo, akamaro ka buri mutungo, imikoreshereze n'imicungire yawo n'ibyiza byo kunyurwa no kunezezwa n'umutungo w'umuryango we. (Ku rupapuro rwa 10, 12, 14, 15, 19, 20)

f. Isuzuma

Guha abanyeshuri imyitozo iri mu gitabo cy'umunyeshuri yo kurondora ibigize umutungo w'umuryango, akamaro kawo, imicungire n'imikoreshereze yawo n'uburyo anezezwa n'umutungo w'umuryango we.

Ibisubizo by'imyitozo n'ibikorwa byo kuri iki kigwa

Reka nisuzume yo ku rupapuro rwa 10 mu gitabo cy'umunyeshuri

1. Umutungo wimukanwa n'umutungo utimukanwa.

Nsuzuma ngusuzume yo ku rupapuro rwa 10 mu gitabo cy'umunyeshuri.

1. Umutungo wimukanwa ushobora kuvanwa aho uri ukajyanwa ahandi naho utimukanwa ntushobora kuvanwa aho uri.

Umwitozo wo ku rupapuro rwa 10 mu gitabo cy'umunyeshuri

Umutungo utimukanwa

Umurima w'ibigori, ikibanza, igikoni, ubwiherero, inzu nini, ishyamba, igorofa.

Umutungo wimukanwa

Intebe, igitanda, radiyo, imbabura , akabati , imyenda, igikapu, amashuka.

Reka nisuzume yo ku rupapuro rwa 12 mu gitabo cy'umunyeshuri

a. Radiyo na tereviziyo.
b. Uburiri.
c. Ibiribwa.
d. Inzu.
e. Inzu, ingofero,umutaka.

Nsuzuma ngusuzume ku rupapuro rwa 12 mu gitabo cy'umunyeshuri

Isoko,urugomero rw'amashanyarazi, ikigo nderabuzima, ikiyaga, sitade, umuhanda, igishanga, ikibuga k'indege.

Umwitozo wo ku rupapuro rwa 12 mu gitabo cy'umunyeshuri

a. 5 b. 4 c. 6 d. 7 e. 3 f. 2 g. 1

Reka nisuzume yo ku rupapuro rwa 14 mu gitabo cy'umunyeshuri

1. a. Isuri b. Ibiza c. Ba rutwitsi d. Umugese
2. Uraramba, ukarushaho kugira akamaro kandi bikarinda gusesagura umutungo.

Nsuzuma ngusuzume yo ku rupapuro rwa 15 mu gitabo cy'umunyeshuri

a. Kuyirinda ibyayangiza, kuyikoresha igihe yapfuye, kuyishyiramo amavuta.
b. Kubibika neza aho batabyiba cyangwa ngo babyangize, kubirinda umugese.
c. Kuyimesa, kuyitera ipasi no kuyibika neza.

d. Kuyirinda isuri, kuyihinga kijyambere no kuyifumbira
e. Kubigirira isuku, kubibika neza
f. Kuyagaburira neza, kuyakingiza no gusukura aho yororerwa.

Umwitozo wo ku rupapuro rwa 15 mu gitabo cy'umunyeshuri

Umutungo

- Ameza
- Imyenda
- Igitanda
- Ibikoresho by'isuku
- Ishyamba
- Inka
- Igorofa
- Imodoka
- Ibiti by'imbuto

Akamaro

- Kuyariraho, kuyandikiraho
- Kukiryamaho.
- Riduha imbaho n'ibiti byo kubaka no gucana.
- Turibamo, riduha amafaranga.
- Turayambara ikaturinda imbeho n'ubukonje.
- Bidufasha kwisukura.
- Ziduha amata, inyama, ifumbire n'amafaranga.
- Iradutwara , iduha n'amafaranga .
- Biduha imbuto turya kandi tukanazigurisha tukabona amafaranga.

Imikoreshereze n'imicungire

- Kuyagirira isuku tutayashwaratura, tutayanyagiza.
- Kutakibyiniraho kigasaswa neza.
- Kuririnda ba rutwitsi , kurisarura ryeze, kurikorera.
- Kurigirira isuku no gusana ibyangiritseho, kurisiga irangi.
- Kuyimesa , kuyitera ipasi no kutayica.
- Kubibika neza no kutabisesagura.
- Kuziha ubwatsi, amazi n'umunyu, kuzivuza, kugirira isuku ikiraro.
- Kuyoza buri gihe, kuyikoresha, kutayishwaratura, gushyiramo lisansi cyangwa mazutu n'amavuta akenewe .
- Kubishyiraho ifumbire, kubirinda udukoko tubitera umuti, kubivomerera mu zuba no kubisasira.

Reka nisuzume yo ku rupapuro rwa 17 mu gitabo cy'umunyeshuri

1. Ushira vuba , bitera ubukene n'igihombo.
2. Kumenagura amazi, kumena ibiryo, gucana amatara aho utari, kumena ibikoresho nk'amasahani, ibikombe, kumena amadirishya n'inzugi, kuvuna intebe, ibitanda n'ibindi.

Nsuzuma ngusuzume yo ku rupapuro rwa 17 mu gitabo cy'umunyeshuri

a. Yego b. Oya c. Oya d. Oya e. Yego

Imyitozo yo ku rupapuro rwa 17 mu gitabo cy'umunyeshuri

1. Kugira ngo urusheho kuramba no kutugirira akamaro kandi dufashe ababyeyi kuzigama.
2. Nabasaba kubireka bakwanga nkabimenyesha ababyeyi bakabibabuza.
3. Amazi, umuriro n'ibiryo.

Reka nisuzume yo ku rupapuro rwa 19 mu gitabo cy'umunyeshuri

1. Gushukura, gusabiriza, ubuzererezi.
2. Bituma ufatanya n'abo mu muryango kandi mugakemurira ibibazo hamwe ndetse mugafata neza umutungo w'umuryango.

Nsuzuma ngusuzume yo ku rupapuro rwa 20 mu gitabo cy'umunyeshuri

1. Biramushimisha , ntashukura, akabifata neza kandi akifuza ko byiyongera.
2. Ahora aganya, yifuza iby'abandi, asabiriza, ashukura, arazererera, ibye abifata nabi.

Imyitozo yo ku rupapuro rwa 20 mu gitabo cy'umunyeshuri

1. Birinda ingeso mbi ziterwa no gushukura, gusabiriza no kuganya. Bituma umutungo ufatwa neza maze ukiyongera , umuryango ugatera imbere.
2. Bituma utiba kandi ukabifata neza.
3. Gushukura ku by'abandi .
4. Ashyira imbere kwiga no gutsinda, kutiba ibikoresho bya bagenzi be, akoresha neza ibintu bye, akunda gutira, kuzerera agenzura ibiryo bya bagenzi be.

Umukino uri ku rupapuro rwa 20 mu gitabo cy'umunyeshuri

Amabwiriza:

- Gusobanurira abanyeshuri ko basabwa guhimba ubwabo umukino bahereye ku byo bize.
- Kubashyira mu matsinda.
- Kugenzura ko ibyo bahimbye bisobanutse.
- Gusaba buri tsinda gukinira abandi bagakurikira bakagira ibyo bashima n'ibyo banenga.

***Intego*:** Guha abana urubuga rwo guhimba, gusetsa no kumenya kujora ibibi kandi bashimangira n'ibyo bize.

1.10 Ibisoza umutwe

a. Inshamake y'ibikubiye muri uyu mutwe

Buri muntu mu muryango mugari afite inshingano agomba kuzuza zishyigikira ibikorwa bya Leta bijyanye n'imibereho myiza, ubukungu, imiyoborere myiza n'umutekano.

Abantu iyo bujuje inshingano zabo bituma babana neza kandi bagatera imbere.

Kutubahiriza inshingano bitera ubukene, imibereho mibi n'umutekano muke.

Gufata neza no gucunga neza umutungo w'umuryango n'umutungo rusange bituma uramba kandi ukarushaho kugirira abantu akamaro. Kutawitaho bituma wangirika kandi no kuwusesagura bituma udakoreshwa uko byari bikwiye.

Ni byiza kunezezwa n'umutungo w'umuryango kuko birinda kurarikira iby'abandi.

b. Ubumenyi bw'inyongera umwarimu asabwa kugira

- Kumenya kuyobora ibikorwa byose kandi yita kuri buri munyeshuri nta we asize inyuma.
- Gusobanura ku buryo bwimbitse uko bakora isuku.
- Gusobanura ibintu by'ingenzi biri muri uyu mutwe.
- Gutegura no gukoresha neza imfashanyigisho zinyuranye.
- Kumenya neza imyigishirize y'amasomo mbonezamubano ijyanye n'integanyanyigisho ishingiye ku bushobozi.
- Kumenya uko yacengeza ingingo nsanganyamasomo igihe yigisha uyu mutwe.

c. Ibisubizo by'isuzuma risoza umutwe wa mbere riri ku rupapuro rwa 21 mu gitabo cy'umunyeshuri

1. a. Gufasha ababyeyi, kwiga nshyizeho umwete, gukora umukoro,…
   b. Gusora, gutanga umuganda.
2. a. yego b. oya c. yego d. yego
3. a. Biteza Igihugu imbere kikubaka ibikorwa remezo.
   b. Birinda ibiza n'indwara ziterwa n'umwanda.
4. a. Amazu, inka, amashyamba, kuzigama , gutera ibiti, amatungo.
   b. Ubuzererezi, gusabiriza, guhangayika, ubusambo.

d. Imyitozo y'umwihariko ihabwa abanyeshuri bagenda buhoro mu myigire n'ibisubizo byayo

1. Soma usubize

   Fundi yageze mu nzira agiye kwiga ahura n'abana bakina agapira. Ahita akina na bo kugeza nimugoroba abandi batashye na we arataha.

   a. Vuga inshingano atubahirije

   b. Ni izihe ngaruka ashobora guhura na zo ?

2. Mu bintu bikurikira ni ibihe bitari umutungo w'umuryango?

   Igiti cy'amashanyarazi, ihene, umugezi , ikirombe,radiyo,igare.

Ibisubizo

1. a. Ntabwo yagiye kwiga, kandi yararangaye.

   b. Ashobora guhanwa, gutsindwa, gukomereka cyangwa kuvunika, …

2. Igiti cy'amashanyarazi, umugezi, ikirombe.

e. Imyitozo y'umwihariko ihabwa abanyeshuri bihuta cyane mu myigire kurusha abandi n'ibisubizo byayo

Ibibazo

1. Soma usubize

   Munana yari mu rugo iwabo afasha ababyeyi imirimo, yumva urukarango mu baturanyi. Ateshwa ibyo yakoraga ajya gushukura; baramugaburira. Abigira akamenyero, n'iwabo bamugaburira akagaya akigira mu baturanyi.

   a. Ni izihe nshingano Munana atubahirije ?

   b. Sobanura ikigaragaza ko Munana atanyurwa n'iby'iwabo.

   c. Ni izihe ngaruka ashobora guhura na zo ?

2. Vuga ingaruka abana bahura na zo iyo batanyurwa n'umutungo w'iwabo.

Ibisubizo

1. a. Yahagaritse gufasha ababyeyi.

   b. Ashukurira ibyo mu baturanyi kandi iwabo bamugaburira akagaya.

   c. Ashobora kuba inzererezi, gusabiriza, kwinubwa n'abaturanyi.

2. Kugirirwa nabi, kwiba, gusabiriza, gushukura, kuba inzererezi.

Umutwe wa kabiri: Umurenge wacu

2.1 Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe

Kubaha no kubungabunga ibikorwa by'ingenzi biranga Umurenge wacu.

2.2 Ibyizwe mbere bifitanye isano n'uyu mutwe

- Ibiranga Umudugudu n'Akagari.
- Gufata neza ibintu by'ingenzi biboneka mu mudugudu no mu kagari.

2.3 Ubumenyi ku ngingo nsanganyamasomo buri muri uyu mutwe n'uko bugerwaho

- ***Ubwuzuzanye bw'ibitsina*** **byombi** mu gukora imyitozo nta vangura.
- ***Uburezi budaheza*** mu gihe adahutaza abo bigana bafite ubumuga cyangwa ibindi bibazo byihariye.
- G***ufata neza ibidukikije***
  - Mu gihe asukura aho akorera cyangwa afata neza imfashanyigisho yakoresheje.
  - Mu gihe akora ibikorwa byo kubungabunga ibiranga Umurenge.
- ***Umuco w'amahoro***
  - Mu gihe akorana na bagenzi be mu bwumvikane nta we abangamiye.
  - Mu gihe asobanura ko mu gufata neza umutungo w'Umurenge nta we ugomba kubangamira abandi.
- ***Umuco wo gukoresha neza umutungo*** igihe agaragaza inshingano ze mu gufata neza umutungo w'Umurenge.

2.4 Ubushobozi umunyeshuri azunguka muri uyu mutwe

- ***Kwitegereza*** agasobanura ibyo yitegereje.
- ***Gushyikirana n'abandi*** igihe akorera mu matsinda cyangwa afatanya n'abandi.
- ***Gutekereza*** ku mwitozo ahawe mbere yo kuwukora, bityo akawukora neza nta makosa ashyizemo.
- ***Gukoresha imvugo isobanutse*** igihe asobanura ibyo abona ku ikarita y'Umurenge.
- ***Guhanga udushya*** mu gihe yikorera ibyapa bikangurira abantu kubungabunga umutungo w'Umurenge cyangwa aranga ahantu nyaburanga mu murenge.
- ***Kugira amashyushyu*** yo guhora yiyungura ubumenyi ku bijyanye n'ibintu by'ingenzi biranga Umurenge we.
- ***Kwikemurira ibibazo*** mu gihe abungabunga ibintu by'ingenzi biri mu murenge we

2.5 Amagambo umunyeshuri yunguka muri uyu mutwe

Ibiranga Umurenge: Ibintu Umurenge utunze ku buryo bw'umwihariko cyangwa biwugaragaza mu yindi.

Umutungo rusange: umutungo w'abantu muri rusange utari uw'umuntu ku giti ke.

Inshingano : Ibyo umuntu asabwa gukora mu buzima bwa buri munsi.

Kubahiriza inshingano : Kuzitunganya neza.

Guteshuka ku nshingano: kutazubahiriza cyangwa kuzuzuza nabi.

Ibigize ikarita: Ihindurangano n'ibisobanuro.

Ikarita: Ishusho y'ahantu runaka iteye ku buryo bukurikije ihindurangano kandi ikaba ifite ibisobanuro n'izina.

Ihindurangano: Igipimo baba bagendeyeho ngo berekane ahantu bahagize hato hakwirwe ku ikarita iri ku rupapuro.

Ibisobanuro: Ibyo bifashisha mu kwerekana ibiri ku ikarita byose.

2.6 Ikibazo nyamukuru

- Umwarimu asomesha agakuru kajyanye n'ikibazo cy'umwana utazi ibiranga Umurenge ntabe yabasha kurangira umuntu nibura ibikorwa by'ingenzi byo mu murenge we aho bihererey e.
- Asaba abanyeshuri kukaganiraho no kugatangaho ibitekerezo bagaragaza uko bafasha abana bafite bene ibyo bibazo kubikemura.
- Abasobanurira ko ibisubizo byuzuye bazajya babibona mu masomo bagiye kwiga muri uyu mutwe.

2.7 Uko umwarimu yita by'umwihariko ku bafite ibibazo byihariye yigisha uyu mutwe

- Abafata bitinze bahe imyitozo usanga muri iki gitab ku rupapuro rwa 47; yoroshye ugereranyije n'iy'abandi .
- Abafite ubumuga bw'ingingo banza umenye izo ari zo ubategurire imfashanyigisho zihariye n'imyitozo wagenera buri wese.
- Abafite impano yo kumva no gukora vuba cyane bahe imyitozo usanga muri iki gitabo ku rupapuro rwa 48, ituma batarangaza abandi.

2.8 Imbonerahamwe y'ibyigwa biri muri uyu mutwe wa kabiri

Inomero	Urutonde rw'ibyigwa	Umubare w'amasomo: 15
1	Ibiranga Umurenge wacu	4
2	Ibintu by'ingenzi biboneka mu murenge wacu	3
3	Gufata neza umutungo w'ishuri	3

4	Gufata neza umutungo rusange uboneka mu murenge wacu	3
5	Isuzuma risoza umutwe wa 2	2

2.9 Imyigishirize ya buri kigwa

2.9.1 Ikigwa cya mbere: Ibiranga Umurenge wacu

a. Intego

Ubumenyi

Kugaragaza ibiranga Umurenge we n'aho uherereye ku ikarita y'Akarere.

Ubumenyingiro

Kwerekana ku ikarita aho Umurenge uherereye, utugari twawo n'imirenge bihana imbibi.

Ubukesha

Kurangwa n'umuco wo kwitegereza.

b. Imyitozo y'isubiramo /Intangiriro

Ibiranga Umudugudu n'Akagari kacu.

c. Imfashanyigisho

Amashusho agaragaza ibintu biranga Umurenge, ikarita y'Umurenge, ikarita y'Akarere.

d. Imyigire n'imyigishirize

- Gutegura imfashanyigisho zihagije zifasha abanyeshuri gusobanukirwa ibiranga Umurenge wabo.
- Gushyira abanyeshuri mu matsinda.
- Kubaha amabwiriza yo kwitegereza amashusho, kuyaganiraho no gusobanurira bagenzi babo ibyo babonye.
- Umwarimu afasha abanyeshuri gushyira hamwe ibyo bagezeho maze akuzuza ibitekerezo byabo.
- Akora ubugororangingo afasha abanyeshuri gukoresha imvugo yumvikana bakoresha amagambo asobanura neza ikigwa.

Urugero: Ibikorwa remezo, kubungabunga...

e. Ikomatanya ry'ibyizwe

Kuyobora abanyeshuri mu kuvuga muri make ibiranga Umurenge wabo n'aho uherereye mu karere kabo.

f. Isuzuma

Guha abanyeshuri imyitozo iri mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 24, 26, 27, 29, 30, 31, 33 yo kuvuga ibiranga Umurenge wabo no kwerekana ku ikarita aho uherereye ,utugari twawo n'imirenge bihana imbibi.

Ibisubizo by'imyitozo n'ibikorwa byo kuri iki kigwa

Reka nisuzume yo ku rupapuro rwa 24 mu gitabo cy'umunyeshuri

1. Amaterasi y'indinganire, icyanya, amashyamba ya kimeza, imirima.
2. Ibidukikije karemano ni ibyaremwe naho ibindi ni ibyo abantu bikoreye .

Nsuzuma ngusuzume yo ku rupapuro rwa 24 mu gitabo cy'umunyeshuri

Ibisubizo biratandukanye bitewe n'aho buri munyeshuri yiga n'aho atuye.

Imyitozo yo ku rupapuro rwa 24 mu gitabo cy'umunyeshuri

1 na 2, Ibisubizo biratandukanye bitewe n'aho buri munyeshuri yiga.

3. Imiturirwa myinshi cyane, ubucukike bw'amazu, utujagari, ibibuga by'indege, amazu menshi y'ubucuruzi.
4. Ibisubizo biratandukanye.

Reka nisuzume yo ku rupapuro rwa 26 mu gitabo cy'umunyeshuri

a. Umudugudu, Akagari, Umurenge, Akarere.
b. Akarere, Umurenge, Akagari, Umudugudu.

Nsuzuma ngusuzume yo ku rupapuro rwa 27 mu gitabo cy'umunyeshuri

a. Urwego ruto ni Umudugudu .
b. Akagari kaba kagizwe n'imidugudu myinshi .
c. Imidugudu myinshi ikora Akagari kamwe.
d. Umurenge uba ugizwe n'utugari twinshi.
e. Igisubizo kiratandukanye.
f. Utugari twinshi dukora Umurenge umwe .

Imyitozo yo ku rupapuro rwa 27 mu gitabo cy'umunyeshuri

1. Akarere, Umurenge, Akagari
2. a. Ibisubizo biratandukanye
   b. Ibisubizo biratandukanye
   c. Imirenge
   d. Imidugudu
   e. Akarere
   f. Umurenge
   g. Utugari
   h. Akagari

Imyitozo yo ku rupapuro rwa 29 mu gitabo cy'umunyeshuri

Ibisubizo biratandukanye bitewe n'aho buri munyeshuri yiga n'aho atuye.

Reka nisuzume yo ku rupapuro rwa 30 mu gitabo cy'umunyeshuri

1. Amajyaruguru, amajyepfo, iburasirazuba, iburengerazuba.
2. Ibisobanuro

Nsuzuma ngusuzume ku rupapuro rwa 31 mu gitabo cy'umunyeshuri

1. Ikarita
2. Iba ifite izina ry'aho yerekana

Imyitozo yo ku rupapuro rwa 31 mu gitabo cy'umunyeshuri

1. Ibisobanuro, ihindurangano, izina, imbibi.
2. Ingano y'ahantu yagizwe ntoya ikurikije igipimo runaka ngo hakwirwe ku ikarita.
3. Ikarita iba yujuje ibyangombwa kandi itunganye, igishushanyo gikorwa mu buryo bwo kwerekena ibintu biri aho ushushanya areba.

Reka nisuzume, nsuzuma ngusuzume n'imyitozo byo ku rupapuro rwa 33 mu gitabo cy'umunyeshuri.

Ibisubizo byose biratandukanye bitewe n'aho buri munyeshuri yiga n'aho atuye.

2.9.2 Ikigwa cya kabiri: Ibintu by'ingenzi biboneka mu murenge wacu

a. Intego

Ubumenyi

Kugaragaza ibintu by'ingenzi biri mu murenge wabo.

Ubumenyingiro

Gusobanura uburyo bunyuranye bwo kubungabunga ibintu by'ingenzi biri mu murenge wabo, n'akamaro kabyo.

Ubukesha

- Kurangwa n'umuco wo kwitegereza no gusobanurira abandi ibyo yabonye
- Kugira uruhare mu kubungabunga ibintu by'ingenzi biri mu murenge wabo.

b. Imyitozo y'isubiramo /Intangiriro

Ibintu by'ingenzi biri mu kagari no mu mudugudu.

c. Imfashanyigisho

Ikarita y'Akarere, iy'Umurenge, ibishushanyo by'ibintu by'ingenzi biboneka mu murenge.

d. Imyigire n'imyigishirize

- Gutegura imfashanyigisho zihagije zifasha abanyeshuri gusobanukirwa ibintu by'ingenzi biboneka mu murenge wabo.
- Gushyira abanyeshuri mu matsinda.
- Kubaha amabwiriza yo kwitegereza amashusho, kuyaganiraho no gusobanurira bagenzi babo ibyo babonye.
- Umwarimu afasha abanyeshuri gushyira hamwe ibyo bagezeho maze akuzuza ibitekerezo byabo.
- Akora ubugororangingo afasha abanyeshuri gukoresha imvugo yumvikana bakoresha amagambo asobanura neza ikigwa.

Urugero: Kugira uruhare, kubungabunga, ibintu by'ingenzi…

e. Ikomatanya ry'ibyizwe

Kuyobora abanyeshuri mu kuvuga muri make ibintu by'ingenzi biboneka mu murenge wabo.

f. Isuzuma

Guha abanyeshuri imyitozo iri mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 35, 37, 38, 40, 41 yo kuvuga ibintu by'ingenzi biboneka mu murenge wabo.

Ibisubizo by'imyitozo n'ibikorwa byo kuri iki kigwa

Imyitozo yo ku rupapuro rwa 35 mu gitabo cy'umunyeshuri

1. **Ibintu by'ingenzi biboneka mu mirenge yo mu cyaro**
   Imirima, amashyamba,imigezi, imisozi, ibibaya, ibiyaga, ibishanga, Ikigo nderabuzima.

   Ibintu by'ingenzi biboneka mu mirenge yo mu mugi
   Amazu menshi y'ubucuruzi , ay'ubuyobozi bukuru, ibitaro, n'ibibuga by'indege.
2. Ibisubizo biratandukanye
3. Imihanda, amashyamba, amasoko, amazu y'ubucuruzi.
4. a. Oya b. Yego c. Yego d. Oya

Reka nisuzume yo ku rupapuro rwa 37 mu gitabo cy'umunyeshuri

a. Bibaha amazi, amafi,bifasha kuhira imirima i musozi, bikurura ba mukerarugendo, bitanga amashanyarazi.
b. Bihingwamo imboga, imyaka ikenera amazi cyane nk'umuceri n'ibisheke.
c. Bahafatira ibyangombwa kandi barahasezeranira.
d. Barahacururiza kandi bakahagurira ibintu bitandukanye .

Nsuzuma ngusuzume yo ku rupapuro rwa 38 mu gitabo cy'umunyeshuri

a. Imirima
b. Ibiyaga n'imigezi
c. Amazi, imirasire y'izuba
d. Ibishanga , uturima tw'igikoni

Imyitozo yo ku rupapuro rwa 38 mu gitabo cy'umunyeshuri

1. a 4 b. 5 c.1 d. 2 e. 3
2. Bibafasha kwivuza, gufata ibyangombwa, guhahirana n'utundi turere no kwitunga
3. a. Mu mashyamba.
   b. Imihanda.
   c. Mu bishanga.
   d. Mu migezi no mu biyaga.
   e. Ku murenge.

Reka nisuzume yo ku rupapuro rwa 40 mu gitabo cy'umunyeshuri

- Kuvunaguza ibiti by'amashyamba,
- Kwituma mu migezi,
- Gutera amabuye ku mazu.
- Kwangiza imiyoboro y'amazi.

Nsuzuma ngusuzume ku rupapuro rwa 40 mu gitabo cy'umunyeshuri

a. Imirima.
b. Imirima, imigezi, ibiyaga, ibishanga
c. Imirima, imigezi, ibiyaga, ibishanga .
d. Ibikorwa remezo.
e. Ibikorwa remezo.

Imyitozo yo ku rupapuro rwa 41 mu gitabo cy'umunyeshuri

1. a. Kuyirinda isuri
   b. Kurwanya amarebe n'isuri ituma ikama
   c. Kukigirira isuku no kugisana
   b. Kurikorera, kurisarura ryeze no kurisazura
   c. Guteraho ibiti , gucukura imirwanyasuri.
2. Isuri, ibiza, ba rutwitsi, abajura,
3. a. Namugira inama yo gukora amaterasi y'indinganire.
   b. Kureka bigakura akazabona kubitema.
   c. kubireka kuko bihumanya amazi.
   d. Kubireka kuko bituma umuhanda wangirika.
   e. Kubireka kuko aba atubahirije amategeko.
4. a. Yego b. Yego c. Yego d. Yego

Umukino: Dufatanye isuku ku rupapuro rwa 41

Amabwiriza:

Gushyira abanyeshuri mu matsinda ya 6.

- Guha babiribabiri ibikoresho bisa by'isuku.
- Kubapfuka mu maso.
- Gusaba buri wese gushaka uwo bahuje igikoresho k'isuku.
- Ubonye mugenzi we bagahagararana bityo bityo.
- Hanyuma abandi batari mu itsinda bakajya bavuga icyo igikoresho cyakora.
- Abagifite bagakoma mu mashyi
- Bityobityo bagahetura hakaza abandi.

***Intego*:** Gukundana, gufatanya , kubahana.

2.9.3 Ikigwa cya gatatu: Gufata neza umutungo w'ishuri

a. Intego

Ubumenyi

Kugaragaza ibigize umutungo w'ishuri.

Ubumenyingiro

Gusobanura akamaro k'ibintu by'ingenzi bigize umutungo w'ishuri , imicungire n'imikoreshereze yawo.

Ubukesha

Kurangwa n'umuco wo kubungabunga umutungo w'ishuri , kunyurwa no kunezezwa n'umutungo w'ishuri.

b. Imyitozo y'isubiramo /Intangiriro

Imyitozo ku micungire y'umutungo w'umuryango.

c. Imfashanyigisho

Amashusho agaragaza umutungo w'ishuri n'ibikorwa byo kuwubungabunga.

d. Imyigire n'imyigishirize

- Gutegura imfashanyigisho zihagije zifasha abanyeshuri gusobanukirwa uburyo buboneye bwo gufata neza umutungo w'ishuri.
- Gushyira abanyeshuri mu matsinda
- Kubaha amabwiriza yo kwitegereza amashusho, kuyaganiraho no gusobanurira bagenzi babo ibyo babonye.
- Umwarimu afasha abanyeshuri gushyira hamwe ibyo bagezeho maze akuzuza ibitekerezo byabo.
- Akora ubugororangingo afasha abanyeshuri gukoresha imvugo yumvikana bakoresha amagambo asobanura neza ikigwa.

Urugero: Kubungabunga umutungo,…

e. Ikomatanya ry'ibyizwe

Kuyobora abanyeshuri mu kuvuga muri make uko babungabunga umutungo w'ishuri .

e. Isuzuma

Guha abanyeshuri imyitozo iri mu gitabo cy'umunyeshuri yo kuvuga uko babungabunga umutungo w'ishuri. (Iri ku rupapuro rwa 44, 46, 47)

Ibisubizo by'imyitozo n'ibikorwa byo kuri iki kigwa

Reka nisuzume ku rupapuro rwa 44 mu gitabo cy'umunyeshuri

1. a. Ni ho tujya kwiherera, kwituma.
   b. Ni ho tubika ibikoresho.
   c. Ni ho tubariza ibibazo.
   d. Ni ho twigira ikoranabuhanga.
2. Ibitabo, mudasobwa, amakarita, ibibaho, amakayi, ibikoresho byo kwandikisha.

Nsuzuma ngusuzume yo ku rupapuro rwa 44 mu gitabo cy'umunyeshuri

1. a. Ivuriro cyangwa icyumba cy'umukobwa.
   b. Ikibuga.
   c. Isomero.
   d. Icyumba cya mudasobwa.
2. Imipira , inkweto n'imyenda bya siporo, ifirimbi, ...

Imyitozo yo ku rupapuro rwa 44 mu gitabo cy'umunyeshuri

1. a. 4 b. 5 c. 1 d. 2 e. 3
2. Umfasha kwiga neza no kugira ubuzima bwiza ku ishuri.
3. Bwiherero,cyumba, mudasobwa, ububiko bw'ibikoresho, inzu mberabyombi.

Reka nisuzume yo ku rupapuro rwa 46 mu gitabo cy'umunyeshuri

1. Kuwusesagura, kuwangiza no kuwandarika.
2. Kuwukoresha neza, kuwusukura no kuwubika neza.

Nsuzuma ngusuzume yo ku rupapuro rwa 46 mu gitabo cy'umunyeshuri

1. Oya
2. Yego
3. Oya
4. Oya

Imyitozo yo ku rupapuro rwa 47 mu gitabo cy'umunyeshuri

1. a. Kubifunika, kutabinyagiza, kubibika neza, kubirambura udaca impapuro , kutabyandikamo, kudacamo impapuro.
   b. Kutayamengura .
   c. Kudatamo ibipapuro, kutavunaguza indabo n'ibiti, kubukorera isuku, kubuvomerera mu gihe k'izuba, kutabunyuramo.
   d. Kurisukura, kutanyura mu madirishya, kudatera imipira ku nkuta, kutangiza amatara, gufata neza intebe.
   e. Kurisukura, kutandarika ibitabo.
   f. Kubukoresha neza mu isuku, kubusukura.
2. Kunyura mu busitani, guteramo umupira, gutamo ibipapuro gucamo indabo, guca ibitabo, gushwaratura intebe.
3. a, b, c, d, e, f, g, h, i, j, k,. Kubireka kuko ari ukwangiza.

2.9.4 Ikigwa cya kane: Gufata neza umutungo rusange wo mu murenge wacu

a. Intego

Ubumenyi

Kugaragaza ibigize umutungo rusange uri mu murenge.

Ubumenyingiro

Gusobanura akamaro k' ibintu by'ingenzi bigize umutungo rusange uri mu murenge n'imicungire.

Ubukesha

- Kurangwa n'umuco wo kubungabunga umutungo rusange uri mu murenge.
- Kunyurwa no kunezezwa n'umutungo rusange uri mu murenge.

b. Imyitozo y'isubiramo /Intangiriro

Imyitozo ku micungire y'umutungo rusange wo mu kagari.

c. Imfashanyigisho

Amashusho agaragaza umutungo rusange w'Umurenge n'ibikorwa byo kuwubungabunga.

d. Imyigire n'imyigishirize

- Gutegura imfashanyigisho zihagije zifasha abanyeshuri gutandukanya ibigize umutungo rusange w'Umurenge n'ibikorwa.
- Gushyira abanyeshuri mu matsinda.
- Kubaha amabwiriza yo kwitegereza amashusho, kuyaganiraho no gusobanurira bagenzi babo ibyo babonye.
- Umwarimu afasha abanyeshuri gushyira hamwe ibyo bagezeho maze akuzuza ibitekerezo byabo.
- Akora ubugororangingo afasha abanyeshuri gukoresha imvugo yumvikana bakoresha amagambo asobanura neza ikigwa.

Urugero: Kuzuza inshingano, guteshuka ku nshingano,…

e. Ikomatanya ry'ibyizwe

Kuyobora abanyeshuri mu kuvuga muri make uko babungabunga umutungo rusange w'Umurenge.

f. Isuzuma

Guha abanyeshuri imyitozo iri mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 49, 50, 53 yo kuvuga uko babungabunga umutungo rusange w'Umurenge.

Ibisubizo by'imyitozo n'ibikorwa byo kuri iki kigwa

Reka nisuzume yo ku rupapuro rwa 49 mu gitabo cy'umunyeshuri

a. Ni ho bivuriza bakanahakingiriza abana.
b. Ni ho bategera imodoka.
c. Ni ho bavoma amazi yo gukoresha mu rugo.
d. Ni zo zitwara indembe kwa muganga.

Nsuzuma ngusuzume ku rupapuro rwa 50 mu gitabo cy'umunyeshuri

a. Ikigo nderabuzima, ivuriro.
b. Isoko n'amaduka.
c. Ivomo rusange.
d. Ibiro by'Umurenge.

Imyitozo yo ku rupapuro rwa 50 mu gitabo cy'umunyeshuri

1. a. 4 b. 5 c. 1 d. 2 e. 3
2. a Imbangukiragutabara. b. Murenge
   c. Kigo bategeramo imodoka. d. Kibuga

Reka nisuzume ku rupapuro rwa 53 mu gitabo cy'umunyeshuri

1. Kuwangiza no kuwusesagura.
2. Kuwusana , kuwubungabunga.

Nsuzuma ngusuzume ku rupapuro rwa 53 mu gitabo cy'umunyeshuri

a. Oya b. Yego c. Oya d. Yego

Imyitozo yo ku rupapuro rwa 53 mu gitabo cy'umunyeshuri

1. a. Kuwusana, kutawuyoboramo amazi, kutawukuramo amabuye, kutawurundamo imyanda, kuwukorera.
   b. Kububagarira,kutabunyuramo, kudatamo imyanda, guteramo ibiti byiza n'indabo no kubikorera, kutangiza ibiteyemo.
   c. Kuyasana, kutangiza amazu yayo, kutangiza ibikoresho byayo, kuyagirira isuku
   d. Kuyigirira isuku buri gihe, kuyisana.
   e. Kuyagirira isuku buri gihe, kuyasana, kutangiza ibikoresho byayo.
2. Kwiba, kubiyoboramo amazi, kubifata nabi.
3. a, b, c, d, e. Ni uko yabireka kuko byangiza umutungo rusange .

2.10 Ibisoza umutwe

a. Inshamake y'ibikubiye muri uyu mutwe

Umurenge wacu urangwa n'ibintu bitandukanye birimo ibidukikije nk'imisozi, amashyamba, ibiyaga..

Habamo n'ibikorwa remezo birimo amavuriro, amashuri, amasoko, imihanda,…

Akarere kagizwe, n'imirenge itandukanye kandi buri murenge ugizwe na wo n'utugari dutandukanye.

Ikarita itandukanye n'igishushanyo kuko ikarita igira izina, ibisobanuro n'ihindurangano. Mu gihe igishushanyo kigaragaza ahantu bitewe n'ushushanya uko abibona.

Tugomba kwita ku mutungo w'ishuri no kuwukoresha neza.Tugomba no kubungabunga ibintu by'ingenzi biboneka mu murenge wacu kugira ngo birambe.

b. Ubumenyi bw'inyongera umwarimu asabwa kugira

- Kumenya kuyobora ibikorwa byose kandi yita kuri buri munyeshuri nta we asize inyuma.
- Gusobanura ku buryo bwimbitse uko basoma ibiri ku moko anyuranye y'amakarita
- Gusobanura ibintu by'ingenzi biboneka mu mirenge yose y'u Rwanda.
- Gutegura no gukoresha neza imfashanyigisho zinyuranye.
- Kumenya neza imyigishirize y'amasomo mbonezamubano ijyanye n'integanyanyigisho ishingiye ku bushobozi.
- Kumenya uko yacengeza ingingo nsanganyamasomo igihe yigisha uyu mutwe (Reba ku rupapuro rwa 33 muri iki gitabo).

c. Ibisubizo by'isuzuma risoza umutwe wa 2 riri ku rupapuro rwa 54 mu gitabo cy'umunyeshuri

1. Akagari, Umurenge n'Umudugudu.
2. Ibisubizo biratandukanye
3. Uko ahantu hagizwe hato ukurikije uko hasanzwe hangana.
4. a. Amashuri, ibitabo, ibibuga, ubwiherero, inzu mberabyombi, icyumba cy'umukobwa, …
   b. Biterwa n'imirenge.
5. a. Umunyamabanga Nshingwabikorwa.
   b. Kubungabunga.
   c. Ibidukikije.
   d. Byangiza.
   e. Abangiza.
   f. Gitandukanye.
6. Akarere, Umurenge, Akagari, Umudugudu
7. Iyo utemye amashyamba hagasigara imisozi yambaye ubusa, gutwika, gusiba imiyoboro y'amazi, kumena imyanda muri ruhurura, …

d. Imyitozo y'umwihariko ihabwa abanyeshuri bagenda buhoro mu myigire n'ibisubizo byayo

1. Andika aderesi yawe uhereye ku izina ry'Umudugudu utuyemo kugera ku karere.
2. Abantu bayobora inzego z'ibanze zikurikira babita bande?
   a. Umudugudu:
   b. Akagari:
   c. Umurenge:
3. Andika aderesi y'ishuri ryawe uhereye ku izina. ry'Umudugudu kugera ku karere

Ibisubizo

1. Ibisubizo biranyuranye bitewe n'uko abanyeshuri baturuka ahantu hatandukanye.
2. a. **Umudugudu:** Umukuru w'Umudugudu.
   b. **Akagari:** Umunyamabanga Nshingwabikorwa.
   c. **Umurenge:** Umunyamabanga Nshingwabikorwa.
3. Ibisubizo biratandukanye

e. Imyitozo y'umwihariko ihabwa abanyeshuri bihuta cyane mu myigire kurusha abandi n'ibisubizo byayo

1. Ese kubaha no kwiyambaza abayobozi ni inshingano za buri munyarwanda ? Sobanura.
2. Kuki Imirenge yose idahuza ibiyiranga?
3. Ni bande bafite inshingano zo kwita ku mutungo w'ishuri?

Ibisubizo

1. Kubaha abayobozi ni ngombwa ariko tugomba no kubiyambaza igihe tubakeneyeho serivisi.
2. Ni ukubera ko imirenge yose idaherereye ahantu hateye kimwe.
3. Abanyeshuri, abarezi, abayobozi b'ikigo, abakozi b'ikigo n'abandi.

Umutwe wa gatatu: Isuku

3.1 Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe

Kurangwa n' isuku kuri we, aho yiga n'aho aba.

3.2 Ibyizwe mbere bifitanye isano n'uyu mutwe

Isuku y'ibiribwa n'ibinyobwa.

3.3 Ubumenyi ku ngingo nsanganyamasomo buri muri uyu mutwe n'uko bugerwaho

- ***Ubwuzuzanye bw'ibitsina byombi*** mu gukora imyitozo ku isuku nta vangura.
- ***Uburezi budaheza*** mu gihe umunyeshuri akora isuku adahutaza abo bigana bafite ubumuga cyangwa ibindi bibazo byihariye.
- ***Gufata neza ibidukikije***
  - Mu gihe umunyeshuri asukura aho akorera cyangwa afata neza imfashanyigisho yakoresheje.
  - Mu gihe akora ibikorwa byo gusukura aho yigira n'aho aba.
- ***Umuco w'amahoro*** mu gihe akorana isuku na bagenzi be mu bwumvikane nta we abangamiye.
- ***Umuco wo gukoresha neza umutungo***: igihe agaragaza inshingano ze mu gusukura aho aba aho yigira n'imyanya ye ndangagitsina, adasesagura ibyo akoresha.
- ***Ubuzima bw'imyororokere***: mu gihe asobanura uko akwiye kugira isuku y'imyanya ndangagitsina, nuko yakwirinda indwara ziterwa no kutayisukura.
- ***Umuco wo gukoresha ibyujuje ubuziranenge:*** mu gukoresha amasabune n'indi miti y'isuku byujuje ubuziranenege.

3.4 Ubushobozi umunyeshuri azunguka muri uyu mutwe

- ***Kwitegereza*** agasobanura ibyo yitegereje .
- ***Gushyikirana n'abandi*** igihe akorera mu matsinda cyangwa afatanya n'abandi .
- ***Gutekereza ku mwitozo*** ahawe mbere yo kuwukora, bityo akawukora neza nta makosa ashyizemo .
- ***Gukoresha imvugo isobanutse*** igihe asobanura uko akora isuku n'uko yita ku bafite ubumuga .
- ***Guhanga udushya mu gihe*** yikorera ibyapa bikangurira abantu kubungabunga umutungo w'Umurenge cyangwa aranga ahantu nyaburanga mu murenge.
- ***Kugira amashyushyu*** yo guhora yiyungura ubumenyi ku bijyanye n'isuku.
- ***Kwikemurira ibibazo*** mu gihe yikorera isuku aho aba. Aho yigira ndetse akanasukura imyanya ndangagitsina ye.

3.5 Amagambo umunyeshuri yunguka muri uyu mutwe

Kurangwa n'isuku: kwirinda umwanda ku buryo ubwo ari bwo bwose.

Imyanya ndangagitsina: imyanya myibarukiro igaragaza igitsina gabo cyangwa igitsina gore.

Indwara zandura: indwara umuntu yanduzwa n'uyirwaye.

Umunyesuku: umuntu ugira isuku.

Umunyamwanda: Umuntu ugira umwanda, utagira isuku.

3.6 Ikibazo nyamukuru

Umwarimu asomesha agakuru kajyanye n'ikibazo cy'abana barwaye ubuheri n'amavunja.

- Asaba abanyeshuri kukaganiraho no kugatangaho ibitekerezo bagaragaza uko bafasha abana bafite bene ibyo bibazo kubikemura.
- Abasobanurira ko ibisubizo byuzuye bazajya babibona mu masomo bagiye kwiga muri uyu mutwe.

3.7 Uko umwarimu yita by'umwihariko ku bafite ibibazo byihariye yigisha uyu mutwe

- Abafata bitinze bahe imyitozo iri muri iki gitabo ku rupapuro rwa 60; yoroshye ugereranyije n'iy'abandi .
- Abafite ubumuga bw'ingingo banza umenye izo ari zo ubategurire imfashanyigisho zihariye n'imyitozo wagenera buri wese .
- Abafite impano yo kumva no gukora vuba cyane bahe imyitozo usanga muri iki gitabo ku rupapuro rwa 61, yiyongera ku yo wahaye ishuri ryose kugira ngo batarangaza abandi.

3.8 Imbonerahamwe y'ibyigwa biri muri uyu mutwe wa gatatu

Inomero	Urutonde rw'ibyigwa	Umubare w'amasomo:10
1	Isuku y'ishuri n'aho aba	3
2	Indwara zandura	3
3	Isuku y'imyanya ndangagitsina	3
4	Isuzuma risoza umutwe	1

3.9 Imyigishirize ya buri kigwa

3.9.1 Ikigwa cya mbere: Isuku y'ishuri n'aho atuye

a. Intego

Ubumenyi

Kurondora uburyo bunyuranye bwo gukora isuku y'ishuri n'aho atuye.

Ubumenyingiro

Gusesengura akamaro k'isuku n'ingaruka z'umwanda ku ishuri n'aho atuye.

Ubukesha

Kugaragaza isuku mu ishuri ,ku ishuri n'aho atuye (Mu myambarire, mu gufata neza ibikoresho bye, mu kwandika neza …)

b. Imyitozo y'isubiramo /Intangiriro

Isuku y'amazi, y'ibiribwa n'ibinyobwa

c. Imfashanyigisho

Ibikoresho binyuranye by'isuku, amashusho agaragaza ibikorwa by'isuku, indwara zandura, amafoto, filimi, videwo.

d. Imyigire n'imyigishirize

- Gutegura imfashanyigisho zihagije zifasha abanyeshuri gusobanukirwa uburyo buboneye bwo gukora isuku y'ishuri n'aho batuye.
- Gushyira abanyeshuri mu matsinda.
- Kubaha amabwiriza yo kwitegereza amashusho, kuyaganiraho no gusobanurira bagenzi babo ibyo babonye.
- Umwarimu afasha abanyeshuri gushyira hamwe ibyo bagezeho maze akuzuza ibitekerezo byabo.
- Akora ubugororangingo afasha abanyeshuri gukoresha imvugo yumvikana bakoresha amagambo asobanura neza ikigwa.

Urugero: Kurangwa n'isuku, umunyesuku, umunyamwanda

e. Ikomatanya ry'ibyizwe

Kuyobora abanyeshuri mu kuvuga muri make uburyo bwo gukora isuku aho aba n'aho yigira, akamaro ko kuhagirira isuku n'ingaruka zo kugira isuku nke.

f. Isuzuma

Guha abanyeshuri imyitozo iri mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 56, 57, 68, 80 isuku y'ishuri n'aho aba.

Ibisubizo by'imyitozo n'ibikorwa byo kuri iki kigwa.

Reka nisuzume yo ku rupapuro rwa 56 mu gitabo cy'umunyeshuri

1. Gukubura no gukoropa ishuri, gutoragura ibipapuro , kumena imyanda ahabugenewe; kurandura ibyatsi bibi mu busitani, gutera indabo n' ibiti no kubivomererera, kubika neza ibikoresho no kubisukura, koza inzugi, amadirishya, ibibaho; gusukura ubwiherero no kutabwanduza.
2. Kwiga neza, kubaha abayobozi na bagenzi be, gukurikiza amategeko n'amabwiriza y'ishuri.

Nsuzuma ngusuzume yo ku rupapuro rwa 56 mu gitabo cy'umunyeshuri

1. Nabwira abayobozi bagategura igikorwa k'isuku rusange kandi bagakangurira abanyeshuri kuba intangarugero mu kugira isuku.
2. Kuko dushobora kuhandurira indwara zikomoka ku mwanda.
   Iyo umuntu agiyeyo hasa neza amererwa neza .
   Yasanga hasa nabi hakamunukira kandi hakamutera iseseme.

Imyitozo yo ku rupapuro rwa 56 mu gitabo cy'umunyeshuri

1. Ishuri ubwaryo, ibikoresho, ibibuga, ubusitani n'ubwiherero.
2. Buri gihe tumaze gukora ku mwanda, tuvuye mu bwiherero, mbere yo kurya no kunywa na mbere yo kwisukura cyangwa gusukukura icyo ari cyo cyose.
3. Biturinda indwara ziterwa n'umwanda, bituma duhumeka umwuka mwiza.
4. Gukora isuku aho dushobora no gusaba abayobozi gukangurira abantu bose bo mu kigo gukora isuku no kuyihorana.

Umukino uri ku rupapuro rwa 57 mu gitabo cy'umunyeshuri.

Kwandururа ibyandaraye

Amabwiriza:

Gushyira abanyeshuri mu matsinda. Kunyanyagiza udupapuro turiho amazina y'ibintu binyuranye (ikayi, ingwa, ibitabo, amakaramu, imyanda …).

Gushyira mu nguni y'ishuri utundi dupapuro turiho andi mazina y'aho babika ibintu (akabati, pubeli, ameza, maleti, igikarito …)

Abanyeshuri batanguranwa gushaka ikintu n'aho kigomba kujya abatanga abandi baba batsinze .

***Intego*:** Gutoza abanyeshuri kwandururа no kubika ikintu cyose mu mwanya wacyo.

Reka nisuzume yo ku rupapuro rwa 58 mu gitabo cy'umunyeshuri

1. Birinda indwara ziterwa n'umwanda, birinda malariya kandi bituma abantu bagubwa neza, bahumeka umwuka mwiza.
2. Kugira ngo kidateza imibu n'umunuko mu rugo.

Nsuzuma ngusuzume yo ku rupapuro rwa 58 mu gitabo cy'umunyeshuri

1. – Inzu ubwayo n'ibyumba byose, urubaraza, imbuga/igipangu, ubwiherero n'ahakikije urugo.
   – Ibikoresho byo mu rugo byose, ibiribwa n'ibinyobwa.
2. Gusukura aho dushoboye ubundi tugakangurira ababyeyi bacu kugira isuku tubabwira ibibi byo kutagira isuku .

Imyitozo yo ku rupapuro rwa 58 mu gitabo cy'umunyeshuri.

1. Mu gikoni, aho turara, mu ruganiriro no mu bwiherero
2. Kuko iyo adendeje ahantu haba indiri y'imibu itera malariya, aranuka kandi ashobora guteza isuri.
3. – Bituma urugo rugaraga neza (isuku).
   – Bituma urugo rutaba indiri y'inyamaswa (inzoka) n'imibu itera malariya.
4. – Kubera ko iyo imvura iguye birekamo amazi yaba indiri y'imibu itera malariya.
   – Biturinda gukomereka kandi bituma urugo rugaragara neza.
5. – Gutema ibihuru bihakikije.
   – Kwandurura injyo n'ibimene by'amacupa byarekamo amazi y'imvura.
   – Gukubura no gutunganya ubusitani.
   – Gupfundikira ubwiherero.
6. b na c

Reka nisuzume yo ku rupapuro rwa 60 mu gitabo cy'umunyeshuri.

1. Kugira ngo twirinde indwara ziterwa n'umwanda bityo tugire ubuzima bwiza.
2. a. Shishikara, nshima
   b. Macinyamyambi.

Nsuzuma ngusuzume yo ku rupapuro rwa 60 mu gitabo cy'umunyeshuri

Abantu baba ahantu hanuka, ibintu biramenagurika cyangwa bikangirika kuko biba byandaraye.

Nta mutuzo abantu baba bafite kuko baba bari ahantu hasa nabi.

Imyitozo yo ku rupapuro rwa 60 mu gitabo cy'umunyeshuri

1. Ubuheri, macinyamyambi, inzoka zo mu nda, inkorora, amavunja, …
2. Kurara mu nzitiramibu iteye umuti, gufunga amadirishya n'inzugi nyuma ya saa kumi n'ebyiri, gusiba ibinogo no gutema ibihuru hafi y'urugo, guta mu kimoteri ibintu birekamo amazi, kubaka ikimoteri kure y'urugo.
3. Gukora isuku.
4. Twamubwira gutaha akivuza kuko ubuheri bwandura cyane akazagaruka ku ishuri yakize kandi akagira isuku.

Umukino: Ibitera indwara ku rupapuro rwa 60 mu gitabo cyumunyeshuri

Amabwiriza:

- Abanyeshuri bajya ku ruziga.
- Umwarimu yavuga ikintu gitera indwara bakacyamagana bazunguza intoki.
- Yavuga ikintu gifasha kwirinda indwara bagakoma mu mashyi.
- Iyo umwe anyuranije n'abandi ava mu ruziga.
- Abasigayemo baba batsinze

Intego:

Gufasha abanyeshuri gufata ibitera indwara n'uko bazirinda binyuze mu mukino usekeje.

3.9.2 Ikigwa cya kabiri: Indwara zandura

a. Intego

Ubumenyi

Kurondora indwara zandura, uko zandura n'uburyo bwo kuzirinda.

Ubumenyingiro

Gusobanura akamaro ko kwirinda indwara zandura.

Ubukesha

Kurangwa n'umuco wo kwirinda indwara.

b. Imyitozo y'isubiramo /Intangiriro

Indwara zitandura ziterwa n'umwanda n'iziterwa n'imirire mibi.

c. Imfashanyigisho

Amashusho agaragaza indwara zandura.

d. Imyigire n'imyigishirize

- Gutegura imfashanyigisho zihagije zifasha abanyeshuri gusobanukirwa indwara zandura izo ari zo n'uko bazirinda.
- Gushyira abanyeshuri mu matsinda.
- Kubaha amabwiriza yo kwitegereza amashusho, kuyaganiraho no gusobanurira bagenzi babo ibyo babonye.
- Umwarimu afasha abanyeshuri gushyira hamwe ibyo bagezeho maze akuzuza ibitekerezo byabo.
- Akora ubugororangingo afasha abanyeshuri gukoresha imvugo yumvikana bakoresha amagambo asobanura neza ikigwa.

Urugero: Kwandura no kwanduza indwara, …

e. Ikomatanya ry'ibyizwe

Kuyobora abanyeshuri mu kuvuga muri make indwara zandura , uko zandura, uko bazirinda n'akamaro ko kuzirinda.

f. Isuzuma

Guha abanyeshuri imyitozo iri mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 62, 65 na 66 ku ndwara zandura.

Ibisubizo by'imyitozo n'ibikorwa byo kuri iki kigwa

Reka nisuzume yo ku rupapuro rwa 62 mu gitabo cy'umunyeshuri

a. Inkorora, igituntu
b. Korera, inzoka,
c. Sida, umwijima, ebola
d. Ubuheri, ise, ibihushi.

Nsuzuma ngusuzume yo ku rupapuro rwa 62 mu gitabo cy'umunyeshuri

Izandurira mu mwuka: Inkorora, igituntu, ebola
Izandurira mu matembabuzi: ebola, SIDA, epatite
Iterwa n'umubu: malariya
Izandurira mu kwambarana: Iseru, ise, ibinyoro, ibihara .

Imyitozo yo ku rupapuro rwa 62 mu gitabo cy'umunyeshuri

1.d 2.e 3.a 4.b 5. c

Reka nisuzume yo ku rupapuro rwa 65 mu gitabo cy'umunyeshuri

a. Sida, umwijima, imitezi , mburugu
b. Igituntu
c. Malariya
d. Kwishimagura

Nsuzuma ngusuzume yo ku rupapuro rwa 65 mu gitabo cy'umunyeshuri

1. Nakwivuza ngakurikiza inama za muganga kandi nkirinda kwanduza abandi.
2. a) Ibisubizo biratandukanye.
   b) Ibisubizo biratandukanye.

Imyitozo yo ku rupapuro rwa 66 mu gitabo cy'umunyeshuri

Indwara zandura	Inzira zanduriramo	Uburyo bwo kuzirinda
Malariya	Kurumwa n'umubu witwa Anoferi wamaze kuruma umuntu urwaye malariya.	Kurara mu nzitiramubu, gusiba ibinogo, gutema ibihuru hafi y'urugo, guta kure ibintu birekamo amazi.
Umwijima	Gukora imibonano mpuzabitsina n'uyirwaye, mu matembabuzi, gufatwa ku ngufu.	Kwirinda imibonano mpuzabitsina.
Ubuheri, ise ibihara, iseru	Kwegera no kwitsirita ku muntu ubirwaye.	Kutitsirita ku muntu uyirwaye, kutambarana.
Macinyamyambi, kolera ,	Kurya cyangwa kunywa ibintu bidasukuye, kurisha intoki zidakarabye, kurira cyangwa kunywesha ibintu bitogeje.	Gukaraba intoki uvuye mu bwiherero na mbere yo kurya cyangwa kunywa.

SIDA	Gukora imibonano mpuzabitsina idakingiye n'umuntu uyirwaye, gusangira ibikoresho bikomeretsa, guterwa amaraso yanduye, umubyeyi yanduza umwana amubyara cyangwa amwonsa.	Kwirinda imibonano mpuzabitsina , gukurikiza inama zo kwa muganga zose.

2. a. Ebola,
   b. Kudakaraba / kutoga
   c. Gusangira ku muheha umwe.
   d. Ivumbi.

3.9.3 Ikigwa cya gatatu: Isuku y'imyanya ndangagitsina

a. Intego

Ubumenyi

Kugaragaza uko yayigirira isuku imyanya ndagagitsina.

Ubumenyingiro

Gusobanura uko basukura imyanya ndagagitsina n'uko yakwirinda ingaruka z'isuku nke y'imyanya ndangagitsina.

Ubukesha

Kubungabunga imyanya ndagagitsina kurangwa n'isuku.

b. Imyitozo y'isubiramo /Intangiriro

Imyitozo ku ihohoterwa rishingiye ku myanya ndangagitsina.

c. Imfashanyigisho

Amashusho agaragaza uko basukura imyanya ndangagitsina, ibikoresho by'isuku n'amafoto.

d. Imyigire n'imyigishirize

- Gutegura imfashanyigisho zihagije zifasha abanyeshuri kwibonera uko bakwiye kugira isuku y'imyanya ndangagitsina.
- Gushyira abanyeshuri mu matsinda.
- Kubaha amabwiriza yo kwitegereza amashusho, kuyaganiraho no gusobanurira bagenzi babo ibyo babonye.
- Umwarimu afasha abanyeshuri gushyira hamwe ibyo bagezeho maze akuzuza ibitekerezo byabo.
- Akora ubugororangingo afasha abanyeshuri gukoresha imvugo yumvikana bakoresha amagambo asobanura neza ikigwa.

Urugero: Isuku nke,…

e. Ikomatanya ry'ibyizwe

Kuyobora abanyeshuri mu kuvuga muri make uko bagirira isuku imyanya ndangagitsina

f. Isuzuma

Guha abanyeshuri imyitozo iri mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 68, 69 ku isuku y'imyanya ndangagitsina

Ibisubizo by'imyitozo n'ibikorwa byo kuri iki kigwa

Reka nisuzume ku rupapuro rwa 68 mu gitabo cy'umunyeshuri

1. Amazi meza, isabune, igitambaro cy'amazi kimeshe
2. Amazi mabi yose n'arimo isabune.

Nsuzuma ngusuzume yo ku rupapuro rwa 68 mu gitabo cy'umunyeshuri

1. Kugira ngo tutisiga umwanda ku gitsina.
2. Si byiza kuko ituma neza.

Imyitozo yo ku rupapuro rwa 68 mu gitabo cy'umunyeshuri

1. Amakariso y'umwenda, ameshe neza,yumye kandi ateye ipasi
2. Amakariso adafashe cyane kandi atari nilo.

Imyitozo yo ku rupapuro rwa 69 mu gitabo cy'umunyeshuri

1. Nkoresheje amazi meza n'isabune ariko ntacengeza isabune mo imbere, nambara amakariso asukuye, niheha nganisha inyuma ntituma mu makariso.
2. a. Inyuma.
   b. Kunuka no kwishimagura.
3. Irakurya, ikubuza kugenda neza kandi igakanda cyane imyanya ndangagitsina.

Umukino w'indwara zandura ku rupapuro rwa 62 mu gitabo cy'umunyeshuri

Amabwiriza:

- Abanyeshuri bajya ku ruziga.
- Umwarimu yavuga indwara yandura bagaca bugufi.
- Yavuga indwara itandura bagasimbuka.
- Iyo umwe anyuranije n'abandi ava mu ruziga.
- Abasigayemo baba batsinze.

Intego: Gufasha abanyeshuri kumenya indwara zandura.

3.10 Ibisoza umutwe

a. Inshamake y'ibikubiye muri uyu mutwe

Ni ngombwa kugira isuku yo ku ishuri n'aho dutuye kugira ngo twirinde indwara zinyuranye ziterwa n'umwanda.

Tugomba gusobanukirwa uko indwara zandura haba mu maraso, mu mwuka, mu gusangira, … bityo tukazirinda.

Tugomba kugirira isuku imyanya ndagagitsina kuko biturinda indwara zinyuranye nko kwishimagura ku gitsina, kunuka, ...

b. Ubumenyi bw'inyongera umwarimu asabwa kugira

- Kumenya kuyobora ibikorwa byose kandi yita kuri buri munyeshuri nta we asize inyuma.
- Gusobanura ku buryo bwimbitse uko bakora isuku.
- Gusobanura ibintu by'ingenzi bikoreshwa mu isuku n'isukura.
- Gutegura no gukoresha neza imfashanyigisho zinyuranye.
- Kumenya neza imyigishirize y'amasomo mbonezamubano ijyanye n'integanyanyigisho ishingiye ku bushobozi .
- Kumenya uko yacengeza ingingo nsanganyamasomo igihe yigisha uyu mutwe.
- Agomba kubanza gusoma umukino akawukinisha awuzi neza kandi akaza kugenzura ko wageze ku ntego.

c. Ibisubizo by'isuzuma risoza umutwe 3 riri ku rupapuro rwa 70 mu gitabo cy'umunyeshuri

1. a. Mu ishuri, mu busitani, mu bwiherero .
   b. Mu nzu hose, mu bwiherero, aho tubika ibintu , mu mbuga / mu gipangu n'inyuma yaho.
2. Iturinda indwara ziterwa n'umwanda kandi ituma tuba ahantu hafite umwuka mwiza, hasa neza.
3. c d e
4. a. Oya.
   b. Yego
   c. Yego.
   d. Yego
   e. Yego.
   f. Yego.
   g. Oya
5. Narwara kwishimagura ku gitsina kandi nkanuka
6. Ni uko iyo ufite isuku utarwara indwara ziterwa n'umwanda kandi ukaba ahantu heza hari umwuka mwiza.

d. Imyitozo y'umwihariko ihabwa abanyeshuri bagenda buhoro mu myigire n'ibisubizo byayo

1. Vuga muri make ibiranga:
   a. Umuntu ufite isuku.
   b. Ahantu hari isuku.
2. Ni izihe nzira abantu bakunze kwanduriramo indwara?

Ibisubizo

1. a. Aba akeye, yambaye imyenda imeshe, iteye ipasi kandi isa neza.
   b. Haba hasa neza, buri kintu gisukuye kandi kiri mu mwanya wacyo.
2. Umwanda

e. Imyitozo y'umwihariko ihabwa abanyeshuri bihuta cyane mu myigire kurusha abandi n'ibisubizo byayo

1. Ni iki ubujijwe gukora igihe usukura imyanya ndangagitsina yawe ?
2. Wakora iki ugiye gusura abavandimwe bawe ugasanga Malariya yarabibasiye?
3. Ni iki cyakubwira ko wagezweho n'ingaruka zo kudasukura neza imyanya ndangagitsina yawe?

Ibisubizo

1. – Kudashyira isabune mu gitsina imbere.
   – Kudakaraba isabune zihumura.
   – Kwambara amakariso atumye kandi agufashe cyane.
   – Kwiheha uganisha imbere.
   – Kwiyuhagira n'amazi mabi no kwidumbaguza mu bidendezi by'amazi.
2. – Nabagira inama yo kujya barara mu nzitiramubu.
   – Gutema ibihuru bikikije urugo.
   – Gufunga amadirishya n'inzugi mbere ya saa kumi n'ebyiri.
   – Kuvanaho ibidendezi by'amazi bireka hafi y'urugo.
   – Gushyira ikimoteri kure y'urugo.
   – Kugira ubwisungane mu kwivuza.
   – Kwivuza batararemba no gufata neza imiti.
3. Kwishimagura mu gitsina, kunuka, kurwaraho uduheri no kunyara ukokerwa.

Umutwe wa kane: Imibanire n'imyitwarire iboneye

4.1 Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe

Kwiyubaha no kubaha ikiremwamuntu

4.2 Ibyizwe mbere bifitanye isano n'uyu mutwe

Uburenganzira bw'umwana,umuco w'amahoro n'imyitwrire iboneye ku ishuri.

4.3 Ubumenyi ku ngingo nsanganyamasomo buri muri uyu mutwe n'uko bugerwaho.

- ***Ubwuzuzanye bw'ibitsina byombi*** mu gukora imyitozo nta vangura.
- ***Uburezi budaheza***

  Mu gihe umunyeshuri adahutaza abo bigana bafite ubumuga cyangwa ibindi bibazo byihariye
- ***Gufata neza ibidukikije***
  - Mu gihe umunyeshuri asukura aho akorera cyangwa afata neza imfashanyigisho yakoresheje.
  - Mu gihe akora ibikorwa byo gusukura aho bamweretse.
- ***Umuco w'amahoro*** mu gihe akorana na bagenzi be mu bwumvikane nta we abangamiye.
- ***Umuco wo gukoresha neza umutungo*** igihe yitwara neza atangiza umutungo.
- ***Ubuzima bw'imyororokere*** mu gihe yitwara neza yirinda ihohoterwa .
- ***Umuco wo gukoresha ibyujuje ubuziranenge*** mu gukoresha ibintu bitamutera ubumuga.

4.4 Ubushobozi umunyeshuri azunguka muri uyu mutwe

- **Kwitegereza** agasobanura ibyo yitegereje.
- **Gushyikirana n'abandi** igihe akorera mu matsinda cyangwa afatanya n'abandi.
- **Gutekereza** ku mwitozo ahawe mbere yo kuwukora, bityo akawukora neza nta makosa ashyizemo .
- **Gukoresha imvugo isobanutse** igihe asobanura uko akora agomba kubahiriza uburenganzira bwa muntu n'uko yita ku bafite ubumuga.
- **Guhanga udushya** mu gihe yikorera ibyapa bikangurira abantu kugira imyitwarire iboneye.
- **Kugira amashyushyu yo guhora yiyungura ubumenyi** yishakira uko yafasha abafite ubumuga.

4.5 Amagambo umunyeshuri yunguka muri uyu mutwe

Uburenganzira bw'ibanze: Uburenganzira bw'ingenzi mu buzima.
Ubumuga bw'ingingo: Ubumuga bwa kimwe mu bice bigize umubiri.
Ubupfura: Umuco wo kugira neza kandi ukagwa neza.
Kwisuzuma: Kwigenzura, kureba niba ibyo wakoze byose ari byiza.
Kwigaya: Iyo usanze wakosheje, bikakubabaza, ukigira inama yo kutazabyongera.

4.6 Ikibazo nyamukuru

- Umwarimu asomesha agakuru kajyanye n'ikibazo cy'abana bafite imyitwarire mibi.
- Asaba abanyeshuri kukaganiraho no kugatangaho ibitekerezo bagaragaza uko bafasha abana bafite bene ibyo bibazo kubikemura.
- Abasobanurira ko ibisubizo byuzuye bazajya babibona mu masomo bagiye kwiga muri uyu mutwe.

4.7 Uko umwarimu yita by'umwihariko ku bafite ibibazo byihariye yigisha uyu mutwe

- Abafata bitinze bategurire imyitozo usanga muri iki gitabo ku rupapuro rwa 72, yoroshye ugereranyije n'iy'abandi.
- Abafite ubumuga bw'ingingo banza umenye izo ari zo ubategurire imfashanyigisho zihariye n'imyitozo wagenera buri wese.
- Abafite impano yo kumva no gukora vuba cyane bahe imyitozo usanga muri iki gitabo ku rupapuro rwa 72, ituma batarangaza abandi.

4.8 Imbonerahamwe y'ibyigwa biri muri uyu mutwe wa kane

Inomero	Urutonde rw'ibyigwa	Umubare w'amasomo:10
1	Uburenganzira bw'ibanze bwa muntu	3
2	Ubumuga	2
3	Imyitwarire iboneye	4
4	Isuzuma risoza umutwe	1

4.9 Imyigishirize ya buri kigwa

4.9.1 Ikigwa cya mbere: Uburenganzira bw'ibanze bwa muntu

a. Intego

Ubumenyi

Kurondora uburenganzira bw'ibanze bwa muntu.

Ubumenyingiro

Gusobanura uburyo bwo kubahiriza uburenganzira bw'ibanze bwa muntu kuri we no ku bandi.

Ubukesha

- Kubahiriza uburenganzira bwa muntu.
- Kurangwa n'ubupfura.

b. Imyitozo y'isubiramo /Intangiriro

Isubiramo ku burenganzira bw'umwana.

c. Imfashanyigisho

Amashusho agaragaza uburenganzira bw'ibanze bwa muntu.

d. Imyigire n'imyigishirize

- Gutegura imfashanyigisho zihagije zifasha abanyeshuri uburenganzira bw'ibanze bwa muntu n'uko bwubahirizwa.
- Gushyira abanyeshuri mu matsinda.
- Kubaha amabwiriza yo kwitegereza amashusho, kuyaganiraho no gusobanurira bagenzi babo ibyo babonye.
- Umwarimu afasha abanyeshuri gushyira hamwe ibyo bagezeho maze akuzuza ibitekerezo byabo.
- Akora ubugororangingo afasha abanyeshuri gukoresha imvugo yumvikana bakoresha amagambo asobanura neza ikigwa.

Urugero: Kubahiriza, kuvutswa, …

e. Ikomatanya ry'ibyizwe

Kuyobora abanyeshuri mu kuvuga muri make uburenganzira bw'ibanze bwa muntu.

f. Isuzuma

Guha abanyeshuri imyitozo iri mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 72 burenganzira bw'ibanze bwa muntu.

Ibisubizo by'imyitozo n'ibikorwa byo kuri iki kigwa

Reka nisuzume yo ku rupapuro rwa 72 mu gitabo cy'umunyeshuri.

1. Uburenganzira ni icyo wemerewe gukora, guhabwa cyangwa gukorerwa.
2. Yego, kuko ibyo nkenera ndabihabwa kandi n'ibyo nsabwa gukora mbikora neza.

Nsuzuma ngusuzume yo ku rupapuro rwa 72 mu gitabo cy'umunyeshuri

a. Bwo kuvuzwa.
b. Kurindwa imbeho.
c. Kurindwa iyicarubozo.
d. Kurindwa ihohoterwa.
e. Kugaburirwa.
f. Kwambikwa.

Imyitozo yo ku rupapuro rwa 73 mu gitabo cy'umunyeshuri

a. Kugira aho uba hatunganye.
b. Kugaburirwa.
c. Kuvuzwa.

4.9.2 Ikigwa cya kabiri : Ubumuga

a. Intego

Ubumenyi

Kurondora amoko y'ubumuga.

Ubumenyingiro

Gusobanura ibitera ubumuga no kugaragaza uburyo bukwiye bwo kubyirinda.

Ubukesha

– Kubana neza n'abafite ubumuga.
– Kwiyakira ku bafite ubumuga.
– Kugira imyitwarire iboneye.

b. Imyitozo y'isubiramo /Intangiriro

Isubiramo ku bumuga icyo ari cyo n'uburenganzira bw'abafite ubumuga.

c. Imfashanyigisho

Amashusho agaragaza amoko y'ubumuga.

d. Imyigire n'imyigishirize

– Gutegura imfashanyigisho zihagije zifasha abanyeshuri gusobanukirwa amoko y'ubumuga, ikibutera n'uko babwirinda.
– Gushyira abanyeshuri mu matsinda.
– Kubaha amabwiriza yo kwitegereza amashusho, kuyaganiraho no gusobanurira bagenzi babo ibyo babonye.
– Umwarimu afasha abanyeshuri gushyira hamwe ibyo bagezeho maze akuzuza ibitekerezo byabo.

– Akora ubugororangingo afasha abanyeshuri gukoresha imvugo yumvikana bakoresha amagambo asobanura neza ikigwa.

Urugero: Kuzuza inshingano, guteshuka ku nshingano,…

e. Ikomatanya ry'ibyizwe

Kuyobora abanyeshuri mu kuvuga muri make amoko y'ubumuga, ikibutera n'uko babwirinda .

f. Isuzuma

Guha abanyeshuri imyitozo iri mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 75, 76,77 na 78 ku bumuga.

Ibisubizo by'imyitozo n'ibikorwa byo kuri iki kigwa

Reka nisuzume yo ku rupapuro rwa 75 mu gitabo cy'umunyeshuri

1. Imbasa, mugiga.
2. Kugongwa n'imodoka, guhanuka ku mukingo muremure, kugwa muri ruhurura.

Nsuzuma ngusuzume yo ku rupapuro rwa 75 mu gitabo cy'umunyeshuri

Madwedwe, imikoni, ngabo, ibayi.

Umwitozo wo ku rupapuro rwa 76 mu gitabo cy'umunyeshuri

1.e 2. a 3. d 4. c 5. b

Reka nisuzume ku rupapuro rwa 77 mu gitabo cy'umunyeshuri

Impanuka, gukinisha ibimera bifite amata yangiza ubuzima, kwikurugutuza ibintu bisongoye.

Nsuzuma ngusuzume ku rupapuro rwa 77 mu gitabo cy'umunyeshuri

Kuko indwara zivuwe nabi zidakira kandi zivamo ubumuga.

Imyitozo yo ku rupapuro rwa 77 mu gitabo cy'umunyeshuri

1. Kudakinira mu muhanda, kugendera ahabugenewe, kudakinisha ibintu byose byangiza ubuzima.
2. Umukoni, ibayi, madwedwe
3. Nakwitabira inkingo mbyibutsa ababyeyi.

Reka nisuzume yo ku rupapuro rwa 78 mu gitabo cy'umunyeshuri

Kumufasha mu byo adashoboye.

Nsuzuma ngusuzume yo ku rupapuro rwa 78 mu gitabo cy'umunyeshuri

1. Kubakoresha ibyo badashoboye, ibyabahutaza, impanuka no kubita amazina mabi.
2. Kuko bafite uburenganzira nk'ubwacu.

Imyitozo yo ku rupapuro rwa 79 mu gitabo cy'umunyeshuri

1. Namutabariza.
2. a. Oya. c. Oya.
   b. Yego. d. Oya.
3. Oya, kuko na bo bafite uburenganzira bwo kwiga nk'abandi bana.

Umukino uri mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 79
Twirinde imvune

Amabwiriza:

- Abanyeshuri bajya ku ruziga
- Umwarimu yavuga ibishobora kubatera imvune (impanuka) bakifata ku matama.
- Yavuga ibitabatera imvune, bagakoma mu mashyi.
- Iyo umwe anyuranije n'abandi ava mu ruziga .
- Abasigayemo baba batsinze

***Intego*:** Gushimangira ibyizwe mu buryo bw'umukino.

4.9.3 Ikigwa cya gatatu: Imyitwarire iboneye

a. Intego

Ubumenyi

Kurondora imyitwarire iboneye umwana agomba kugira ahantu aho ari ho hose.

Ubumenyingiro

Gusobanura uburyo bunyuranye bwo kugaragaza imyitwarire iboneye umwana agomba kugira ahantu aho ari ho hose.

Ubukesha

- Kurangwa n'umuco wo kubaha, ubupfura, umuco w'ubworoherane no guha agaciro abantu n'ibintu.
- Kubana neza n'abandi.

b. Imyitozo y'isubiramo /Intangiriro

Imyitozo ku myitwarire iboneye ku ishuri.

c. Imfashanyigisho

Amashusho agaragaza imyitwarire iboneye mu bihe bitandukanye n'ahantu hatandukanye.

d. Imyigire n'imyigishirize

- Gutegura imfashanyigisho zihagije zifasha abanyeshuri kuvumbura imyitwarire iboneye bakwiriye kugira ahantu hatandukanye mu bihe bitandukanye.
- Gushyira abanyeshuri mu matsinda.
- Kubaha amabwiriza yo kwitegereza amashusho, kuyaganiraho no

gusobanurira bagenzi babo ibyo babonye.

– Umwarimu afasha abanyeshuri gushyira hamwe ibyo bagezeho maze akuzuza ibitekerezo byabo.
– Akora ubugororangingo afasha abanyeshuri gukoresha imvugo yumvikana bakoresha amagambo asobanura neza ikigwa.

Urugero: Kuzuza inshingano, guteshuka ku nshingano,…

e. Ikomatanya ry'ibyizwe

Kuyobora abanyeshuri mu kuvuga muri make uko bakwiriye kwitwara mu bihe bitandukanye n'ahantu hatandukanye.

f. Isuzuma

Guha abanyeshuri imyitozo iri mu gitabo cy'umunyeshuri ku myitwarire iboneye ku rupapuro rwa 80, 81 na 82.

Ibisubizo by'imyitozo n'ibikorwa byo kuri iki kigwa

Reka nisuzume yo ku rupapuro rwa 80 mu gitabo cy'umunyeshuri.

1. Nditonda, nkirinda gusakabaka, ngakora ibintu byose mu kinyabupfura.
2. Kuko tugomba kutabangamira abandi kandi mu minsi mikuru bagomba kwishima.

Umwitozo wo ku rupapuro rwa 80 mu gitabo cy'umunyeshuri

b d f

Nsuzuma ngusuzume yo ku rupapuro rwa 82 mu gitabo cy'umunyeshuri

1. Ngomba kugenda nihuta ntatinda mu nzira,
2. Kudakinisha imbwa n'inyamaswa zindi ziryana, gutera amabuye ku modoka no ku mazu, guserebeka, gusimbuka imigende minini, gukinira mu muhanda.

Umwitozo wo ku rupapuro rwa 82 mu gitabo cy'umunyeshuri

Imyitwarire iboneye: Kwitwara neza, kutanyagiza ibikoresho by'ishuri, kutajya mu bihuru, kudakinira mu muhanda, kudashotora imbwa, kudaterana amabuye, kudatinda mu nzira.

Imyitwarire mibi: Kwinyagiza, kuzarira mu nzira, , gukinisha amashanyarazi, gusabiriza, kwiba, gupanda imodoka, guserebeka, kutidumbaguza mu bidendezi by'amazi, gutsuka, kwangiza imyaka, gutera amabuye ku nzu no ku modoka.

4.10 Ibisoza umutwe

a. Inshamake y'ibikubiye muri uyu mutwe

Uburenganzira bw'umuntu ni ibintu agomba guhabwa cyangwa gukorerwa.

Nta muntu ugomba kuvutswa uburenganzira bwe.

Abafite ubumuga na bo bafite uburenanzira nk'ubw'abandi ni yo mpamvu abantu bose bagomba kubabanira neza.

Abana basabwa kugira ikinyabupfura kandi bakitwara neza ahantu hose.

b. Ubumenyi bw'inyongera umwarimu asabwa kugira

- Kumenya kuyobora ibikorwa byose kandi yita kuri buri munyeshuri nta we asize inyuma.
- Kumenya imigenzo mbonezabupfura.
- Guhuza isomo n'amategeko ngenamyitwarire y'ikigo.
- Gutegura no gukoresha neza imfashanyigisho zinyuranye.
- Kumenya neza imyigishirize y'amasomo mbonezamubano ijyanye n'integanyanyigisho ishingiye ku bushobozi.
- Kumenya uko yacengeza ingingo nsanganyamasomo igihe yigisha uyu mutwe.
- Kumenya guhimba udukino mu gihe asanze iyo bamuteguriye idahagije.

c. Ibisubizo by'isuzuma risoza umutwe wa 4 riri ku rupapuro rwa 83 mu gitabo cy'umunyeshuri

1. Kugira ubuzima, kurya, kuvuzwa no kugira icumbi
2. a Uhohoterwa b. Ubumuga c. Abantu, ubumuga
3. a. Oya b. Yego c . Yego d. Oya e. Yego
4. a. V c. V e. V g. X
   b. X d. X f. X

d. Imyitozo y'umwihariko ihabwa abanyeshuri bagenda buhoro mu myigire n'ibisubizo byayo

Ibibazo

1. Witwara ute mu nzira iva cyangwa ijya ku ishuri?
2. Iyo wajyanye n'ababyeyi mu birori cyangwa mu minsi mikuru witwara ute ?
3. Uramutse ubana n'umuntu ufite ubumuga wajya umubanira ute ?

Ibisubizo

1. Ibisubizo biranyuranye bitewe n'imyitwarire ya buri munyeshuri.
2. Ibisubizo biranyuranye bitewe n'imyitwarire ya buri munyeshuri.
3. Ibisubizo biranyuranye bitewe n'imiterere ya buri munyeshuri.

e. Imyitozo y'umwihariko ihabwa abanyeshuri bihuta cyane mu myigire

kurusha abandi n'ibisubizo byayo

Ibibazo

1. Sobanura itandukaniro riri hagati y'uburenganzira n'inshingano.
2. Kuki tugomba kwirinda kujya mu bihuru cyangwa mu mashyamba igihe tuva cyangwa tujya ku ishuri ?
3. Ni izihe ngaruka ziterwa no kwidumbaguza mu bidendezi?
4. Sobanura iyi mvugo: "Uburenganzira bwange burangirira aho ubw'undi butangirira".

Ibisubizo

1. Uburenganzira ni ibintu umuntu agomba gukorerwa cyangwa guhabwa kugira ngo abeho neza naho inshingano ni ibyo umuntu asabwa gukora kugira ngo abeho neza.
2. Dushobora kuhakomerekera, kuhavunikira, inzoka cyangwa izindi nyamaswa zishobora kuturya, amahwa cyangwa ibindi bimera bishobora kutujomba, …
3. Amazi yanduye atera indwara, inyamaswa zo mu mazi zishobora kukurya, ibintu bikomeretsa biri mu mazi na byo byagutema, ibimera bihanda bimera mu mazi bya kurya ku mubiri,…
4. Uburenganzira bwange burangirira aho ubw'undi butangirira:
   Buri wese afite uburenganzira bungana n'ubw'undi kandi nta muntu ugomba kuvogera cyangwa kubuza undi uburenganzira bwe.

Umutwe wa gatanu: Ubukungu

5.1 Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe

Kugira umuco wo kwizigamira no kudasesagura.

5.2 Ibyizwe mbere bifitanye isano n'uyu mutwe

Amafaranga ni byangombwa nkenerwa mu buzima.

5.3 Ubumenyi ku ngingo nsanganyamasomo buri muri uyu mutwe n'uko bugerwaho

- ***Ubwuzuzanye bw'ibitsina byombi*** mu gukora imyitozo nta vangura .
- ***Uburezi budaheza:*** mu gihe umunyeshuri adahutaza abo bigana bafite ubumuga cyangwa ibindi bibazo byihariye.
- ***Gufata neza ibidukikije:*** mu gihe umunyeshuri asukura aho akorera cyangwa afata neza imfashanyigisho yakoresheje.
- ***Umuco w'amahoro*** mu gihe akorana na bagenzi be mu bwumvikane nta we abangamiye.
- ***Umuco wo gukoresha neza umutungo:*** Igihe yitwara neza atangiza umutungo, n'igihe akora ibikorwa byo kwizigamira.
- ***Ubuzima bw'imyororokere:*** Mu gihe yitwara neza yirinda abamushukisha amafaranga.
- ***Umuco wo gukoresha ibyujuje ubuziranenge***: Mu kugura no gukoresha ibyujuje ubuziranenege.

5.4 Ubushobozi umunyeshuri azunguka muri uyu mutwe

- ***Kwitegereza*** agasobanura ibyo yitegereje.
- ***Gushyikirana n'abandi*** igihe akorera mu matsinda cyangwa afatanya n'abandi.
- ***Gutekereza*** ku mwitozo ahawe mbere yo kuwukora, bityo akawukora neza nta makosa ashyizemo .
- ***Gukoresha imvugo isobanutse*** igihe asobanura uko akora yizigamira.
- ***Guhanga udushya*** mu gihe yikorera ibyapa bikangurira abantu kwizigamira.
- ***Kugira amashyushyu*** yo guhora yiyungura ubumenyi ku bijyanye n'ubukungu.
- ***Kwikemurira ibibazo*** mu gihe yishakira uko yakwikorera agashinga ko kwizigamira akunganira ababyeyi.

5.5 Amagambo umunyeshuri yunguka muri uyu mutwe

Kuzigama: Kwiteganyiriza ubika cyangwa ukora ibizakugoboka mu gihe kizaza.

Gusesagura: kwangiza umutungo, gupfusha ubusa.

Amikoro: ubushobozi bwo kwigirira akamaro.

Ubukungu: ubutunzi bwinshi.

5.6 Ikibazo nyamukuru

- Umwarimu asomesha agakuru kajyanye n'ikibazo cy'umwana upfusha ubusa amafaranga agatuma iwabo bahora mu madeni.
- Asaba abanyeshuri kukaganiraho no kugatangaho ibitekerezo bagaragaza icyakorwa ngo uwo muryango uzatere imbere.
- Abasobanurira ko ibisubizo byuzuye bazajya babibona mu masomo bagiye kwiga muri uyu mutwe.

5.7 Uko umwarimu yita by'umwihariko ku bafite ibibazo byihariye yigisha uyu mutwe

- Abafata bitinze bahe imyitozo usanga muri iki gitabo ku rupapuro rwa 78, yoroshye ugereranyije n'iy'abandi.
- Abafite ubumuga bw'ingingo banza umenye izo ari zo ubategurire imfashanyigisho zihariye n'imyitozo wagenera buri wese.
- Abafite impano yo kumva no gukora vuba cyane bahe imyitozo usanga muri iki gitabo ku rupapuro rwa 78, ituma batarangaza abandi.

5.8 Imbonerahamwe y'ibyigwa biri muri uyu mutwe wa 5

Inomero	Urutonde rw'ibyigwa	Umubare w'amasomo: 13
1	Kwiteganyiriza	11
2	Isuzuma risoza umutwe	2

5.9 Imyigishirize ya buri kigwa

5.9.1 Ikigwa: Kwiteganyiriza

a. Intego

Ubumenyi

Kurondora ahantu hanyuranye dukura amafaranga n'ibintu tuyatangaho.

Ubumenyingiro

- Gusobanura uburyo bwiza bwo gukoresha amafaranga, akamaro ko kwizigamira n'ingaruka zo kutizigamira.
- Gukoresha neza umutungo.

Ubukesha
Kugira umuco wo kuzigama, kwirinda gusesagura no kwishimira ibyo ufite.

b. Imyitozo y'isubiramo /Intangiriro
Ku mafaranga n'ibintu by'ibanze nkenerwa mu buzima.

c. Imfashanyigisho
Amashusho agaragaza aho dukura amafaranga, ibyo tuyatangaho.

d. Imyigire n'imyigishirize
- Gutegura imfashanyigisho zihagije zifasha abanyeshuri kumva neza uko bakwizigamira.
- Gushyira abanyeshuri mu matsinda.
- Kubaha amabwiriza yo kwitegereza amashusho, kuyaganiraho no gusobanurira bagenzi babo ibyo babonye.
- Umwarimu afasha abanyeshuri gushyira hamwe ibyo bagezeho maze akuzuza ibitekerezo byabo.
- Akora ubugororangingo afasha abanyeshuri gukoresha imvugo yumvikana bakoresha amagambo asobanura neza ikigwa.

Urugero: Kuzigama, kwiteganyiriza, gusesagura, kunguka no guhomba, ...

e. Ikomatanya ry'ibyizwe
Kuyobora abanyeshuri mu kuvuga muri make uko umuntu yakwiteganyiriza n'akamaro kabyo.

f. Isuzuma
Guha abanyeshuri imyitozo iri mu gitabo cy'umunyeshuri ku kwiteganyiriza ku rupapuro rwa 85, 87, 89, 91.

Ibisubizo by'imyitozo n'ibikorwa byo kuri iki kigwa

Umwitozo wo ku rupapuro rwa 85 mu gitabo cy'umunyeshuri
Ibisubizo biratandukanye bitewe n'intumbero buri mwana yifitemo.

Reka nisuzume yo ku rupapuro rwa 87 mu gitabo cy'umunyeshuri
Ibisubizo biratandukanye.

Nsuzuma ngusuzume yo ku rupapuro rwa 87 mu gitabo cy'umunyeshuri
1 2 3 Ibisubizo biratandukanye.

Umwitozo wo ku rupapuro rwa 87 mu gitabo cy'umunyeshuri
Imyambaro, ibiribwa, umuriro, icumbi, imodoka, imisoro, amazi, amata, imiti, ibinyobwa, amakayi, ibicanwa.

Imyitozo yo ku rupapuro rwa 89 mu gitabo cy'umunyeshuri

1. a Oya d. Yego g. Yego j. Oya
   b. Yego e. Oya h. Oya
   c. Oya f. Yego i. Oya
2. Ibisubizo biratandukanye.
3. Ibisubizo biratandukanye.

Reka nisuzume yo ku rupapuro rwa 91 mu gitabo cy'umunyeshuri

1. Ibisubizo biratandukanye.
2. Bikugoboka mu gihe kizaza.

Nsuzuma ngusuzume yo ku rupapuro rwa 91 mu gitabo cy'umunyeshuri

1. Bikugoboka mu bihe bitandukanye : mu bibazo, mu byago no mu busaza.
2. Ibisubizo biratandukanye .

Imyitozo yo ku rupapuro rwa 91 mu gitabo cy'umunyeshuri

a, b ,c, d, ni imvugo zidashishikariza kuzigama e, f, g ni imvugo zikangurira abantu kuzigama.

Umukino wo gukoresha neza amafaranga uri ku rupapuro rwa 93 mu gitabo cy'umunyeshuri

***Amabwiriza*:**

- Abanyeshuri bajya ku ruziga.
- Umwarimu yavuga uburyo buboneye bwo gucunga neza amafaranga bakazamura amaboko.
- Yavuga uburyo bwo gukoresha amafaranga nabi bakamanura amaboko.
- Iyo umwe anyuranije n'abandi ava mu ruziga .
- Abasigayemo baba batsinze .

Intego: Gushimangira ibyizwe mu buryo bw'umukino .

5.10 Ibisoza umutwe

a. Inshamake y'ibikubiye muri uyu mutwe

Kwiteganyiriza bisaba kumenya aho ukura amafaranga n'icyo uyatangaho hanyuma ukayacunga neza witeganyiriza ejo hazaza. Kutizigamira bitera ubukene.

b. Ubumenyi bw'inyongera umwarimu asabwa kugira

- Kumenya kuyobora ibikorwa byose kandi yita kuri buri munyeshuri nta we asize inyuma.
- Gusobanura ku buryo bwimbitse uko abantu biteganyiriza.

– Kumenya inzira zose zo kwiteganyiriza, n'iz'ubwisungane.
– Gutegura no gukoresha neza imfashanyigisho zinyuranye,
– Kumenya neza imyigishirize y'amasomo mbonezamubano ijyanye n'integanyanyigisho ishingiye ku bushobozi .
– Kumenya uko yacengeza ingingo nsanganyamasomo igihe yigisha kwiteganyiriza.

c. Ibisubizo by'isuzuma risoza umutwe wa 5 riri ku rupapuro rwa 93 mu gitabo cy'umunyeshuri.

1 a. Gukoresha neza umutungo, kwiteganyiriza.
b. Gukoresha nabi umutungo, gupfusha ubusa.

2. a. Kuzigama,
b. Gusesagura
c. Kuzigama
d. Ukuzigama
e. Ugusesagura

3. Ibisubizo biratandukanye.
4. Ibisubizo biratandukanye.
5. Kuzigama, amafaranga, kugura, ubukungu, umutungo, gusesagura, inoti, inguzanyo, inyungu.

d. Imyitozo y'umwihariko ihabwa abanyeshuri bagenda buhoro mu myigire n'ibisubizo byayo

Ibibazo

1. Ni iki uzakora umaze gukura wararangije amashuri kizajya kikwinjiriza amafaranga?
2. Tanga ingero 4 z'ibintu by'ingenzi uzajya utangaho amafaranga numara gukura wararangije amashuri?
3. Vuga ibintu wumva utajya utangaho amafaranga numara gukura wararangije amashuri?
4. Uhawe impano ya F 5000 wayakoresha iki?

Ibisubizo

1. Ibisubizo biranyuranye bitewe n'imitekerereze ya buri munyeshuri.
2. Ibisubizo biranyuranye bitewe n'amahitamo ya buri munyeshuri.
3. Ibisubizo biranyuranye bitewe n'amahitamo ya buri munyeshuri.
4. Ibisubizo biranyuranye bitewe n'amahitamo ya buri munyeshuri.

e. Imyitozo y'umwihariko ihabwa abanyeshuri bihuta cyane mu myigire kurusha abandi n'ibisubizo byayo

Soma iyi nkuru maze usubize

Tunga ni umuhinzi mworozi. Ahinga ibihingwa ngandurarugo n'ibihingwa ngengabukungu.

Yorora amatungo magufi ndetse n'amatungo maremare. Iyo yasaruye agurisha umusaruro we na ba rwiyemezamirimo, ibisigaye bikamutunga n'umuryango we. Amata n'amagi avana mu bworozi abigemura mu maguriro atandukanye yo mu mugi. Amafaranga yose abonye avanamo ayo agura imiti n'amafumbire byo gukoresha naho asigaye akayabitsa muri banki. Iyo yarumbije yitabaza ya mafaranga yabitse kuri banki akaba ari yo agura imbuto . Bityo agakomeza umwuga we .

Ibibazo ku nkuru

1. Tunga avana hehe amafaranga akoresha?
2. Ni ibiki Tunga atangaho amafaranga?
3. Ese Tunga arizigamira ? Sobanura.
4. Niba yizigamira amafaranga yizigamira amumarira iki ? Sobanura.
5. Niba atizigamira ni izihe ngaruka ashobora guhura na zo? Sobanura.

Ibisubizo

1. Tunga avana amafaranga akoresha mu buhinzi n'ubworozi bwe.
2. Tunga atanga amafaranga ku miti n'amafumbire akoresha mu buhinzi.
3. Yego, yizigamira amafaranga asagura nyuma yo kugurisha umusaruro we no kugura imiti n'amafumbire azakoresha.
4. Amafaranga yizigamira amutabara igihe yarumbije akayagura imbuto.
5. Aramutse atizigamira yabura imbuto atera igihe yarumbije.

Umutwe wa gatandatu: Ubuyobozi bw'Akagari n'ubw'Umurenge

6.1 Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe

Kugaragaza abayobozi b'Akagari n'ab'Umurenge n'inshingano zabo

6.2 Ibyizwe mbere bifitanye isano n'uyu mutwe

Abayobozi b'Akagari n'ab'Umurenge n'inshingano zabo

6.3 Ubumenyi ku ngingo nsanganyamasomo buri muri uyu mutwe n'uko bugerwaho

- ***Ubwuzuzanye bw'ibitsina*** byombi mu gukora imyitozo nta vangura.
- ***Uburezi budaheza*** mu gihe adahutaza abo bigana bafite ubumuga cyangwa ibindi bibazo byihariye
- ***Gufata neza ibidukikije*** mu gihe asukura aho akorera cyangwa afata neza imfashanyigisho yakoresheje .
- ***Umuco w'amahoro*** mu gihe akorana na bagenzi be mu bwumvikane nta we abangamiye.
- ***Umuco wo gukoresha neza umutungo*** igihe agaragaza ko aramutse abaye umuyobozi yacunga neza ibya rubanda.
- ***Kurwanya jenoside n'ingengabitekerezo yayo:*** Igihe asobanura inshingano z'abayobozi yerekana ko abayobozi bafite mu nshingano zabo gukangurira abaturage kurwanya jenoside n'ingengabitekerezo yayo.
- ***Ubuzima bw'imyororokere:*** Igihe asobanura inshingano z'abayobozi yerekana ko abayobozi bafite mu nshingano kwigisha abaturage bayobora ibijyanye n'ubuzima bw'imyororokere, kwirinda indwara, gutura heza no kurya indyo yuzuye.
- ***Umuco wo gukoresha ibintu byujuje ubuziranenge:*** Igihe asobanura inshingano z'abayobozi yerekana ko abayobozi bafite mu nshingano kwigisha abaturage bayobora gukoresha ibintu byujuje ubuziranenge.

6.4 Ubushobozi umunyeshuri azunguka muri uyu mutwe

- ***Kwitegereza*** agasobanura ibyo yitegereje.
- ***Gushyikirana n'abandi*** igihe akorera mu matsinda cyangwa afatanya n'abandi.
- ***Gutekereza*** ku mwitozo ahawe mbere yo kuwukora, bityo akawukora neza nta makosa ashyizemo ndetse no gusesengura neza imigabo n'imigambi y'abiyamamaza mbere yo kubatora.

- ***Gukoresha imvugo isobanutse*** igihe asobanura ibyo yakoze.
- ***Gushakashaka*** igihe abanza kumenya neza umuyobozi agiye gutora mbere yo kumutora.
- ***Guhanga udushya*** mu gihe ategura amatora akanayayobora.
- ***Kugira amashyushyu*** yo guhora yiyungura ubumenyi ku bijyanye n'ubuyobozi bw'Akagari n'ubw'Umurenge.
- ***Kwikemurira ibibazo*** mu gihe yuzuza neza inshingano ze mu buzima busanzwe.
- ***Gusoma, kwandika no kubara*** mu gihe asobanura ibikwiye kuranga umuyobozi nyawe.
- ***Uburere mboneragihugu*** mu gihe asobanura indangagaciro umuyobozi akwiye kuba yujuje.

6.5 Amagambo umunyeshuri yunguka muri uyu mutwe

Amatora: Igikorwa cyo guhitamo abantu bakuriye abandi cyangwa babahagararira ku rwego runaka .

Umukandida: Umuntu uhatanira umwanya w'ubuyobozi.

Ikarita y'itora: Ikarita iba iriho imyirondoro y'umuntu wemerewe gutora.

Ubwihugiko: Akazu gato utora atoreramo umukandida ashaka ntawe umureba.

Lisiti y'itora : Urutonde rw'abantu bemerewe gutora.

Kwiyamamaza : Igihe umukandida ahabwa kugira ngo abwire abantu ibyo azabagezaho nibaramuka bamutoye .

Imigabo n'imigambi: Ni gahunda umukandida azageza ku bantu bazamuha amajwi.

Amajwi : Umubare w'abantu batoye umukandida runaka.

Icyumba k'itora ni icyumba amatora aberamo.

Gutangaza ibyavuye mu matora ni ukuvuga abatsinze n'abatsinzwe amatora.

Ubuyobozi bubereye abaturage: Ubuyobozi bwuzuza inshingano zabwo neza .

Imiyoborere myiza: Kuyobora abaturage neza ubagezaho amajyambere unabaha serivisi nziza.

6.6 Ikibazo nyamukuru

- Umwarimu asomesha agakuru kajyanye n'ikibazo cy'abana batazi gutandukanya ubuyobozi bw'Akagari n'ubw'Umurenge
- Asaba abanyeshuri kukaganiraho no kugatangaho ibitekerezo bagaragaza icyo bakora ngo abo bana basobanukirwe.
- Abasobanurira ko ibisubizo byuzuye bazajya babibona mu masomo bagiye kwiga muri uyu mutwe.

6.7 Uko umwarimu yita by'umwihariko ku bafite ibibazo byihariye yigisha uyu mutwe

- Abafata bitinze bategurire imyitozo usanga muri iki gitabo ku rupapruro rwa 91 yoroshye ugereranyije n'iy'abandi.
- Abafite ubumuga bw'ingingo banza umenye izo ari zo ubategurire imfashanyigisho zihariye n'imyitozo wagenera buri wese.
- Abafite impano yo kumva no gukora vuba cyane bahe imyitozo usanga muri iki gitabo ku rupapruro rwa 91, ituma batarangaza abandi.

6.8 Imbonerahamwe y'ibyigwa biri muri uyu mutwe wa 6

Inomero	Urutonde rw'ibyigwa	Umubare w'amasomo: 13
1	Abayobozi b'Akagari, inshingano zabo	4
2	Abayobozi b'Umurenge, inshingano zabo n'uko bashyirwaho	4
3	Uko abayobozi b'inzego z'ibanze bashyirwaho	4
4	Isuzuma risoza umutwe	1

6.9 Imyigishirize ya buri kigwa

6.9.1 Ikigwa cya mbere: Abayobozi b'Akagari, inshingano zabo

a. Intego

Ubumenyi

Gutahura abayobozi ku rwego rw'Akagari.

Ubumenyingiro

Gutandukanya abayobozi ku rwego rw'Akagari n' inshingano zabo.

Ubukesha

- Kwiyambaza inzego z'ubuyobozi no kubishishakariza abandi.
- Kubaha abayobozi.

b. Imyitozo y'isubiramo /Intangiriro

Abayobozi b'Akagari n'inshingano zabo.

c. Imfashanyigisho

Ibishushanyo bigaragaza inzego z'ubuyobozi bw'Akagari, firimi.

d. Imyigire n'imyigishirize

- Gutegura imfashanyigisho zihagije zifasha abanyeshuri gutandukanya abayobozi b'Akagari n'inshingano zabo.
- Gushyira abanyeshuri mu matsinda.

– Kubaha amabwiriza yo kwitegereza amashusho, kuyaganiraho no gusobanurira bagenzi babo ibyo babonye.
– Umwarimu afasha abanyeshuri gushyira hamwe ibyo bagezeho maze akuzuza ibitekerezo byabo.
– Akora ubugororangingo afasha abanyeshuri gukoresha imvugo yumvikana bakoresha amagambo asobanura neza ikigwa.

***Urugero**:* Kuzuza inshingano, guteshuka ku nshingano,…

e. Ikomatanya ry'ibyizwe

Kuyobora abanyeshuri mu kuvuga muri make abagize komite zose ziyobora Akagari n'inshingano zabo.

f. Isuzuma

Guha abanyeshuri imyitozo iri mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 96 na 97 yo kugaragaza abayobozi b'Akagari, inshingano zabo, uko bashyirwaho n'uburyo bwo kubiyambaza no kububaha.

Ibisubizo by'imyitozo n'ibikorwa byo kuri iki kigwa

Reka nisuzume yo ku rupapuro rwa 96 mu gitabo cy'umunyeshuri

1 – Gutanga ibyangombwa.
– Gutanga amakarita y'itora.
2. Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akagari n'abakozi bashyirwaho n'Akarere.

Nsuzuma ngusuzume yo ku rupapuro rwa 96 mu gitabo cy'umunyeshuri

1. a. – Gukusanya imibare y'abaturage n'ibikorwa byo mu kagari.
– Gushishikariza abaturage kwitabira no kugira uruhare mu bikorwa by'iterambere.
b. Kuyobora Akagari no kugahagararira mu zindi nzego.
c. – Gusuzuma no kwemeza igenamigambi ry'Akagari.
– Gukurikirana gahunda zose za Leta mu kagari.
– Kugenzura Ubunyamabanga Nshingwabikorwa bw'Akagari.
d. – Umujyanama rusange uhagarariye Umudugudu mu kagari.
– Abahagarariye: urubyiruko, abagore, abafite ubumuga, abikorera, abayobozi b'amashuri.

Imyitozo yo ku rupapuro rwa 97 mu gitabo cy'umunyeshuri

1. Inama Njyanama, Ubunyamabanga Nshingwabikorwa na Komite Ngishwanama.
2. a. Akagari.
b. Ngishwanama.
c. Akarere.
d. Inama Njyanama .

6.9.2 Ikigwa cya kabiri: Abayobozi b'Umurenge, inshingano zabo n'uko bashyirwaho

a. Intego

Ubumenyi

Gutahura abayobozi ku rwego rw'Umurenge.

Ubumenyingiro

Gutandukanya abayobozi ku rwego rw'Umurenge n' inshingano zabo.

Ubukesha

- Kwiyambaza inzego z'ubuyobozi no kubishishakariza abandi.
- Kubaha abayobozi.

b. Imyitozo y'isubiramo /Intangiriro

Abayobozi b'Akagari, inshingano zabo n'uko bashyirwaho.

c. Imfashanyigisho

Ibishushanyo bigaragaza inzego z'ubuyobozi bw'Umurenge, filimi.

d. Imyigire n'imyigishirize

- Gutegura imfashanyigisho zihagije zifasha abanyeshuri gutandukanya abayobozi b'Umurenge n'inshingano zabo.
- Gushyira abanyeshuri mu matsinda.
- Kubaha amabwiriza yo kwitegereza amashusho, kuyaganiraho no gusobanurira bagenzi babo ibyo babonye.
- Umwarimu afasha abanyeshuri gushyira hamwe ibyo bagezeho maze akuzuza ibitekerezo byabo.
- Akora ubugororangingo afasha abanyeshuri gukoresha imvugo yumvikana bakoresha amagambo asobanura neza ikigwa.

Urugero*:* Imiyoborere n'ubuyobozi.

e. Ikomatanya ry'ibyizwe

Kuyobora abanyeshuri mu kuvuga muri make abagize komite zose ziyobora Umurenge n'inshingano zabo.

f. Isuzuma

Guha abanyeshuri imyitozo iri mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 99 yo kugaragaza abayobozi b'Umurenge n'inshingano zabo.

Ibisubizo by'imyitozo n'ibikorwa byo kuri iki kigwa

Reka nisuzume yo ku rupapuro rwa 99 mu gitabo cy'umunyeshuri

1. Ku murenge: – bahafatira ibyangombwa, barahasezeranira, bandikishayo abana bavutse.
2. Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge n'abakozi bashyirwaho n'Akarere.

Nsuzuma ngusuzume yo ku rupapuro rwa 99 mu gitabo cy'umunyeshuri

1. a. – Gushyira mu bikorwa gahunda za Leta zikorerwa mu murenge.
   – Gutanga serivisi nziza ku baturage.
   b. Kuyobora Umurenge no kuwuhagararira mu zindi nzego .
   – Gusuzuma no kwemeza igenamigambi ry'ubukungu n'iterambere.
   – Gukurikirana uko gahunda zose za Leta mu murenge zishyirwa mu bikorwa.
   – Kugenzura Ubunyamabanga Nshingwabikorwa.
   2. Umujyanama rusange uhagarariye Akagari mu murenge.
   – Abahagarariye: urubyiruko, abagore, amavuriro, abafite ubumuga, abikorera, abayobozi b'amashuri, abayobozi b'amadini.

Imyitozo yo ku rupapuro rwa 99 mu gitabo cy'umunyeshuri

1. Inama Njyanama, Ubunyamabanga Nshingwabikorwa na Komite y'umutekano.
2. a. Inama Njyanama
   b. Umutekano
   c. Akarere.
   d. Inama Njyanama

6.9. 3 Ikigwa cya gatatu: Uburyo abayobozi b'inzego z'ibanze bashyirwaho.

a. Intego

Ubumenyi:

– Kurondora uko abayobozi b'inzego z'ibanze bashyirwaho.

Ubumenyingiro:

– Gusobanura uko abayobozi b'inzego z'ibanze bashyirwaho.

Ubukesha:

– Kwiyambaza inzego z'ubuyobozi no kubishishikariza abandi.
– Kubaha abayobozi.

b. Imyitozo y'isubiramo /Intangiriro

Abayobozi b'Akagari, ab'Umurenge n'inshingano zabo .

c. Imfashanyigisho

Ibishushanyo bigaragaza ibikoresho by'amatora nk'amakarita y'itora, ubwihugiko, agasanduku k'itora, …)

d. Imyigire n'imyigishirize

- Gutegura imfashanyigisho zihagije (amakarita y'itora, ubwihugiko, agasanduku k'itora, …) zituma umunyeshuri basobanukirawa uko abayobozi b'inzego z'ibanze bashyirwaho.
- Guha abanyeshuri amabwiriza akwiye gukurikizwa igihe bakora ibikorwa byo kwitegereza no gusobanura uko amatora akorwa.
- Kuyobora abanyeshuri mu bikorwa byo kubwira abandi ibyo bagezeho mu byo bakoreye mu matsinda no mu bushakashatsi bakoze.
- Guha buri munyeshuri umwanya wo gutanga ibitekerezo bye cyangwa wo kugira icyo avuga ku bitekerezo by'abandi.
- Yuzuza ibitekerezo byabo igihe hari ibyo basobanura akabafasha kubikora mu mvugo isobanutse, batajijinganya cyangwa ngo barye iminwa.

e. Ikomatanya ry'ibyizwe

Abayobozi b'inzego z'ibanze ku rwego rw'Umudugudu batorwa n'abaturage bose. Bikorwa kimwe no ku rwego rw'Akagari ndetse no ku rwego rw'Umurenge.

f. Isuzuma

Guha abanyeshuri ibikorwa biri mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 103 byo kugaragaza uko abayobozi b' Akagari n'ab'Umurenge bashyirwaho.

Ibisubizo by'imyitozo n'ibikorwa byo kuri iki kigwa

Reka nisuzume yo ku rupapuro rwa 103 mu gitabo cy'umunyeshuri.

1. Uko amatora Njyanama y'Umurenge akorwa .
   - Gusobanura uko amatora ari bukorwe.
   - Kuvuga imyanya itorerwa n'inshingano za buri mwanya.
   - Kwiyamamaza cyangwa kwamamazwa.
   - Kwemeza abakandida.
   - Kugenzura imyirondoro y'abatora.
   - Gutoresha kuri buri mwanya mu myanya igize Inama Njyanama y'Umurenge no kubarura amajwi.
   - Kurahiza abatorewe kujya mu Nama Njyanama y'Umurenge.
2. – Kuba ari Umunyarwanda.
   - Kuba atari munsi y' imyaka 18 y'amavuko.
   - Kuba ari indakemwa mu mico no mu myifatire.
   - Kuba afite amashuri asabwa kuri uwo mwanya.
   - Kuba akunda Igihugu yiteguye no kugikorera.
   - Kuba ugiye gutorwa atuye muri uwo mudugudu.

Nsuzuma ngusuzume yo ku rupapuro rwa 103 mu gitabo cy'umunyeshuri

1. Uko amatora y'abagize Njyanama y'Akagari akorwa:
   Abatowe muri Njyanama y'Umudugudu ni bo bitoramo abagize Njyanama yo ku kagari.

   – Gusobanura uko amatora ari bukorwe.
   – Kuvuga imyanya itorerwa n'inshingano za buri mwanya.
   – Kwiyamamaza cyangwa kwamamazwa.
   – Kwemeza abakandida.
   – Kugenzura imyirondoro y'abatora.
   – Gutoresha kuri buri mwanya mu myanya igize Inama Njyanama y'Akagari no kubarura amajwi.
   – Kurahiza abatorewe kujya mu Nama Njyanama y'Akagari.

2. a. **Lisiti y'itora:** Iba iriho imyirondoro y'abemerewe gutora.
   b. **Agasanduku k'itora:** Aho umaze gutora ashyira urupapuro yatoreyeho.
   c. **Ubwihugiko:** Aho utora yiherera agatora yisanzuye.
   d. **Impapuro z'itora:** Ziba ziriho imyirondoro y'abatorwa.

Imyitozo yo ku rupapuro rwa 103 –104 mu gitabo cy'umunyeshuri

1. a. Oya
   b. Yego
   c. Yego
   d. Yego
   e. Yego
   f. Oya
   g. Yego
   h. Yego
   i. Oya
   j. Oya

2. – Amakarita y'itora.
   – Impapuro z'itora.
   – Wino.
   – Lisiti y'itora.
   – Ubwihugiko.
   – Agasanduku k'itora.

Umukino abana bihimbira uri ku rupapuro rwa 104 mu gitabo cy'umunyeshuri
Amabwiriza:

– Gusobanurira abanyeshuri ko basabwa guhimba ubwabo umukino bahereye ku byo bize.
– Kubashyira mu matsinda.
– Kugenzura ko ibyo bahimbye bisobanutse.
– Gusaba buri tsinda gukinira abandi bagakurikira bakagira ibyo bashima n'ibyo banenga.

Intego: Guha abana urubuga rwo guhimba, gusetsa no kumenya kujora ibibi.

6.10 Ibisoza umutwe

a. Inshamake y'ibikubiye muri uyu mutwe

Inzego z'ubuyobozi bw'Akagari n'ubw'Umurenge zigizwe na: Inama Njyanama n'Ubunyamabanga Nshingwabikorwa.

Izo nzego zose zifite inshingano zo gukurikirana gahunda za Leta mu kagari no mu murenge kandi zishyirwaho binyuze mu matora.

b. Ubumenyi bw'inyongera umwarimu asabwa kugira

- Kumenya kuyobora ibikorwa byose kandi yita kuri buri munyeshuri nta we asize inyuma.
- Gusobanura ku buryo bwimbitse ibirebana n'ubuyobozi bw'Akagari n'ubw'Umurenge , inshingano zabwo n'uburyo bushyirwaho.
- Gutegura no gukoresha neza imfashanyigisho zinyuranye.
- Kumenya uko yacengeza ingingo nsanganyamasomo igihe yigisha uyu mutwe.
- Kumenya neza imyigishirize y'amasomo mbonezamubano ijyanye n'integanyanyigisho ishingiye ku bushobozi.
- Kumenya uko abayobozi b'Akagari n'ab'Umurenge bashyirwa mu buyobozi.
- Kumenya uko umunyeshuri yayobora amatora cyangwa yatora abayobozi bamuhagarariye ku rwego rwe.

c. Ibisubizo by'isuzuma risoza umutwe wa 6 riri ku rupapuro rwa 104 mu gitabo cy'umunyeshuri

1. a. Ubunyamabanga Nshingwabikorwa n'Inama Njyanama.
   b. Imidugudu.
2. Kubaha ibyangombwa no gukemura ibibazo by'abaturage.
3. Ubunyamabanga Nshingwabikorwa bushyirwaho n'Akarere.
   Inama Njyanama itorwa n'abaturage.
4. – Gutanga ibyangombwa, kwandika irangamimerere.
   – Gusezeranya,
   – Gukemura ibibazo byananiranye ku kagari
5. – Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akagari atanga raporo ku murenge.
   – Ibibazo byananiranye ku kagari bikemurirwa ku murenge.
6. Abatowe mu midugudu yose igize Akagari ni bo bitoramo abagize Inama Njyanama y'Akagari.
7. a. Abakandida
   b. Amajwi
   c. Bwihugiko
   d. Bariyamamaza

8. a.
   - Akagari
     – Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akagari
     – Ushinzwe imibereho myiza mu kagari
   - Umurenge
     – Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge
     – Ushinzwe imibereho myiza mu murenge
     – Ushinzwe irangamimerere mu murenge
     – Abandi bakozi nk'abashinzwe uburezi, ubuhinzi n'ubworozi, ubutaka, umutungo, ubunyamabanga,….

   b.
   - Akagari
     – Inama Njyanama y'Akagari
   - Umurenge
     – Inama Njyanama y'Umurenge

d. Imyitozo y'umwihariko ihabwa abanyeshuri bagenda buhoro mu myigire n'ibisubizo byayo

Ibibazo

1. Abanyeshuri bahagarariye abandi bashyirwaho na nde? Sobanura uko bikorwa.
2. Vuga inshingano 2 z'umuyobozi ushinzwe uburezi mu murenge.
3. Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akagari amariye iki abatuye Akagari?

Ibisubizo

1. Abanyeshuri bahagarariye abandi bashyirwaho n'abanyeshuri bagenzi babo biciye mu matora.
2. – Kugenzura ko abana bose batuye mu murenge biga kandi biga neza.
   – Kugenzura isuku mu mashuri.
3. Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akagari afasha abatuye Akagari kugera ku iterambere no kugira imibereho myiza.

e. Imyitozo y'umwihariko ihabwa abanyeshuri bafite impano yo gufata vuba no kwihuta kurusha abandi mu myigire n'ibisubizo byayo.

Ibibazo

1. Vuga nibura ibintu 5 biranga umuyobozi mwiza ?
2. Ni ibihe bintu by'ingenzi umuntu ushaka kuba umuyobozi asabwa kuba yujuje?
3. Inama Njyanama, Ubunyamabanga Nshingwabikorwa na Komite Ngishwanama y'Akagari cyangwa iy'Umurenge byuzuzanya bite mu kuyobora Akagari cyangwa Umurenge?

Ibisubizo

1. – Ubunyangamugayo.
   – Ubwitange.
   – Gukunda umurimo .
   – Kwihesha agaciro .
   – Gukunda igihugu.
2. – Kuba afite imyaka 18 y'amavuko.
   – Kuba ari Umunyarwanda.
   – Kuba ari inyangamugayo.
   – Kuba ari indakemwa mu mico no mu myifatire.
   – Kuba atarigeze afungwa ngo akatirwe.
3. Ziruzuzanya kandi ziba zifite intego imwe yo guteza imbere Akagari cyangwa Umurenge.

Umutwe wa karindwi: Ibidukikije mu murenge

7.1 Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe

Kugaragaza no kuranga ibidukikije biri mu murenge akoresheje ikarita y'Umurenge.

7.2 Ibyizwe mbere bifitanye isano n'uyu mutwe

Kuranga ibidukikije biri hafi y'iwabo no hafi y'ishuri rye akoresheje amerekezo.

7.3 Ubumenyi ku ngingo nsanganyamasomo buri muri uyu mutwe n'uko bugerwaho

- ***Ubwuzuzanye bw'abahungu n'abakobwa*** mu gukora imyitozo nta vangura.
- ***Uburezi budaheza*** mu gihe adahutaza abo bigana bafite ubumuga cyangwa ibindi bibazo byihariye.
- ***Gufata neza ibidukikije*** mu gihe asukura aho akorera cyangwa afata neza imfashanyigisho yakoresheje .
- ***Umuco w'amahoro*** mu gihe akorana na bagenzi be mu bwumvikane nta we abangamiye.
- ***Umuco wo gukoresha neza umutungo*** igihe akora ibikorwa byo gufata neza ibidukikije.
- ***Umuco wo gukoresha ibintu byujuje ubuziranenge*** igihe akoresha ibikomoka ku bidukikije byujuje ubuziranenge.

7.4 Ubushobozi umunyeshuri azunguka muri uyu mutwe

- ***Kwitegereza*** agasobanura ibyo yitegereje.
- ***Gushyikirana n'abandi*****:** igihe akorera mu matsinda cyangwa afatanya n'abandi kubungabunga ibidukikije.
- ***Gutekereza*** ku mwitozo ahawe ku bidukikije mbere yo kuwukora, bityo akawukora neza nta makosa ashyizemo.
- ***Gukoresha imvugo*** **isobanutse** igihe asobanura ibidukikije.
- ***Gushakashaka*** igihe atahura ingamba zo gufata neza ibidukikije
- ***Guhanga udushya*** mu gihe abyaza umusaruro ibikomoka ku bidukikije.
- ***Kugira amashyushyu*** yo guhora yiyungura ubumenyi ku bijyanye n'ibidukikije mu murenge.
- ***Kwikemurira ibibazo*** mu gihe yuzuza neza inshingano ze mu buzima busanzwe yifashishije ibidukijije.

7.5 Amagambo umunyeshuri yunguka muri uyu mutwe

Ibidukikije: Ibintu bifasha abantu mu mibereho yabo ya buri munsi nk'amashyamba, imirima, imihanda, imisozi, imigezi, ibiyaga, n'ibindi.

Ikarita: Ni ishusho y'ahantu nk'umurima, ikibanza, Umurenge, Akagari, Akarere, Intara, Igihugu, Umugi n'ibindi ikorwa hagendeye ku bipimo bito byabazwe neza maze ahantu hanini hagakwirwa ku rupapuro.

Amerekezo: ni yo atuma umuntu amenya ibintu bimukikije. Ay'ingenzi ni amajyaruguru, amajyepfo, iburasirazuba n'iburengerazuba.

Idira: Ni igikoresho gifasha abantu kumenya aho baherereye bagendeye ku merekezo.

Kubungabunga ibidukikije: Ni uburyo bwo gufata neza cyangwa kwita ku bidukikije.

7.6 Ikibazo nyamukuru

- Umwarimu asomesha agakuru kajyanye n'ikibazo k'imvura yangiza imyaka n'amazu.
- Asaba abanyeshuri kukaganiraho no kugatangaho ibitekerezo bagaragaza icyakorwa kugira ngo icyo kibazo gikemuke.
- Abasobanurira ko ibisubizo byuzuye bazajya babibona mu masomo bagiye kwiga muri uyu mutwe.

7.7 Uko umwarimu yita by'umwihariko ku bafite ibibazo byihariye yigisha uyu mutwe

- Abafata bitinze bahe imyitozo usanga muri iki gitabo ku rupapuro rwa 107 yoroshye ugereranyije n'iy'abandi .
- Abafite ubumuga bw'ingingo banza umenye izo ari zo ubategurire imfashanyigisho zihariye n'imyitozo wagenera buri wese.
- Abafite impano yo kumva no gukora vuba cyane bahe imyitozo usanga muri iki gitabo ku rupapuro rwa 107 ituma batarangaza abandi .

7.8 Imbonerahamwe y'ibyigwa biri muri uyu mutwe wa karindwi

Inomero	Urutonde rw'ibyigwa	Umubare w'amasomo:15
1	Amerekezo	3
2	Ibidukikije biboneka	4
3	Abaturage batuye mu murenge	4
4	Imirimo y'ingenzi ikorerwa mu murenge	2
5	Isuzuma risoza umutwe	2

7.9 Imyigishirize ya buri kigwa

7.9.1 Ikigwa cya mbere: Amerekezo

a. Intego

Ubumenyi

Kurondora amerekezo akoreshwa mu kuranga ahantu n'ibintu.

Ubumenyingiro

- Kwerekana aho ibintu n'abantu bihereye yifashishije amerekezo.
- Gushushanya ikarita y'Umurenge no kwerekana ahantu h'ingenzi.

Ubukesha

- Kwiyobora no kuyobora abandi akoresheje amerekezo.
- Kwitegereza ibimukikije.
- Kugira umuco wo kujora, gushima no kunezezwa n'ahantu.

b. Imyitozo y'isubiramo /Intangiriro

Kuranga ibidukikije biri hafi y'ishuri rye akoresheje amerekezo.

c. Imfashanyigisho

Amakarita anyuranye y'Umurenge, Videwo n' amafoto.

d. Imyigire n'imyigishirize

- Gutegura imfashanyigisho zihagije zifasha abanyeshuri gutandukanya amerekezo no gukoresha idira.
- Gushyira abanyeshuri mu matsinda.
- Kubaha amabwiriza yo kwitegereza amashusho, kuyaganiraho no gusobanurira bagenzi babo ibyo babonye.
- Umwarimu afasha abanyeshuri gushyira hamwe ibyo bagezeho maze akuzuza ibitekerezo byabo.
- Akora ubugororangingo afasha abanyeshuri gukoresha imvugo yumvikana bakoresha amagambo asobanura neza amerekezo.

Urugero: Kuranga, …

e. Ikomatanya ry'ibyizwe

Kuyobora abanyeshuri mu kuvuga muri make uko bakoresha idira, uko berekana ibintu mu merekezo 4 y'ingenzi, gusoma neza ikarita y'Umurenge we, kwerekana akoresheje ikarita ahantu h'ingenzi mu murenge we no gusobanura ibihakorerwa.

f. Isuzuma

Guha abanyeshuri imyitozo iri mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 106, 109, 110 yo gusobanura uko bakoresha idira,uko berekana ibintu/ ahantu mu merekezo 4 y'ingenzi ukoresheje idira, uko basoma neza ikarita y'Umurenge we, kwerekana akoresheje ikarita ahantu h'ingenzi mu murenge we no gusobanura ibihakorerwa.

Ibisubizo by'imyitozo n'ibikorwa byo kuri iki kigwa

Reka nisuzume iri ku rupapuro rwa 106 mu gitabo cy'umunyeshuri

1. Amajyaruguru.
2. Iyobora abantu ahantu batazi neza.

Imyitozo iri ku rupapuro rwa 106 – 107 mu gitabo cy'umunyeshuri

1. Abasirikari, abapilote, abasare (abatwara amato), abaganga, abakerarugendo, …
2. Afasha abantu kumenya ikerekezo barimo.
3 Amajyaruguru.

Umukino w'idira uri ku rupapuro rwa 107 mu gitabo cy'umunyeshuri

Amabwiriza:

- Abanyeshuri bakora uruziga , hagati hakajya abandi nka 5, 6.
- Abo mu ruziga bagenda babapfuka igitambaro mu maso.
- Bagashushanya urundi ruziga ruto hagati yabo.
- Noneho bakajya bayobora ba bandi aho banyura ngo binjire mu ruziga badakandagiye ku murongo warwo.

***Intego**:* Gushimangira ibyizwe mu buryo bw'umukino .

Nsuzuma ngusuzume iri ku rupapuro rwa 109 mu gitabo cy'umunyeshuri

a. Mu nzu z'imyidagaduro / sitade ,…
b. Kwa muganga.
c. Mu isoko no mu maduka /amaguriro.
d. Kuri polisi.
e. Muri banki.
f. Mu nzu ndangamurage.
g. Mu bigo mbonezamirire.
h. Ikigo abagenzi bategeramo imodoka.
i. Ku kagari/ku murenge.
j. Urwibutso.

Imyitozo iri ku rupapuro rwa 109 – 110 mu gitabo cy'umunyeshuri

1. 1 na e 2 na d 3 na f 4 na a 5 na b 6 na c
2.

Ahantu h'ingenzi	**Abantu bahakorera**	**Ahantu h'ingenzi**	**Abantu bahakorera**
Amashuri	Abarimu n'abandi bakozi.	Amasoko n'amaduka	Abacuruzi
Ibitaro	Abaganga, abaforomo n'abandi bakozi.	Ibigo bya gisirikari	Abasirikari

Ibiro by'Umurenge	Umunyamabanga Nshingwabikorwa n'abandi bakozi.	Sitasiyo ya polisi	Abapolisi
Ikigo abagenzi bategeramo imodoka.	Abashoferi n'abandi bakozi.	Sitade /amazu y'imyidagaduro	Abakinnyi

7.9.2 Ikigwa cya kabiri: Ibidukikije biboneka mu murenge

a. Intego

Ubumenyi

Kurondora ibidukikije biboneka mu murenge we.

Ubumenyingiro

Gusobanura uburyo bwo gufata neza ibidukikije mu murenge , akamaro kabyo, n'ingaruka zo kutabyitaho.

Ubukesha

Kurangwa n'umuco wo kubungabunga ibidukikije.

b. Imyitozo y'isubiramo /Intangiriro

Ibidukikije biri mu gace ishuri rihereyemo, uburyo bwo kubifata neza, akamaro ko kubibungabunga n'ingaruka zo kutabyitaho.

c. Imfashanyigisho

Ibishushanyo by'ibintu n'ahantu hatandukanye, amafoto, videwo n'ibintu bifatika.

d. Imyigire n'imyigishirize

- Gutegura imfashanyigisho zihagije zifasha abanyeshuri gusoma neza ikarita y'Umurenge wabo no kwerekana ahantu h'ingenzi n'ibihakorerwa.
- Gushyira abanyeshuri mu matsinda.
- Kubaha amabwiriza yo kwitegereza amashusho, kuyaganiraho no gusobanurira bagenzi babo ibyo babonye.
- Umwarimu afasha abanyeshuri gushyira hamwe ibyo bagezeho maze akuzuza ibitekerezo byabo.
- Akora ubugororangingo afasha abanyeshuri gukoresha imvugo yumvikana bakoresha amagambo asobanura neza ibidukikije biri mu murenge.

Urugero: ikarita, ihindurangano,…

e. Ikomatanya ry'ibyizwe

Kuyobora abanyeshuri mu kuvuga muri make ibidukikije biri mu mirenge batuyemo, uburyo bwo kubifata neza, akamaro ko kubibungabunga n'ingaruka zo kutabyitaho.

f. Isuzuma

Guha abanyeshuri imyitozo iri mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 112, 114, 115, 116, 117 na 119 yo kuvuga ibidukikije biri mu mirenge batuyemo , uburyo bwo kubifata neza, akamaro ko kubibungabunga n'ingaruka zo kutabyitaho.

Ibisubizo by'imyitozo n'ibikorwa byo kuri iki kigwa

Imyitozo iri ku rupapuro rwa 112 mu gitabo cy'umunyeshuri

1. Ibidukikije karemano n'ibidukikije bikomoka ku bikorwa by'abantu.
2. Ibidukikije karemano ni ibidukikije byaremwe n'Imana naho ibidukikije bikomoka ku bikorwa by'abantu ni ibidukikije bikorwa n'abantu.
3. ***Ibidukikije karemano***: Uruzi, ubutaka, umwuka, umugezi, amazi n'ibindi.
   Ibikorwa by'abantu: Inzu, indege, umuhanda, amashanyarazi, urwuri.

Imyitozo iri ku rupapuro rwa 114 – 115 mu gitabo cy'umunyeshuri

1. a ⟶ 4 c ⟶ 1 e ⟶ 2 g ⟶ 8
   b ⟶ 5 d ⟶ 3 f ⟶ 7 h ⟶ 6
2. a. Byanya.
   b. Amazu ya Leta.
   c. Gutera ibiti n'ibyatsi.
   d. Mu mazi cyangwa mu mihanda.
   e. Urutindo /imigogo /ikiraro.

Reka nisuzume iri ku rupapuro rwa 116 mu gitabo cy'umunyeshuri

1. Ibidukikije ni ibintu byose biboneka hafi yacu.
2. a. Imigezi n'ibiyaga
   b. Amashyamba
   c. Inyamaswa zo ku gasozi, imisozi, ibibaya, imigezi, ibiyaga,….
   d. Amazi n'izuba

Nsuzuma ngusuzume iri ku rupapuro rwa 116 – 117 mu gitabo cy'umunyeshuri

1. Ibyatsi n'ibiti bifata ubutaka ntibutwarwe n'isuri.
2. a. Gutera ibyatsi.
   b. Gutera ibyatsi ku nkengero zabyo.
   c. Kuyakorera neza, kuyarinda abayangiza bayatwika cyangwa bayatema atarakura.
   d. Gusana ahangiritse no kuyirinda abayangiza.

Imyitozo iri ku rupapuro rwa 117 mu gitabo cy'umunyeshuri

1. a. Yego b. Oya c. Oya d. Yego e. Yego
2. Namubuza narangiza nkamusobanurira ibibi byabyo.

3. a. Uruhushya, buyobozi
   b. Kwica
   c. Kimwe, bibiri
   d. Ngarani /ikimoteri
   e. Biraro
   f. Amaterasi y'indinganire

Reka nisuzume iri ku rupapuro rwa 119 mu gitabo cy'umunyeshuri

1. Ibihingwa, imigezi, ibiyaga, imihanda ,…
2. Amarebe.

Nsuzuma ngusuzume iri ku rupapuro rwa 119 mu gitabo cy'umunyeshuri

1. Kubura kw'imvura bitewe no kwangiza ibidukikije.
2. Bituma ikiyaga cyangwa umugezi byuzuramo ibitaka bigatuma bishobora gukama.

Imyitozo iri ku rupapuro rwa 119 mu gitabo cy'umunyeshuri

1. a. Oya b. Yego c. Yego d. Yego e Yego
2. Korera, impiswi, tifoyide, inzoka zo mu nda,…
3. Tubura imvura bigatuma amapfa adutera.

7.9.3 Ikigwa cya gatatu: Abaturage batuye mu murenge

a. Intego

Ubumenyi

Kwegeranya no gutanga imibare y'abatuye Umudugudu n'abatuye Umurenge.

Ubumenyingiro

Gusobanura imiturire mu mudugudu no mu murenge wabo.

Ubukesha

Kugira umuco wo kwitegereza, gusesengura no kugereranya.

b. Imyitozo y'isubiramo /Intangiriro

Umubare w'abanyeshuri bigana n'uburyo bwo kwegeranya ibintu bisa no kugereranya ibyiciro byabyo.

c. Imfashanyigisho

Ibishushanyo by'abantu bakora ibarura, amafoto, videwe na filimi .

d. Imyigire n'imyigishirize

- Gutegura imfashanyigisho zihagije zifasha abanyeshuri kwibonera uburyo bukoreshwa mu kumenya abaturage batuye Umurenge.
- Gushyira abanyeshuri mu matsinda.
- Kubaha amabwiriza yo kwitegereza amashusho, kuyaganiraho no gusobanurira bagenzi babo ibyo babonye.

– Umwarimu afasha abanyeshuri gushyira hamwe ibyo bagezeho maze akuzuza ibitekerezo byabo.
– Akora ubugororangingo afasha abanyeshuri gukoresha imvugo yumvikana bakoresha amagambo asobanura neza ikigwa.

Urugero: Ikiciro, ibarura, …

e. Ikomatanya ry'ibyizwe

– Kuyobora abanyeshuri mu kuvuga muri make .
– Uko begeranya imibare y'abatuye Umudugudu, Akagari cyangwa Umurenge,
– Imiturire yo mu mudugudu n'iyo mu murenge we no kugira umuco wo kwitegereza, gusesengura no kugereranya ibintu ahawe.

f. Isuzuma

Guha abanyeshuri imyitozo iri mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 123, 124, 126, 127 128 yo kugeranya imibare y'abatuye Umudugudu, Akagari cyangwa Umurenge no gusobanura imiturire yabo.

Ibisubizo by'imyitozo n'ibikorwa byo kuri iki kigwa

Reka nisuzume iri ku rupapuro rwa 123 mu gitabo cy'umunyeshuri

– Ibarura rituma abayobozi b'ikigo bashobora gutegurira ikigo cyacu igenamigambi.

Nsuzuma ngusuzume iri ku rupapuro rwa 124 mu gitabo cy'umunyeshuri

a. Bigisha abanyeshuri.
b. Bagenzura ko amasomo agenda neza no guhagararira ikigo mu zindi nzego.
c. Barinda umutekano w'abakozi b'ikigo ndetse n'abanyeshuri.
d. Basukura amashuri, ubusitani, ubwiherero .

Imyitozo iri ku rupapuro rwa 124 mu gitabo cy'umunyeshuri

1. a. Ibisubizo biratandukanye. c. Ibisubizo biratandukanye.
   b. Ibisubizo biratandukanye. d. Ibisubizo biratandukanye.
2. 1 na d 2 na e 3 na f 4 na g 5 na b 6 na a 7 na c

Umwitozo uri ku rupapuro rwa 126 mu gitabo cy'umunyeshuri

a. Ibisubizo biratandukanye.
b. Ibisubizo biratandukanye.

Reka nisuzume iri ku rupapuro rwa 127 mu gitabo cy'umunyeshuri

1. Amanegeka bivuga ahantu hanugamye, hashobora gutwarwa n'isuri.
2. Gutura mu midugudu bituma abantu bakorera hamwe kandi bakegerezwa ibikorwa remezo.

Nsuzuma ngusuzume iri ku rupapuro rwa 128 mu gitabo cy'umunyeshuri

1. Iyo hera cyane, hari ibikorwa remezo, hari umutekano, hadakunda kuba indwara cyangwa ibiza.

2. Yego kuko ababyeyi bacu barabikanguriwe kandi barabikurikiza.

Imyitozo iri ku rupapuro rwa 128 mu gitabo cy'umunyeshuri

1. Ibarura ni igikorwa cyo kubara abantu n'ibintu ugamije kubakorera igenamigambi.
2. Nabibwirwa n'uko inzego z'ubuyobozi zaba zarashyizeho ikimenyetso cya towa (X).
3. Mu bishanga, ku nkengero z'ibiyaga n'imigezi n'ahandi hose hadateganyijwe mu gishushanyo mbonera.
4. Kubera ko mu mugi haboneka ibikorwa remezo ndetse na serivisi zitaboneka mu giturage.
5. Kuba hera, kuba hari ibikorwa remezo byinshi, kuba ntabiza bikunze kuhaba, …
6. a. Oya b. Yego c. Oya d. Yego e. Oya
7. Kugira ngo biyorohere kubagezaho ibikorwa remezo.

7.9.4 Ikigwa cya kane: Imirimo y'ingenzi ikorerwa mu murenge

a. Intego

Ubumenyi

Kurondora imirimo inyuranye ikorerwa mu murenge no kugaragaza uruhare rw'umuryango n'urw'ikigo k'ishuri muri uwo murenge ikorerwa mu murenge.

Ubumenyingiro

Gusobanura uruhare rw'umuryango n'urw'ikigo k'ishuri mu mirimo inyuranye.

Ubukesha

Kurangwa n' umuco wo kwitegereza, gusesengura, kugereranya no gutanga ibitekerezo.

b. Imyitozo y'isubiramo /Intangiriro

Ahantu h'ingenzi haboneka mu murenge wacu n'imirimo ihakorerwa.

c. Imfashanyigisho

Ibishushanyo by'abantu bari gukora ibintu bitandukanye nk'ubuhinzi, ububaji, ubukanishi, imirimo yo mu biro n'ibindi.

d. Imyigire n'imyigishirize

- Gutegura imfashanyigisho zihagije zifasha abanyeshuri gusobanura imirimo y'ingenzi ikorerwa mu murenge wabo.
- Gushyira abanyeshuri mu matsinda.
- Kubaha amabwiriza yo kwitegereza amashusho, kuyaganiraho no gusobanurira bagenzi babo ibyo babonye.

– Umwarimu afasha abanyeshuri gushyira hamwe ibyo bagezeho maze akuzuza ibitekerezo byabo.
– Akora ubugororangingo afasha abanyeshuri gukoresha imvugo yumvikana bakoresha amagambo asobanura neza ikigwa.

Urugero: Umwuga, umukoresha, umukozi uruganda, akazi …

e. Ikomatanya ry'ibyizwe

Kuyobora abanyeshuri mu kuvuga muri make imirimo inyuranye ikorerwa mu murenge n'uruhare rw'umuryango n'urw'ikigo k'ishuri mu guteza imbere imirimo ikorerwa mu murenge.

e. Isuzuma

Guha abanyeshuri imyitozo iri mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 130, 133 yo kuvuga imirimo inyuranye ikorerwa mu murenge no gusobanura uruhare rw'umuryango n'urw'ikigo k'ishuri mu guteza imbere imirimo ikorerwa mu murenge.

Ibisubizo by'imyitozo n'ibikorwa byo kuri iki kigwa

Reka nisuzume iri ku rupapuro rwa 130 mu gitabo cy'umunyeshuri

1. Ibisubizo biratandukanye.
2. Ibisubizo biratandukanye.

Nsuzuma ngusuzume iri ku rupapuro rwa 130 mu gitabo cy'umunyeshuri.

1. Ibisubizo biratandukanye.
2. Ibisubizo biratandukanye.

Imyitozo iri ku rupapuro rwa 130 mu gitabo cy'umunyeshuri

1. Ubuhinzi, ubworozi, ubukorikori, imirimo yo mu biro.
2. Ibisubizo biratandukanye.
3. Kugira ngo abeho kandi areke kubera abandi umutwaro bamukorera byose.
4. Urushaho kukugirira akamaro.

Reka nisuzume iri ku rupapuro rwa 133 mu gitabo cy'umunyeshuri

Ibisubizo biratandukanye.

Nsuzuma ngusuzume iri ku rupapuro rwa 133 mu gitabo cy'umunyeshuri

a. Imirimo.
b. Gukunda umurimo.
c. Batera imbere.
d. Gihe.

Umwitozo iri ku rupapuro rwa 133 mu gitabo cy'umunyeshuri

Ibisubizo biratandukanye.

7.10 Ibisoza umutwe

a. Inshamake y'ibikubiye muri uyu mutwe

Amerekezo ane y'ingenzi afasha abantu kwiyobora ahantu batari basanzwe bazi. Bashobora kwifashisha idira.

Ibidukikije bibamo amoko abiri y'ingenzi: Ibidukikije karemano n'ibikorwa n'abantu. Byose tugomba kubibungabunga kuko bituma abantu bagira imibereho myiza.

Ibarura ry'abaturage cyangwa abakozi b'ahantu rifasha mu gukora igenamigambi.

Umuryango n'ikigo k'ishuri bigira uruhare mu guteza imbere imirimo ikorerwa mu murenge birimo kandi bagaharanira ko buri wese akora umurimo unoze.

b. Ubumenyi bw'inyongera umwarimu asabwa kugira

- Kumenya kuyobora ibikorwa byose kandi yita kuri buri munyeshuri nta we asize inyuma.
- Gusobanura ku buryo bwimbitse ibirebana no kuranga ibintu ukoresheje amerekezo n'ikarita, ibidukikije biboneka mu murenge, abaturage batuye mu mudugudu mu kagari no mu murenge n'imirimo y'ingenzi ikorerwa mu murenge .
- Gutegura no gukoresha neza imfashanyigisho zinyuranye.
- Kumenya uko yacengeza ingingo nsanganyamasomo igihe yigisha amasomo mbonezamubano.
- Kumenya neza imyigishirize y'amasomo mbonezamubano ijyanye n'integanyanyigisho ishingiye ku bushobozi.
- Kumenya uko yakwita ku bidukikije yirinda ingaruka ziterwa no kutabyitaho.

c. Ibisubizo by'isuzuma risoza umutwe wa 7 riri mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 133

1. Idira ni igikoresho kiyobora abantu ahantu batazi. Iyobora abantu ahantu batazi
2. Ivuriro, isoko, banki, ibigo by'amashuri, …
3. a. N'ibidukikije karemano.
   b. Inyamaswa zororerwa mu byanya n'amatungo yororerwa mu biraro.
   c. Bidufitiye
   d. Bitugiraho
   e. Amazi n'ikirere
4. Bisubizo biratandukanye
5. Bisubizo biratandukanye.
6. Ibarura rifasha gukora igenamigambi.
7. Batanga imisoro n'umuganda.

d. Imyitozo y'umwihariko ihabwa abanyeshuri bagenda buhoro mu myigire n'ibisubizo byayo

1. Idira ni iki?
2. Ibarura rifasha iki Leta ?
3. Ni iyihe mirimo ikorerwa mu murenge wawe wumva ukunze kurusha indi kandi wumva wazakora umaze kuba mukuru wararangije amashuri? Sobanura impamvu uyikunda.
4. Ni ibihe bidukikije bifite akamaro kurusha ibindi biboneka mu murenge utuyemo? Sobanura.

Ibisubizo

1. Idira ni igikoresho kiyobora abantu ahantu batazi neza kibereka amerekezo.
2. Ibarura rifasha leta kumenya umubare w'abaturage batuye ahantu runaka bityo bikayorohera kubagezaho imishinga y'iterambere.
3. Ibisubizo biranyuranye bitewe n'amahitamo ya buri munyeshuri.
4. Ibisubizo biranyuranye bitewe n'amahitamo ya buri munyeshuri.

e. Imyitozo y'umwihariko ihabwa abanyeshuri bafite impano yo gufata vuba no kwihuta kurusha abandi mu myigire n'ibisubizo byayo

Shushanya ikarita y'umurenge ishuri ryanyu ryubatsemo ugaragaze aho rihereye ku ikarita.

Igisubizo

Amakarita aranyuranye bitewe n'aho abanyeshuri biga.

Umutwe wa munani: Ubwikorezi n'itumanaho

8.1 Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe

Kugaragaza uburyo bwo gutwara abantu n'ibintu, gutumanaho no kubikora neza.

8.2 Ibyizwe mbere bifitanye isano n'uyu mutwe

Amoko y'ubwikorezi n'itumanaho n'akamaro kabyo.

8.3 Ingingo nsanganyamasomo ziri muri uyu mutwe n'uko zagerwaho

- ***Ubwuzuzanye bw'ibitsina byombi*** mu gukora imyitozo nta vangura .
- ***Uburezi budaheza:*** Mu gihe adahutaza abo bigana bafite ubumuga cyangwa ibindi bibazo byihariye.
- ***Gufata neza ibidukikije:*** Mu gihe asukura aho akorera cyangwa afata neza imfashanyigisho yakoresheje .
- ***Umuco w'amahoro***

  Mu gihe akorana na bagenzi be mu bwumvikane nta we abangamiye.
- ***Umuco wo gukoresha neza umutungo:*** Igihe akoresha neza ibikoresho by'itumanaho.
- ***Ubuzima bw'imyororokere:*** Igihe asobanura uko atagomba kurangazwa n'ibikoresho by'itumanaho ngo bibe byatuma yishora mu mibonano mpuzabitsina.
- ***Umuco wo gukoresha ibintu byujuje ubuziranenge:*** Igihe agura cyangwa agurisha ibikoresho by'itumanaho.

8.4 Ubushobozi umunyeshuri azunguka muri uyu mutwe

- ***Kwitegereza*** agasobanura ibyo yitegereje.
- ***Gushyikirana n'abandi*** igihe akorera mu matsinda cyangwa afatanya n'abandi.
- ***Gutekereza*** ku mwitozo ahawe mbere yo kuwukora, bityo akawukora neza nta makosa ashyizemo.
- ***Gukoresha imvugo isobanutse*** igihe asobanura ibyo yakoze.
- ***Gushakashaka*** igihe abanza kumenya ibijyane n'ubwikorezi n'itumanaho mu murenge we .
- ***Guhanga udushya*** mu gihe yikorera ibikoresho by'ubwikorezi n'iby'itumanaho.
- ***Kugira amashyushyu*** yo guhora yiyungura ubumenyi ku bijyanye n'ubwikorezi n'itumanaho.
- ***Kwikemurira ibibazo*** mu gihe afatanya n'abandi bakishakira ibisubizo ku bibazo by' itumanaho

8.5 Amagambo umunyeshuri yunguka muri uyu mutwe

Ubwikorezi: Ni uburyo bwo gutwara abantu cyangwa se ibintu.

Itumanaho: Ni uburyo bukoreshwa mu guhamagara no kwitaba no kohererereza ubutumwa bwanditse .

Ibyapa: Ni ibimenyetso bikoze mu byuma cyangwa mu biti biyobora abagenzi n'abayobozi b'ibinyabiziga.

8.6 Ikibazo nyamukuru

- Umwarimu asomesha agakuru kajyanye n'ikibazo cy'umuntu ukoresha nabi ubwikorezi n'itumanaho.
- Asaba abanyeshuri kukaganiraho no kugatangaho ibitekerezo bagaragaza icyakorwa kugira ngo icyo kibazo gikemuke.
- Abasobanurira ko ibisubizo byuzuye bazajya babibona mu masomo bagiye kwiga muri uyu mutwe

8.7 Uko umwarimu yita by'umwihariko ku bafite ibibazo byihariye yigisha uyu mutwe

- Abafata bitinze bahe imyitozo usanga muri iki gitabo ku rupapuro rwa 116 yoroshye ugereranyije n'iy'abandi.
- Abafite ubumuga bw'ingingo banza umenye izo ari zo ubategurire imfashanyigisho zihariye n'imyitozo wagenera buri wese .
- Abafite impano yo kumva no gukora vuba cyane bahe imyitozo usanga muri iki gitabo ku rupapuro rwa 117 ituma batarangaza abandi.

8.8 Imbonerahamwe y'ibyigwa biri muri uyu mutwe wa 8

Inomero	Urutonde rw'ibyigwa	Umubare w'amasomo:13
1	Ubwikorezi mu murenge	6
2	Itumanaho mu murenge	6
3	Isuzuma risoza umutwe	1

8.9 Imyigishirize ya buri kigwa

8.9.1 Ikigwa cya mbere: Ubwikorezi mu murenge

a. Intego

Ubumenyi

Kurondora uburyo bukoreshwa mu gutwara abantu n'ibintu mu murenge.

Ubumenyingiro

Gusobanura ibimenyetso byo ku muhanda n'akamaro kabyo.

Gusesengura ingorane abakoresha umuhanda bahura nazo n'uburyo bwo kuzirinda.

Ubukesha

Kurangwa n'imyitwarire iboneye mu muhanda.

b. Imyitozo y'isubiramo /Intangiriro

Amoko y'ubwikorezi n'akamaro kayo.

c. Imfashanyigisho

Ibyapa by'umuhanda, amashusho y'ubwikorezi butandukanye.

d. Imyigire n'imyigishirize

- Gutegura imfashanyigisho zihagije zifasha abanyeshuri gusobanukirwa uburyo bwo gutwara abantu n'ibintu, ibimenyetso biyobora abakoresha umuhanda n'ingorane zo mu bwikorezi
- Gushyira abanyeshuri mu matsinda.
- Kubaha amabwiriza yo kwitegereza amashusho, kuyaganiraho no gusobanurira bagenzi babo ibyo babonye.
- Umwarimu afasha abanyeshuri gushyira hamwe ibyo bagezeho maze akuzuza ibitekerezo byabo.
- Akora ubugororangingo afasha abanyeshuri gukoresha imvugo yumvikana bakoresha amagambo asobanura neza ikigwa.

Urugero: Ibyapa, kuranga, kuburira, kubuza …

e. Ikomatanya ry'ibyizwe

Kuyobora abanyeshuri mu kuvuga muri make uburyo bukoreshwa mu gutwara abantu n'ibintu mu murenge, ibimenyetso byo mu muhanda biyobora abagenzi n'ibinyabiziga n'akamaro kabyo ndetse n'ingorane ziterwa n'ubwikorezi.

f. Isuzuma

Guha abanyeshuri imyitozo iri mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa135,139, 140 142 na 143 kuri ibi bikurikira :

- Uburyo bukoreshwa mu gutwara abantu n'ibintu mu murenge .
- Ibimenyetso byo mu muhanda biyobora abagenzi n'ibinyabiziga.
- Akamaro k'ibimenyetso byo mu muhanda biyobora abagenzi n'ibinyabiziga.
- Ingorane ziboneka mu bwikorezi.

Ibisubizo by'imyitozo n'ibikorwa byo kuri iki kigwa

Umwitozo uri ku rupapuro rwa 135 mu gitabo cy'umunyeshuri

a na 2 b na 5 c na 4 d na 1

Reka nisuzume iri ku rupapuro rwa 139 mu gitabo cy'umunyeshuri

1. a. Bikoreshwa mu masangano y'imihanda kugira ngo hirindwe impanuka.
   b. Bibuza abakoresha umuhanda gukora ibikorwa bibangamiye cyangwa byateza impanuka.
   c. Byerekana cyangwa bikaranga ahantu n'ibikorwa byaho.
   d. Byerekana imiterere y'imihanda.
2. Bikoreshwa mu masangano y'imihanda .

Nsuzuma ngusuzume iri ku rupapuro rwa 139 mu gitabo cy'umunyeshuri

1. a. Biraburira.
   b. Bitanga uburenganzira.
   c. Biraranga.
2. Kubahiriza ibyapa no kwitondera ibinyabiziga.

Imyitozo iri ku rupapuro rwa 140 mu gitabo cy'umunyeshuri

1. a. Itara ry'umuhondo usa n'icunga, itara ry'umutuku.
   b. Icyatsi abanyamaguru.
   c. Umutuku birahagarara bakambuka.
2. Mpandeshatu: Biraburira, urukiramende: Biraranga naho ibyo mu uruziga : Bitanga uburenganzira.
3. a na 5 b na 1 c na 2 d na 3 e na 6 f na 4
4. Ibimenyetso biranga. Ibimenyetso bibuza.
   Ibimenyetso biburira. Ibimenyetso bimurika .
5. Nta nzira ihari.
   Aho abagenzi bambukira

Aho imodoka zitwara abagenzi zihagarara

6. Ibara ry'umutuku: ibinyabiziga birahagarara abanyamaguru bakambuka umuhanda.
   Ibara ry'icyatsi kibisi: ibinyabiziga biragenda, abanyamaguru bagategereza ko haza ibara ritukura
   Ibara ry'umuhondo usa n'icunga: integuza y'ibara ry'umutuku .
7. 1. Abanyamaguru:
   – Kudakinira mu muhanda
   – Kwambukira mu nzira yagenewe abanyamaguru
   2. Abayobozi b'ibinyabiziga
   – Gukoresha umuvuduko uringaniye.

– Kutanywa inzoga ngo uyobore ikinyabiziga.

8. Ibisubizo biratandukanye.
9. Ibisubizo biratandukanye.

Imyitozo iri ku rupapuro rwa 142 mu gitabo cy'umunyeshuri

1. Kubaha ibimenyetso byo mu muhanda bigabanya impanuka.
2. Yakora impanuka .
3. Ibimenyetso byo mu muhanda biraranga, bikaburira kandi bikabuza abakoresha umuhanda kuwukoresha nabi.
4. Abantu bashobora gupfa, gukomereka, ikinyabiziga kirangirika, …

Reka nisuzume iri ku rupapuro rwa 143 mu gitabo cy'umunyeshuri

1. Ibyapa byo mu muhanda.
2. Imvura nyinshi, imiyaga myinshi, …

Nsuzuma ngusuzume iri ku rupapuro rwa 143 mu gitabo cy'umunyeshuri

1. Gutwara ibinyabiziga basinze no kutubahiriza ibyapa byo mu muhanda.
2. a.Umuhengeri b. Umuyaga mwinshi c. Ubunyereri

Umwitozo uri ku rupapuro rwa 144 mu gitabo cy'umunyeshuri

Imihanda mibi, abasana ibinyabiziga badahagije,…

8.9.2 Ikigwa cya kabiri: Itumanaho mu murenge

a. Intego

Ubumenyi

Kurondora ibikoresho by'itumanaho.

Ubumenyingiro

Gutandukanya ibikoresho by'itumanaho no kugaragaza akamaro karyo.

Ubukesha.

Kurangwa n'umuco wo gukoresha neza itumanaho.

b. Imyitozo y'isubiramo /Intangiriro

Amoko y'itumanaho n'akamaro karyo.

c. Imfashanyigisho

Ibikoresho by'itumanaho (terefoni, amabahasha, impapuro,…)

d. Imyigire n'imyigishirize

– Gutegura imfashanyigisho zihagije zifasha abanyeshuri gutandukanya ibikoresho by'itumanaho, akamaro kabyo n'uburyo buboneye bwo kubikoresha.
– Gushyira abanyeshuri mu matsinda

– Kubaha amabwiriza yo kwitegereza amashusho, kuyaganiraho no gusobanurira bagenzi babo ibyo babonye.
– Umwarimu afasha abanyeshuri gushyira hamwe ibyo bagezeho maze akuzuza ibitekerezo byabo.
– Akora ubugororangingo afasha abanyeshuri gukoresha imvugo yumvikana bakoresha amagambo asobanura neza ikigwa.

Urugero : Gutanga amakuru, itumanaho, gushyikirana…

e. Ikomatanya ry'ibyizwe

Kuyobora abanyeshuri mu kuvuga muri make ibikoresho by'itumanaho bazi, akamaro k'itumanaho n'uburyo buboneye bwo gukoresha itumanaho mu murenge.

f. Isuzuma

Guha abanyeshuri imyitozo iri mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 143, 146 na 147 kuri ibi bikurikira :

– Ibikoresho by'itumanaho
– Akamaro k'itumanaho
– Uburyo buboneye bwo gukoresha itumanaho mu murenge.

Ibisubizo by'imyitozo n'ibikorwa byo kuri iki kigwa

Imyitozo iri ku rupapuro rwa 145 mu gitabo cy'umunyeshuri

1. a na 2/3/4/5 b na 4/1/2/3/5 c na 1 d na1/5 e na 2
2. a, b, c Nabimubuza kuko byose bishobora kumutera impanuka cyangwa bikamwangiriza ubuzima.

Reka nisuzume iri ku rupapuro rwa 147 mu gitabo cy'umunyeshuri

1. Terefoni, mudasobwa, megafoni, radiyo, tereviziyo, …
2. a. Radiyo b. Tereviziyo c. Terefoni d. Megafoni/mikoro

Nsuzuma ngusuzume iri ku rupapuro rwa146 mu gitabo cy'umunyeshuri

1. – Kwitabira terefoni ku gutwi kw'ibumoso.
   – Kutegera ibyuma bisakuza cyane.
2. Byica amatwi, impanuka, igihombo, …

Umwitozo uri ku rupapuro rwa 147 mu gitabo cy'umunyeshuri

a. Oya b. Yego c. Yego d. Oya e. Yego

8.10 Ibisoza umutwe

a. Inshamake y'ibikubiye muri uyu mutwe

Ubwikorezi bukorwa mu muhanda, mu mazi, ku mutwe, mu kirere mu magorofa cyangwa se bukaba ubwikorezi bw'amaboko.

Ubwikorezi bugomba kubahiriza ibimenyetso byo mu muhanda.

Itumanaho rikoresha ibikoresho binyuranye ariko kandi rigomba gukoreshwa neza kugira ngo ridateza abantu ibibazo nk'ubujura,impanuka,…

b. Ubumenyi bw'inyongera umwarimu asabwa kugira

- Kumenya kuyobora ibikorwa byose kandi yita kuri buri munyeshuri nta we asize inyuma.
- Gusobanura ku buryo bwimbitse ibirebana n'ubwikorezi n'itumanaho mu mirenge itandukanye.
- Gutegura no gukoresha neza imfashanyigisho zinyuranye.
- Kumenya uko yacengeza ingingo nsanganyamasomo igihe yigisha amasomo mbonezamubano.
- Kumenya neza imyigishirize y'amasomo mbonezamubano ijyanye n'integanyanyigisho ishingiye ku bushobozi.
- Kumenya uko ubwikorezi n'itumanaho bokorwa mu mirenge itandukanye.
- Kumenya uko yakemura ibibazo byaterwa n'ubwikorezi ndetse n'itumanaho.

c. Ibisubizo by'isuzuma risoza umutwe wa 8 riri ku rupapuro rwa 148 mu gitabo cy'umunyeshuri

1. Ubwikorezi bwo mu kirere, ku mutwe, mu muhanda, mu mazi, …
2. a. 3,umutuku, icyatsikibisi, umuhondo usa n'icunga rihishije.
   b. Mashushongero
   c. Ibyaka umutuku, icyatsi kibisi n'umuhondo usa n'icunga
3. a na 6 b na 4 c na 5 d na 1 e na 2 f na 3
4. Bitera impanuka harimo kwangirika kw'ibinyabiziga,gupfa kw'abantu,…
5. Terefoni, mudasobwa, tereviziyo, mikoro, bafure, ifirimbi,….
6. Kwitabira terefoni ku gutwi kw'ibumoso,kutegera tereviziyo cyane kuko byica amaso,…

d. Imyitozo y'umwihariko ihabwa abanyeshuri bagenda buhoro mu myigire n'ibisubizo byayo

1. Ni izihe ngaruka zaterwa no gukoresha ibikoresho by'itumanaho?
2. Vuga akamaro k'ibyapa bikoze muri aya mashushongero:
   a. Mpandeshatu.
   b. Uruziga.
   c. Urukiramende.

3. Ibimenyetso bimurika bigizwe n'amatara ari mu mabara angahe?Yavuge Sobanura n'akamaro ka buri tara?

Ibisubizo

1. Kurwara amatwi, gutwika abantu cyangwa ibintu, impanuka,…
2. a. kuburira abakoresha umuhanda.
   b. Guha uburenganzira abakoresha umuhanda.
   c. Kurangira abakoresha umuhanda.
3. Biri mu mabara 3 ariyo umutuku, umuhondo n'icyatsi kibisi.
   a. Itara rifite ibara ry'umutuku: Ibinyabiziga birahagarara abanyamaguru bakambuka.
   b. Itara rifite ibara ry'umuhondo: Ibinyabiziga bigenda gahoro naho abanyamaguru bagahagarara.
   c. Itara rifite ibara ry'icyatsi kibisi: Ibinyabiziga biragenda naho abanyamaguru bagategereza.

e. Imyitozo y'umwihariko ihabwa abanyeshuri bafite impano yo gufata vuba no kwihuta kurusha abandi mu myigire n'ibisubizo byayo

1. Shushanya
   a. Ibyapa 2 biranga
   b. Ibyapa 2 biburira
   c. Ibyapa 2 bibuza
2. Shushanya ibyapa nibura 2 tutabonye mu gitabo k'ishuri uvuge n'icyo byerekana.

Ibisubizo

Bizaba bitandukanye bitewe n'amahitamo ya buri munyeshuri.

Umutwe wa kenda: Ibintu by'ingenzi byaranze amateka y'Umurenge wacu

9.1 Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe

Gusobanura amateka yaranze umurenge we no kuyashyira ku murongo ndangagihe.

9.2 Ibyizwe mbere bifitanye isano n'uyu mutwe

Ibintu by'ingenzi byaranze amateka y'aho atuye n'ay'ishuri rye.

9.3 Ingingo nsanganyamasomo ziri muri uyu mutwe n'uko zagerwaho

- ***Ubwuzuzanye bw'ibitsina*** **byombi** mu gukora imyitozo nta vangura.
- ***Uburezi budaheza*** mu gihe adahutaza abo bigana bafite ubumuga cyangwa ibindi bibazo byihariye
- ***Gufata neza ibidukikije*** mu gihe asukura aho akorera cyangwa afata neza imfashanyigisho yakoresheje .
- ***Umuco w'amahoro*** mu gihe akorana na bagenzi be mu bwumvikane nta we abangamiye.
- ***Umuco wo gukunda*** Umurenge we n'aho atuye agendeye ku mateka y'aho.
- ***Kurwanya ingengabitekerezo ya jenoside*** igihe asobanura n'ingaruka zayo ku batuye Umurenge we.
- ***Ubuzima bw'imyororokere*** igihe asobanura uko amateka yaranze umurenge we yagize uruhare mu ihohoterwa rishingiye ku gitsina.

9.4 Ubushobozi umunyeshuri azunguka muri uyu mutwe

- ***Kwitegereza*** agasobanura ibyo yitegereje.
- ***Gushyikirana n'abandi*** igihe akorera mu matsinda cyangwa afatanya n'abandi .
- ***Gutekereza*** ku mwitozo ahawe mbere yo kuwukora, bityo akawukora neza nta makosa ashyizemo .
- ***Gukoresha imvugo isobanutse*** igihe asobanura ibyo yakoze .
- ***Gushakashaka*** agamije gutahura ibintu by'ingenzi byaranze amateka y'umurenge we .
- ***Guhanga udushya*** mu gihe yikorera ibikoresho bigaragaza amateka yaranze Umurenge we.
- ***Kugira amashyushyu*** yo guhora yiyungura ubumenyi ku bijyanye n'amateka y'ahantu hatandukanye.

– ***Kwikemurira ibibazo*** mu gihe afatanya n'abandi kwikorera hagamijwe gutera umugongo ibintu byasubiza Umurenge we mu mateka mabi .

9.5 Amagambo umunyeshuri yunguka muri uyu mutwe

Amateka ni inyigisho y'ibihe byahise.

Umurongo ndangagihe ni umurongo ugaragaza igihe nyacyo ibintu runaka byabereye mu gihe cyashize ibiri kuba muri iki gihe ndetse n'ibishobora kuzaba mu gihe kizaza.

9.6 Ikibazo nyamukuru

– Umwarimu asomesha agakuru kajyanye n'ikibazo cy'umuntu utazi gutandukanya ibihe no gutanga amakuru y'ibyabaye aho atuye.

– Asaba abanyeshuri kukaganiraho no kugatangaho ibitekerezo bagaragaza icyakorwa kugira ngo uwo muntu atange amakuru asobanutse.

– Abasobanurira ko ibisubizo byuzuye bazajya babibona mu masomo akurikira ari muri uyu mutwe.

9.7 Uko umwarimu yita by'umwihariko ku bafite ibibazo byihariye yigisha uyu mutwe

– Abafata bitinze bahe imyitozo usanga muri iki gitabo ku rupapuro rwa 123 yoroshye ugereranyije n'iy'abandi.

– Abafite ubumuga bw'ingingo banza umenye izo ari zo ubategurire imfashanyigisho zihariye n'imyitozo wagenera buri wese .

– Abafite impano yo kumva no gukora vuba cyane bahe imyitozo usanga muri iki gitabo ku rupapuro rwa 123, ituma batarangaza abandi .

9.8 Imbonerahamwe y'ibyigwa biri muri uyu mutwe wa 9

Inomero	Urutonde rw'ibyigwa	Umubare w'amasomo:9
1	Amateka y'Umurenge wacu	8
2	Isuzuma risoza umutwe	1

9.9 Imyigishirize ya buri kigwa

9.9.1 Ikigwa: Amateka y'Umurenge wacu

a. Intego

Ubumenyi

Kurondora amateka y'ingenzi yaranze Umurenge wabo.

Ubumenyingiro

Kugaragaza uko bakoresha umurongo ndangagihe.

Gushyira ku murongo ndangagihe amateka y'ingenzi yaranze Umurenge wabo.

Ubukesha

Kurangwa n'umuco wo gukunda igihugu no kumenya aho uva n'aho ujya .

Kuzirikana amateka.

b. Imyitozo y'isubiramo /Intangiriro

Ibintu by'ingenzi byaranze amateka y'aho atuye n'ay'ishuri rye.

c. Imfashanyigisho

Amashusho agaragaza ibintu by'ingenzi byaranze amateka y'Umurenge, amafoto, firimi, videwo.

d. Imyigire n'imyigishirize

- Gutegura imfashanyigisho zihagije zifasha abanyeshuri gusobanukirwa amateka yaranze Umurenge wabo.
- Gushyira abanyeshuri mu matsinda
- Kubaha amabwiriza yo kwitegereza amashusho, kuyaganiraho no gusobanurira bagenzi babo ibyo babonye.
- Umwarimu afasha abanyeshuri gushyira hamwe ibyo bagezeho maze akuzuza ibitekerezo byabo.
- Akora ubugororangingo afasha abanyeshuri gukoresha imvugo yumvikana, mu magambo asobanura neza ikigwa.

Urugero: Amateka, intwari, ibyahise…

e. Ikomatanya ry'ibyizwe

Kuyobora abanyeshuri mu kuvuga muri make ibintu by'ingenzi byaranze amateka y'Umurenge wabo, gukoresha umurongo ndangagihe.

f. Isuzuma

Guha abanyeshuri imyitozo iri mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 150 na 151 kuri ibi bikurikira:

- Ibintu by'ingenzi byaranze amateka y'Umurenge we.

– Umurongo ndangagihe .
– Gukoresha umurongo ndangagihe.

Ibisubizo by'imyitozo n'ibikorwa byo kuri iki kigwa

Imyitozo iri ku rupapuro rwa 150 mu gitabo cy'umunyeshuri

1. Amateka ni ibikorwa by'abantu cyangwa ibintu byabayeho kera.
2. Intwari zahabaye,ibikorwa by'ubutwari byahabereye,…
3. Bituma afata ingamba z'ibyo yakora ahereye ku miterere yaho.
4. Abasaza cyangwa ugasoma ibitabo

Umwitozo uri ku rupapuro rwa 151 mu gitabo cy'umunyeshuri

Impitagihe	Indagihe	Inzagihe

Reka nisuzume iri ku rupapuro rwa 152 mu gitabo cy'umunyeshuri

1. Ibisubizo biratandukanye bitewe n'aho buri munyeshuri akomoka
2. Umurongo ndangagihe ufasha kumenya ibyagiye biba kuva kera.

Umwitozo uri ku rupapuro rwa 153 mu gitabo cyu'munyeshuri

1. a. Ku wa 1 Gicurasi buri mwaka.
   b. Ku wa 1 Gashyantare buri mwaka.
   c. Ku wa 4 Nyakanga buri mwaka.
   d. Ku wa 1 Ukwakira buri mwaka.
2. a. Kwibuka jenoside yakorewe Abatutsi.
   b. Umunsi twaboneyeho w'ubwigenge.
   c. Umunsi FPR Inkotanyi yabohoye Abanyarwanda ingoyi y'igitugu inahagarika jenoside yakorerwaga Abatutsi .

9.10 Ibisoza umutwe

a. Inshamake y'ibikubiye muri uyu mutwe wa kenda

Imirenge yose igira amateka yayiranze. Nko kugira abantu b'intwari, abahanzi, abanyamyuga itandukanye,abarinzi b'igihango n'ibindi.

Amateka yose afasha mu kubaka ejo hazaza.

b. Ubumenyi bw'inyongera umwarimu asabwa kugira

– Kumenya kuyobora ibikorwa byose kandi yita kuri buri munyeshuri nta we asize inyuma.

– Gusobanura ku buryo bwimbitse ibirebana n'amateka yaranze imirenge itandukanye no kuyashyira ku murongo ndangagihe.
– Gutegura no gukoresha neza imfashanyigisho zinyuranye.
– Kumenya uko yacengeza ingingo nsanganyamasomo igihe yigisha uyu mutwe.
– Kumenya neza imyigishirize y'amasomo mbonezamubano ijyanye n'integanyanyigisho ishingiye ku bushobozi.

c. Ibisubizo by'isuzuma risoza umutwe wa 9 riri ku rupapuro rwa 153 mu gitabo cy'umunyeshuri

1. Ku bintu byahabereye nk'ibikorwa by'ubutwari/intambara,…
2.

Impitagihe	Indagihe	Inzagihe

3. Ibisubizo biratandukanye bitewe n'aho buri munyeshuri akomoka.
4. Ibisubizo biratandukanye bitwe n'amateka ya buri shuri .
5.

Umunsi w'intwari ku wa 1/2 buri mwaka	Kwibuka jenoside yakorewe Abatutsi ku wa 7/4 buri mwaka	Kwibohora ku wa 4/7 buri mwaka

6. a. Impitagihe ni igihe cyashize naho indagihe ni aka kanya.
   b. Indagihe ni aka kanya naho inzagihe ni igihe kizaza.
   c. Impitagihe ni igihe cyashize naho inzagihe ni igihe kizaza.
7. Amateka ni ibikorwa by'abantu cyangwa ibintu byabayeho kera.
8. Kera habayeho. Iyi nteruro ikoreshwa iyo uyikoresha ashaka kuvuga amateka y' ibikorwa by'abantu cyangwa ibintu byabayeho kera.

d. Imyitozo y'umwihariko ihabwa abanyeshuri bagenda buhoro mu myigire n'ibisubizo byayo

1. Ni ikihe kintu kiranga amateka kiboneka mu murenge utuyemo cyangwa uwo ishuri ryawe ryubatsemo.
2. Shushanya umurongo ndangagihe.

Ibisubizo

1. Ibisubizo bitandukanye bitewe n'uko buri munyeshuri ataha ahantu hatandukanye n'aha mugenzi we.

2

Impitagihe	Indagihe	Inzagihe

e. Imyitozo y'umwihariko ihabwa abanyeshuri bafite impano yo gufata vuba no kwihuta kurusha abandi mu myigire n'ibisubizo byayo

Amatariki akurikira atwibutsa iki:

a. Ku wa 1 Mutarama buri mwaka.
b. Ku wa 1 Gashyantare buri mwaka.
c. Ku wa 8 Werurwe buri mwaka.
d. Ku wa 7 Mata buri mwaka.
e. Ku wa 1 Gicurasi buri mwaka
f. Ku wa 16 Kamena buri mwaka.
g. Ku wa 1 Nyakanga buri mwaka.
h. Ku wa 4 Nyakanga buri mwaka.
i. Ku wa 1 Ukwakira buri mwaka.
j. Ku wa 1 Ukuboza buri mwaka.

Ibisubizo

a. Umwaka mushya/ubunani
b. Umunsi w'intwari.
c. Umunsi mpuzamahanga w'abagore .
d. Kwibuka jenoside yakorewe Abatutsi.
e. Umunsi w'abakozi.
f. Umunsi w'umwana w'umunyafurika.
g. Umunsi w'ubwigenge.
h. Umunsi wo kwibohora.
i. Umunsi wo gukunda Igihugu.
j. Noheri.

10 Ibisubizo by'urugero rw'isuzuma risoza umwaka wa 3 riri ku rupapuro rwa 154 – 155 mu gitabo cy'umunyeshuri

1. Abagize umuryango babana mu mahoro, bagashyira hamwe kandi bakiteza imbere.
2. Kwirinda kuwutagaguza, kuwusesagura, kandi ukabungwabungwa.
3. Ntibashukura, ntibasabiriza, bafata neza ibyo batunze bakabyishimira.
4. Bakora umuganda, barara irondo, batanga imisanzu n'umusoro.
5. Kugirira isuku inyubako zose z'ishuri, ubusitani n'ubwihererero, gufata neza ibikoresho no kubikoresha uko bikwiye.
6. Umutungo bwite ni uw'umuntu ku giti ke naho umutungo rusange ni ufitiye akamaro abantu benshi kandi nta muntu ushobora kuwiyitirira.
7.
   a. Iterwa n'umubu witwa anoferi
   b Buterwa n'umwanda cyangwa kwitsirita ku muntu uburwaye
   c. Umwuka no gusangirira kumuheha.
8.
   a. Kwirinda gukora imibonano mpuzabitsina idakingiye.
   b. Kwirinda kwitsiritana n'ababirwaye, kudasangira ibisokozo n'ubirwaye
   c. Kwirinda kwitsiritana n'ubirwaye, kwikingiza
9. Nkoresha amazi meza n'isabune ariko ntayishyira mu gitsina imbere, nambara amakariso ameshe kandi ateye ipasi , niheha nganisha inyuma, nirinda kwambara amakariso atose cyangwa ahambiriye cyane.
10.
   a . Oya b. Yego c. Oya
11.
   a. Uburenganzira
   b. Inshingano zacu.
   c. Guhutaza.
   d. Kwita.
   e. Kujagarara no kubangamira
   f. Gukinira no gutinda mu muhanda
12. Udushinga tw'abana (ibisubizo biratandukanye)
13. Mu byago , mu bihe bitandukanye, mu busaza

14. Ibisubizo biratandukanye

15, Ubunyamabanga Nshingwabikorwa, Inama Njyanama na Komite Ngishwanama

16.

a. Lisiti iriho abemerewe gutora bose biyandikishije.

b. Urupapuro ruriho abakandida b'itora.

c. Ikarita y'umuntu wemerewe gutora.

d. Agasanduku abatora bashyiramo urupapuro batoreyeho baruzinze ntawe beretse uwo batoye.

e. Aho utora ajya kwihererera agatora mu ibanga.

17. Ibiza biterwa n'isuri, imyuzure, izuba rikaze rishobora gutera amapfa, indwara zirimo malariya kolera na macinyamyambi.

18. Kumenya umubare w'abaturage ngo babakorere igenamigambi rikwiriye.

19. Ahantu hera, hadahanamye, hadakunda kuba ibiza, hegereye ibikorwa remezo .

20. Umuntu ashobora gutwarwa n'umuvu uturuka haruguru ye, inzu ikagenda abantu bagapfa.

21. Byorohereza abantu guhahirana no guhana amakuru.

22. Ibikorwa byaranze ahantu n'amatariki byabereye.

23. a. Yo kubireka kuko ibyo bakora ari ukwangiza .

b. Yo kubireka kuko ibyo bakora ari ukwangiza.

c. Kubireka kuko bashobora kugira impanuka yabaviramo urupfu.

24.

a. **Ikarita** ni ishusho y'ahantu ikorwa hakoreshejwe ihindurangano.

Ikarita igira izina ry'aho yerekana, ihindurangano ryakoreshejwe, ikerekana amerekezo n'ibisobanuro by'ibiriho naho igishushanyo ni ishusho y'ahantu itagira ihindurangano ikoreshwa ibikoresho byo gushushanya.

b. **Ikarita** ni ishusho y'ahantu ikorwa hakoreshejwe ihindurangano.

Ikarita igira izina ry'aho yerekana, ihindurangano ryakoreshejwe, ikerekana amerekezo n'ibisobanuro by'ibiriho naho **idira** yerekana amerekezo gusa ariho urushinge ruranga amajyaruguru, amagepfo, iburasirazuba n'iburengerazuba.

Ibitabo byifashishijwe

1. IRST,(2000),Inkoranya y'Ikinyarwanda mu Kinyarwanda Igitabo cya 1,icya 2,icya 3 n'icya 4 ,Butare: IRST.

2. Minisiteri y'Amashuri Abanza n'Ayisumbuye, (Kamena 1983), Urutonde rw'Amuga , Ikinyarwanda – Igifaransa , Ibiro by'Integanyanyigisho z'Amashuri Abanza n'iz'Agamije Amajyambere y'Imyuga , Kigali.

3. Ministry of Education Science, Technology and Scientific Research (2004), A Guide to Civic Education, Upper primary Level, Life Skills For Rwandan Primary Schools, NCDC, Kigali.

4. Ministry of Education, NCDC,(2010),The History of Rwanda, A Participatory Approach, teacher's guide for secondary schools, JKF.

5. Rwanda Education Board, (2015), Integanyanyigisho y'Amasomo Mbonezamubano n'Ubumenyi bw'Iyobokamana, Ikiciro cya mbere cy'Amashuri Abanza, Kigali.

6. www.minaloc.gov.rw

7. www.nec.gov.rw

8. www.nsir.gov.rw